9° igikorwa cyo guhishira: gusenya, guhimba, guhindura cyangwa guhisha ibimenyetso bifatika ku iperereza cyangwa gutanga amakuru atari yo mu gihe cy'iperereza kandi bigambiriwe mu rwego rwo kubuza ko iperereza rikorwa ku bikorwa bya ruswa, byo guhatira cyangwa by'uburiganya kimwe no gukangisha, kwandagaza cyangwa	9° obstructive practice: destroying, falsifying, altering or concealing material evidence to the investigation or making false statements to investigators deliberately in order to materially impede investigation into corrupt practices, coercive or fraudulent practices, and threatening, slandering or intimidating any party to	9° pratique obstructive : détruire, falsifier, modifier ou dissimuler des preuves matérielles à l'enquête ou faire de fausses déclarations aux enquêteurs délibérément afin d'empêcher matériellement les enquêtes sur les pratiques de corruption, les pratiques coercitives ou frauduleuses, et menacer, diffamer ou intimider une partie pour

gutera ubwoba undi muntu wese ufite ibyo azi ku iperereza ririmo rikorwa hagamijwe kumubuza kubishyira ahagaragara cyangwa kubangamira ikurikiranwa ry'iperereza; 10° igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa: inyandiko itegurwa n'urwego rutanga isoko irimo ibisobanuro bya ngombwa byerekana uko inyandiko y'ipiganwa itegurwa, uko isoko ritangwa n'uko rishyirwa mu bikorwa; 11° igitabo ngenderwaho: inyandiko y'icyitegererezo ishingirwaho n'urwego rutanga isoko mu gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa; 12° ikigo gifite ubuzimagatozi: isosiyete y'ubucuruzi ya Leta n'itari iya Leta, ubufatanye mu bucuruzi, koperative, fondasiyo ikora ibikorwa by'ubucuruzi, umuryango utari uwa Leta ukora ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa urundi rwego rutari umuntu ku giti cye bihabwa uburenganzira n'inshingano imbere y'amategeko; 13° ikoranabuhanga mu masoko ya Leta: ikoreshwa ry'uburyo bw'ikoranabuhanga mu nzego zitanga amasoko ya Leta mu mikoranire yazo	prevent it from disclosing its information about matters relevant to the investigation or from pursuing the investigation; 10° tender document: a document containing information required for the preparation of bids, the award process and the procurement contract execution; 11° standard bidding document: a standard document on the basis of which a procuring entity prepares the tender document; 12° legal entity: a state-owned company, a non-public company, a partnership, a cooperative, a business-oriented foundation, a business-oriented non-governmental organisation, or any other non-natural person that is assigned rights and obligations by the law; 13° e-procurement: the use of electronic system by procuring entities in conducting their procurement relationships with bidders for public	l'empêcher de communiquer des informations qu'elle détient sur l'enquête ou de poursuivre l'enquête ; 10° dossier d'appel d'offres : document comprenant les renseignements pour l'élaboration de la soumission, le processus d'attribution du marché et l'exécution du contrat de marché ; 11° dossier d'appel d'offres type: document standard sur la base duquel l'entité de passation de marché prépare le dossier d'appel d'offres; 12° entité juridique: société commerciale de l'État, société commerciale non étatique, société de personnes, coopérative, fondation à vocation commerciale, organisation non-gouvernementale à vocation commerciale ou toute autre personne morale à laquelle la loi donne les droits et les obligations ; 13° passation électronique de marchés publics : utilisation du système électronique par les entités de passation de marché dans leurs relations avec les
--	--	---

n'abapiganira amasoko ya Leta; 14° ingwate y'ipiganwa: icyemezo gitangwa n'ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira kugira ngo cyishingire inyandiko y'ipiganwa; 15° ingwate yo kurangiza isoko neza: icyemezo gitangwa n'ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira hagamijwe kwizeza urwego rutanga isoko ko amasezerano y'isoko ritanzwe aramutse atagenze neza, haba mu rwego rwa tekini cyangwa ku byerekeye kubahiriza igihe ntarengwa cyagenwe, ruhabwa amafaranga ateganyijwe kuri icyo cyemezo; 16° inyandiko ngenderwaho: inyandiko igaragaza ibigomba gukurikizwa mu masoko ya Leta ishyirwaho n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano; 17° inyandiko nsobanuramiterere y'isoko: inyandiko yateguwe n'urwego rutanga isoko isobanura bihagije imiterere y'isoko ripiganirwa, ibikenewe kugira ngo rishyirwe mu bikorwa, ibigomba kwitabwaho n'ikizarivamo;	procurement; 14° bid security: a guarantee issued by an authorised financial institution to guarantee the bid; 15° performance security: a guarantee issued by a financial authorised institution to guarantee the procuring entity that in case the procurement contract is not well performed, be it technically or at the level of deadlines, the procuring entity receives the amount provided for such a guarantee; 16° requirements document: a document specifying the requirements to be complied with in public procurement issued by the State organ in charge of public procurement; 17° terms of reference: a document prepared by the procuring entity clearly defining the nature of the procurement, requirements for its execution, concerns to be considered and the expected results;	soumissionnaires dans le processus de passation de marchés publics ; 14° garantie de soumission : garantie émise par une institution financière habilitée, constituée pour garantir la soumission; 15° garantie de bonne exécution : engagement émis par une institution financière habilitée, pour garantir l'entité de passation de marché que si le contrat de marché n'est pas bien exécuté, que ce soit au niveau technique ou au niveau du respect des délais impartis, l'entité de passation de marché reçoit le montant prévu dans l'engagement ; 16° document des conditions requises : document contenant les conditions requises à respecter dans la passation de marchés publics établi par l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions ; 17° termes de référence : document préparé par l'entité de passation de marché et définissant clairement la nature du marché, les exigences de son exécution, les préoccupations à prendre en compte et les résultats attendus ;
--	--	--

18° inyandiko y'ipiganwa: inyandiko yatanzwe n'upiganwa igaragaza icyo asezeranye gukora;	18° bid or tender: an offer from a bidder describing his or her proposal;	18° offre ou soumission : offre soumise par un soumissionnaire décrivant sa promesse ;
19° inyigo: inyigo yimbitse igaragaza mu buryo bwuzuye imirimo yose ikenewe gukorwa, ibipimo byafashwe ku miterere y'ahazakorerwa imirimo harimo ibijyanye n'imiterere y'ubutaka no kudahungabanya ibidukikije, ibishushanyo ngenderwaho n'ibindi byose byashingiweho hagenwa ingano y'imirimo izakorwa;	19° study: a detailed study that fully describes all the work to be done, the measurements taken on the soil nature and environmental impact assessment, designs and drawings as well as any other thing considered to determine the amount of works to be done;	19° étude : étude qui décrit de manière détaillée tous les travaux à effectuer, les mesures prises sur la nature du sol et l'évaluation de l'impact environnemental, les plans et dessins ainsi que tout autre élément pris en compte pour déterminer la quantité des travaux à effectuer ;
20° ipiganwa risesuye: uburyo bukoreshwa mu ipiganwa buhamagarira abantu bose babishoboye gupiganira isoko hifashishijwe itangazo;	20° open tender: bidding process made open to all qualified bidders through a notice;	20° appel d'offres ouvert : processus d'appel d'offres ouvert à tous les soumissionnaires compétents par le biais d'un avis ;
21° isoko ry'imirimo: ibikorwa byose bijyanye n'ubwubatsi bisabwa n'urwego rutanga isoko;	21° tender for works: all activities related to construction upon the request by the procuring entity;	21° marché de travaux : toutes les activités liées à la construction à la demande de l'entité de passation de marché ;
22° isosiyete y'ubucuruza ya Leta: isosiyete y'ubucuruza Leta ibereye umunyamigabane rukumbi;	22° State-owned company: a company in which the State is the sole shareholder;	22° société commerciale de l'État : société commerciale ayant l'État comme seul actionnaire ;
23° Minisitiri: Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano;	23° Minister: Minister in charge of public procurement;	23° Ministre : Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions ;
24° nyir'umutungo nyawe: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi	24° beneficial owner: an individual or a legal entity holding a share or powers	24° bénéficiaire effectif : personne physique ou morale disposant d'une action ou des

bafite umugabane, ububasha bwo gutorera ibyemezo, gushyiraho no gukuraho abagize Inama y'Ubuyobozi cyangwa abagize urundi rwego rukora nkayo; 25° reji: uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta hakoreshejwe abakozi bwite ba Leta bakanakoresha ibikoresho bya Leta cyangwa hakoreshejwe urwego rwa Leta; 26° serivisi z'impuguke: ibikorwa bishingiye ku gukoresha ubumenyi cyangwa bifite imiterere idafatika bishobora gutangwa n'impuguke y'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi; 27° serivisi zitari iz'impuguke: ibikorwa byerekeye izindi serivisi zitandukanye na serivisi z'impuguke; 28° umukozi ushinze amasoko ya Leta: umukozi w'urwego rutanga isoko ufite ibijyanye n'imitangire y'amasoko ya Leta mu nshingano; 29° umunsi: buri munsi w'icyumweru, habariwemo n'ibiruhuko keretse iyo bigenwe ukundi mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;	to vote during the decision-making process or appoint and dismiss members of the Board of Directors or of any other organ with similar functions; 25° force account: public procurement method used by making recourse to the public servants and using public equipment or a public entity; 26° consultancy services: any intellectual services or of intangible nature that may be delivered by an individual consultant or a legal entity; 27° non-consultancy services: activities related to services other than consultancy services; 28° procurement officer: an employee of a procuring entity in charge of public procurement; 29° day: each day of the week, including holidays unless provided otherwise by the tender document;	pouvoirs lui permettant de voter pendant la prise de décision ou de nommer et révoquer les membres du conseil d'administration ou de tout autre organe ayant les mêmes fonctions; 25° régie : méthode de passation de marché public utilisée en faisant recours au personnel propre de l'État ou en utilisant les équipements de l'État ou une entité publique ; 26° services de consultance : prestations intellectuelles ou de nature intangible qui peuvent être délivrées par un consultant individuel ou une entité juridique ; 27° services de non consultance : activités en rapport avec les services autres que les services de consultance ; 28° agent chargé des marchés publics : agent d'une entité de passation de marché ayant les marchés publics dans ses attributions ; 29° jour : chaque jour de la semaine, y compris les jours de congé sauf disposition contraire du dossier d'appel d'offres ;
--	--	--

30° upiganwa: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi batanze inyandiko y'ipiganwa cyangwa bashobora gutanga inyandiko y'ipiganwa mu masoko ya Leta; 31° urubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta: ahantu kuri interineta hatanga uburyo bwo gukoreraho ibintu binyuranye mu itangwa ry'amasoko ya Leta hakoreshejwe ikoranabuhanga kandi upiganwa akahabona amakuru ku masoko yatangajwe n'inzego za Leta zitanga amasoko ya Leta; 32° urwego rwemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yaryo izindi nzego za Leta: urwego rwa Leta rutegura kandi rukanatanga isoko mu mwanya w'izindi nzego za Leta zitanga amasoko ya Leta, rukanagirana n'ugaritsindiye amasezerano asasiye yo gukorera izo nzego imirimo, kuzigemurira ibicuruzwa no kuziha serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke; 33° urwego rutanga isoko: urwego rwa Leta rutanga amasoko ya Leta;	30° bidder: any participant or potential participant in public procurement proceedings, whether physical or legal person; 31° e-procurement portal: a web-based system through which various public procurement operations are electronically conducted and which provides to bidder information on tender opportunities advertised by public procuring entities; 32° central purchasing body: a State organ which prepares and awards tenders on behalf of other public procuring entities and concludes a framework agreement with the successful bidder for works, supplies and consultancy and non-consultancy services; 33° procuring entity: a State organ which conducts the public procurement process;	30° soumissionnaire : tout participant ou participant potentiel à la concurrence dans le processus de passation de marchés publics, qu'il soit une personne physique ou morale ; 31° site de passation électronique de marchés publics : site web où s'effectuent électroniquement différentes opérations de passation de marchés publics et où le soumissionnaire trouve des informations sur les marchés publics publiés par les entités publiques de passation de marchés publics; 32° entité centrale d'approvisionnement : organe de l'État qui prépare l'appel d'offres et attribue le marché pour le compte des autres entités publiques de passation de marchés et qui signe avec l'attributaire du marché le contrat-cadre de travaux, de fournitures et de services de consultance et de non-consultance ; 33° entité de passation de marché : organe de l'État qui s'occupe du processus de passation de marchés publics ;
---	---	---

34° ushinzwe gushyira umukono ku masezerano y'isoko: umuntu wese uhabwa n'itegeko ububasha bwo kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu rwego rwa Leta arimo; 35° uwatsindiye isoko: a) uwo isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ryerekanye ko inyandiko ye ari yo yujuje ibisabwa kurusha izindi mu rwego rwa tekini no mu rwego rw'amafaranga, kandi urwego rutanga isoko akaba ari we rwegurira isoko; b) uwemerewe kugirana amasezerano y'isoko n'urwego rutanga isoko ku masoko ya Leta atariye mu ipiganwa. <u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko</u> Iri tegeko rireba amasoko yose y'imirimo, ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa n'aya serivisi z'impuguke cyangwa izitari iz'impuguke, bikenerwa n'urwego rutanga isoko. Icyakora: 1° iteka rya Perezida rigena uburyo	34° signatory of tender contract: any official empowered to be the Chief Budget Manager within his or her public entity; 35° successful bidder: a) a bidder whose offer has been, after bids evaluation, considered the most competitive both technically and financially and has been selected by the procuring entity; b) one who is selected to conclude a procurement contract with a procuring entity without having been subject to tendering proceedings. <u>Article 3: Scope of application</u> This Law applies to all procurement of works, goods or supplies and consultancy or non-consultancy services needed by the procuring entity. However: 1° a Presidential Order determines	34° signataire du contrat de marché : tout agent habilité à être le Gestionnaire principal du budget au sein de son entité publique ; 35° attributaire du marché : a) soumissionnaire dont l'offre qui, à la suite d'une évaluation des offres, a été jugée la plus avantageuse tant au point de vue technique que financier, et qui a été retenue par l'entité de passation de marché ; b) celui qui est retenu pour conclure un contrat de marché avec l'entité de passation de marché sans recourir aux procédures d'appel d'offres. <u>Article 3 : Champ d'application</u> La présente loi s'applique à tous les marchés de travaux, de biens ou de fournitures et de services de consultance ou de non-consultance dont l'entité de passation de marché a besoin. Toutefois : 1° un arrêté présidentiel détermine les
--	--	---

amasoko ya Leta yerekeye ibintu bigomba kugirirwa ibanga bijyanye no kurinda ubusugire bw'Igihugu n'umutekano wacyo atangwa; 2° iteka rya Minisitiri rigena imitangire y'amasoko ya Leta: a) muri za Ambassade no mu zindi nzego zihagarariye u Rwanda mu mahanga; b) mu masosiyete y'ubucuruzi ya Leta no mu bindi bigo bya Leta bifite imiterere y'umwihariko mu mikoreshereze y'imari; c) ku masoko y'ibihe bidasanzwe; d) ku masoko ajyanye no guhanga udushya. Mu gihe ingingo z'ibiteganywa mu masezerano Leta y'u Rwanda yagiranye n'umufatanyabikorwa cyangwa ikindi cyose bumvikanyeho kirebana n'amasoko ya Leta binyuranyije n'iri tegeko, ibiteganywa muri izo ingingo ni byo bikurikizwa.	modalities for awarding public procurement of classified items relating to national defence and security; 2° an Order of the Minister determines modalities for public tenders' award in: a) Rwandan diplomatic missions and other agencies representing Rwanda in foreign countries; b) state-owned companies and other State institutions with special status in financial management; c) emergency procurement; d) procurement related to innovation. In the event this law conflicts with any provisions of an agreement entered into between the Government of Rwanda and the partner or any other compromise between such two parties on public procurement, the content of the agreement applies.	modalités de passation de marchés publics d'articles classés secrets se rapportant à la défense et à la sécurité nationale ; 2° un arrêté du Ministre détermine les modalités d'octroi des marchés publics: a) dans les missions diplomatiques du Rwanda et dans d'autres institutions représentant le Rwanda à l'étranger ; b) dans les sociétés commerciales de l'État et dans d'autres institutions publiques ayant un statut spécial dans la gestion financière ; c) en cas de marchés d'urgence ; d) en cas de marchés en rapport avec l'innovation. En cas de conflit entre la présente loi et toute disposition d'un accord conclu entre le Gouvernement du Rwanda et le partenaire ou toute autre négociation entre ces deux parties en ce qui concerne les marchés publics, les dispositions dudit accord s'appliquent.
---	---	---

<u>Ingingo ya 4: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta</u> Urwego rutanga isoko rukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Icyakora, urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rushobora gutanga uburenganzira bwo gutanga amasoko ya Leta hadakoreshejwe ubwo buryo. Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu gutanga amasoko ya Leta hadakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta.	<u>Article 4: Use of e-procurement system</u> A public procuring entity conducts the procurement process using e-procurement system. However, the State organ in charge of public procurement may authorise to conduct public procurement proceedings without using the e-procurement system. An Order of the Minister determines the criteria for conducting public procurement proceedings without using the e-procurement.	<u>Article 4 : Utilisation du système de passation électronique de marchés publics</u> Une entité de passation de marché effectuée la passation de marchés via le système de passation électronique de marchés publics. Toutefois, l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions peut autoriser la passation de marchés publics sans recourir au système électronique. Un arrêté du Ministre détermine les critères de passation de marchés sans recourir au système de passation électronique de marchés publics.
<u>Ingingo ya 5: Imitunganyirize y'amasoko ya Leta</u> Imitunganyirize y'amasoko ya Leta ishingira kuri iri tegeko. Ishingira kandi ku mabwiriza agenga amasoko ya Leta, amategeko ngenganyitwarire n'igitabo ngenderwaho cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri. Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano ni rwo rushinzwe imitunganyirize y'amasoko ya Leta rukategura amabwiriza rusange, inyandiko ngenderwaho n'imirongo ngenderwaho birebana n'amasoko ya Leta.	<u>Article 5: Organisation of public procurement</u> The organisation of public procurement is governed by this Law. It is also governed by regulations, code of ethics and standard bidding document established by an Order of the Minister. The State organ in charge of public procurement is responsible for the organisation of public procurement and prepares general instructions, standard bidding document and guidelines related to public procurement.	<u>Article 5 : Organisation des marchés publics</u> L'organisation des marchés publics est régie par la présente loi, les règlements, le code de conduite et le dossier d'appel d'offres type établis par arrêté du Ministre. L'organisation des marchés publics est de la compétence de l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions qui prépare également les instructions générales, le document d'appel d'offres type et des directives

<u>Ingingo ya 6: Amahame remezo agenga amasoko ya Leta</u> Gutanga amasoko ya Leta byubahiriza amahame remezo akurikira: 1° gukorera mu mucyo; 2° ipiganisha; 3° kuzigamira Leta; 4° ubunyamwuga; 5° gutanga amahirwe angana no kudahaza; 6° gukora ibihanye kandi birambye; 7° gukoresha umutungo neza no kwihutisha akazi; 8° kwirengera ibyemezo byafashwe.	<u>Article 6: Fundamental principles governing public procurement</u> The awarding of public procurement is governed by the following principles: 1° transparency; 2° competition; 3° economy; 4° professionalism; 5° fairness and inclusiveness; 6° efficiency and sustainability; 7° value for money and fast work; 8° accountability.	relatifs aux marchés publics. <u>Article 6 : Principes fondamentaux régissant les marchés publics</u> La passation de marchés publics est soumise aux principes fondamentaux suivants : 1° la transparence ; 2° la concurrence ; 3° l'économie ; 4° le professionnalisme ; 5° l'équité et la non-discrimination ; 6° le travail efficace et durable ; 7° le rapport qualité-prix et le travail rapide; 8° la responsabilité.
<u>UMUTWE WA II: ITANGWA RY'AMASOKO YA LETA</u> <u>Icyiciro cya mbere: Inzego zigira uruhare mu masoko ya Leta</u>	<u>CHAPTER II: AWARD OF PUBLIC PROCUREMENT</u> <u>Section One: Entities involved in public procurement</u>	<u>CHAPITRE II : ATTRIBUTION DES MARCHÉS PUBLICS</u> <u>Section première : Entités intervenant dans la passation de marchés publics</u>

<u>Ingingo ya 7: Inzego zigira uruhare mu itangwa ry'amasoko ya Leta</u> Inzego zigira uruhare mu itangwa ry'amasoko ya Leta ni izi zikurikira: 1° urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano; 2° urwego rutanga isoko; 3° akanama k'ubujurire kigenga. Icyakora, Minisitiri w'Intebe ashobora gushyiraho akanama gahuriweho n'inzego bireba kugira ngo gafate ibyemezo ku mitangire n'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko hashingiwe ku miterere yihariye yaryo. <u>Ingingo ya 8: Ubufatanye mu gutunganya amasoko ya Leta</u> Urwego rutanga isoko, upiganwa, ushobora gupiganwa mu masoko ya Leta n'ushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko rya Leta bagomba gukorana n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano mu rwego rwo kurangiza inshingano zarwo. <u>Icyiciro cya 2: Inzego zitanga amasoko ya Leta</u>	<u>Article 7: Entities involved in awarding public tenders</u> Entities involved in awarding public procurement are the following: 1° the State organ in charge of public procurement; 2° procuring entity; 3° independent review panel. However, the Prime Minister may establish an inter-institutional panel to decide on tender awarding and its implementation depending on the specificity of the tender. <u>Article 8: Collaboration in the organisation of public procurement</u> A public procuring entity, bidder, potential bidder and a person in charge of execution of the procurement contract must cooperate with the State organ in charge of public procurement for the smooth achievement of their respective missions. <u>Section 2: Public procuring entities</u>	<u>Article 7: Entités intervenant dans la passation des marchés publics</u> Les entités intervenant dans la passation des marchés publics sont les suivantes : 1° l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions; 2° l'entité de passation de marché ; 3° le comité indépendant de recours. Toutefois, le Premier Ministre peut mettre en place un comité interinstitutionnel pour prendre des décisions sur l'attribution et la mise en œuvre d'un marché suivant la particularité de ce dernier. <u>Article 8 : Collaboration dans l'organisation des marchés publics</u> L'entité de passation de marché public, le soumissionnaire, le soumissionnaire potentiel et la personne chargée de l'exécution du contrat de marché collaborent avec l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions en vue de la bonne réalisation de leurs missions respectives. <u>Section 2 : Entités de passation de marchés publics</u>
---	---	---

<u>Ingingo ya 9: Inzego zitanga amasoko ya Leta</u>	<u>Article 9: Public procuring entities</u>	<u>Article 9 : Entités de passation de marchés publics</u>
Inzego zitanga amasoko ya Leta ni izi zikurikira:	Public procuring entities are the following:	Les entités de passation de marchés publics sont les suivants :
1° urwego rwo mu butegetsi bwite bwa Leta;	1° a central government organ;	1° organe de l'administration centrale ;
2° urwego rwihariye;	2° a specialised organ;	2° organe spécialisé ;
3° inama y'Igihugu;	3° a national council;	3° conseil national ;
4° ikigo cya Leta;	4° a public institution;	4° établissement public ;
5° komisiyo y'Igihugu;	5° a national commission;	5° commission nationale ;
6° umushinga wa Leta;	6° a government project;	6° projet gouvernemental ;
7° urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage;	7° a decentralised administrative entity;	7° entité administrative décentralisée ;
8° isosiyete y'ubucuruzi ya Leta;	8° a State-owned company;	8° société commerciale de l'État ;
9° ambasade n'izindi nzego zihagarariye u Rwanda mu mahanga;	9° Rwandan diplomatic missions and other agencies representing Rwanda in foreign countries;	9° missions diplomatiques du Rwanda et dans d'autres institutions représentant le Rwanda à l'étranger ;
10° urundi rwego rwahawe ububasha n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.	10° any other organ so empowered by the concerned Chief Budget Manager.	10° tout autre organe ainsi habilité par le Gestionnaire principal du budget concerné.

<u>Ingingo ya 10:</u> Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta n'inshingano zako Urwego rutanga isoko rushyiraho akanama gahoraho gashinzwe gutanga amasoko ya Leta. Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gafite inshingano zikurikira: 1° gusesengura inyandiko z'ipiganwa; 2° gutanga umwanzuro ku itangwa ry'isoko; 3° gutanga imyanzuro ku bibazo byose birebana n'amasoko ya Leta; 4° gutanga inama ku gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa mbere y'uko gitangazwa; 5° gutanga inama ku masoko agomba gutangwa hakoreshejwe uburyo butari ipiganwa risesuye; 6° gutanga inama ku mpinduka zose ku masezerano y'isoko;	<u>Article 10:</u> Public tender committee and its responsibilities The procuring entity establishes a permanent public tender committee. A public tender committee has the following responsibilities: 1° to evaluate bids; 2° to recommend tender award; 3° to provide recommendations on all issues relating to public procurement; 4° to provide advice on tender document before its publication; 5° to recommend tenders to be awarded through other method than the open tender; 6° to provide recommendations on any change to be carried out on the procurement contract;	<u>Article 10 :</u> Comité de passation de marchés publics et ses attributions L'entité de passation de marché public met en place un comité permanent de passation de marchés publics. Le comité permanent de passation de marchés publics a les attributions suivantes : 1° évaluer les offres ; 2° proposer l'attribution du marché ; 3° proposer des solutions à toutes les questions relatives aux marchés publics ; 4° donner des avis sur le dossier d'appel d'offres avant sa publication ; 5° donner des recommandations sur des marchés à attribuer au moyen d'une méthode autre que l'appel d'offres ouvert; 6° donner des recommandations sur toute modification à apporter au contrat de marché ;
---	---	---

7° gufungura inyandiko z'ipiganwa iyo zitatanzwe hifashishijwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Iteka rya Ministiri rigena abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta, imiterere n'imikorere byako. Urwego rutanga isoko rushobora gutumira impuguke kugira ngo ifashe akanama gashinzwe amasoko ya Leta mu itangwa ry'isoko, iyo mpuguke ntigira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo. Icyakora, hashingiwe ku miterere yihariye y'isoko, urwego rushinzwe kureberera urwego rutanga isoko rushobora gushyiraho akanama k'amasoko ya Leta kadahoraho bisabwe n'urwego rutanga isoko. Iyo urwego rutanga isoko rudafite urwego rurureberera, akanama k'amasoko ya Leta kadahoraho kavugwa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo gashobora gushyirwaho n'umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta muri urwo rwego. Iteka rya Minisitiri rigena ibigenderwaho mu kugena abagize akanama k'amasoko ya Leta	7° to open bids in case they have not been submitted through e-procurement. An Order of the Minister determines members of public tender committee, its organisation and functioning. The procuring entity may invite a consultant to provide support to a public tender committee in public procurement award. Such consultant does not participate in decision-making. However, based on the specific nature of the tender, the supervising authority of the procuring entity may, upon request by the procuring entity, establish an ad hoc tender committee to award such a tender. In the event the procuring entity does not have any supervising authority, ad hoc tender committee referred to in Paragraph 5 of this Article may be established by the supervisor of the Chief Budget Manager for that entity. An Order of the Minister determines modalities for the designation of members of	7° procéder à l'ouverture des offres lorsqu'elles n'ont pas été soumises au moyen du système de passation électronique de marchés publics. Un Arrêté du Ministre détermine les membres du comité de passation de marchés publics, son organisation et son fonctionnement. L'entité de passation de marché peut inviter un consultant pour prêter assistance au comité de passation de marchés publics dans l'octroi du marché public. Ce consultant ne participe pas dans la prise des décisions. Toutefois, en fonction de la particularité du marché, l'autorité de tutelle de l'entité de passation de marché peut, sur demande de l'entité de passation de marché, mettre en place un comité ad hoc de passation de marchés publics. Lorsque l'entité de passation de marché n'a pas d'autorité de tutelle, le comité ad hoc de passation de marchés publics visé à l'alinéa 5 du présent article peut être mis en place par la hiérarchie supérieure du Gestionnaire principal du budget de cette entité. Un Arrêté du Ministre détermine les modalités de désignation des membres du comité ad hoc de
--	--	---

kadahoraho n'imikorere yako. <u>Ingingo ya 11:</u> Umukozi ushinzwe amasoko ya Leta n'inshingano ze Urwego rutanga isoko rushyiraho umukozi cyangwa abakozi bashinzwe amasoko ya Leta bafite inshingano yo gutunganya amasoko ya Leta kuva ku igenamigambi kugeza amasezerano y'isoko arangiye. By'umwihariko, umukozi cyangwa abakozi bashinzwe amasoko ya Leta bafite inshingano zikurikira: 1° gutegura umushinga w'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta n'umushinga w'ivugurura ryaryo; 2° gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa; 3° gutangaza no gukwirakwiza inyandiko ihamagarira ipiganwa; 4° kwakira no kubika neza inyandiko z'ipiganwa; 5° gusaba ababifitiye ububasha gufata ibyemezo ku myanzuro y'itangwa	the ad hoc tender committee and its functioning. <u>Article 11:</u> Procurement officer and his or her responsibilities The procuring entity puts in place a procurement officer or procurement officers in charge of organising the public procurement process from the planning stage to the end of the procurement contract execution. In particular, the procurement officer or procurement officers have the following responsibilities: 1° to prepare the draft public procurement plan and the draft revision of public procurement plan; 2° to prepare tender document; 3° to advertise and distribute tender notice; 4° to receive and safe keep bids; 5° to request competent authorities to approve recommendations for the	passation de marchés publics et de son fonctionnement. <u>Article 11 :</u> Agent chargé des marchés publics et ses attributions L'entité de passation de marché met en place un agent ou des agents chargés des marchés publics, dont l'attribution est d'organiser la passation de marchés publics de la planification à la fin d'exécution du contrat de marché. En particulier, l'agent ou les agents chargés des marchés publics ont les attributions suivantes : 1° préparer le projet de plan de passation de marchés publics et le projet de révision du plan de passation de marchés publics; 2° préparer le dossier d'appel d'offres ; 3° publier et distribuer l'avis d'appel d'offres ; 4° réceptionner les offres et les garder en un endroit sécurisé ; 5° requérir des autorités compétentes l'approbation des propositions
---	---	--

ry'isoko; 6° gutegura inyandiko imenyeshawatsindiye isoko; 7° gutegura umushinga w'amasezerano y'isoko n'impinduka ku masezerano y'isoko; 8° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko bafatanyije n'ishami rirebwa n'iryo soko; 9° gukora indi nshingano yababwa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta. <u>Ingingo ya 12: Inshingano z'ishami rirebwa n'isoko rya Leta</u> Mu rwego rutanga isoko, ishami rirebwa n'isoko rifite inshingano zikurikira: 1° kugaragaza ibikenewe bizajya mu igenamigambi ry'amasoko ya Leta ry'urwego rutanga isoko no gukora ubushakashatsi ku biciro biri ku isoko kuri ibyo bikorwa; 2° gutegura ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na	award of tender; 6° to prepare notification of tender award to a successful bidder; 7° to prepare the draft tender contract and amendments to a tender contract; 8° to monitor procurement contract execution in collaboration with user department; 9° to carry out any other duty assigned to him or her by the regulations governing public procurement. <u>Article 12: Responsibilities of the user department</u> In the procuring entity, the user department has the following responsibilities: 1° to indicate the needs to be catered for in the public procurement plan of the procuring entity and conduct the market survey thereof; 2° to prepare technical specifications of goods or supplies, works and non-	d'attribution du marché ; 6° préparer la lettre de notification à l'attributaire du marché ; 7° préparer le projet de contrat du marché et les modifications au contrat de marché ; 8° assurer le suivi de l'exécution du contrat de marché en collaboration avec le service bénéficiaire ; 9° exécuter toute autre attribution lui confiée par les règlements régissant les marchés publics. <u>Article 12: Attributions du service bénéficiaire du marché public</u> Au sein de l'entité de passation de marché public, le service bénéficiaire a les attributions suivantes : 1° présenter les besoins devant figurer dans le plan de passation de marchés publics de l'entité de passation de marché, et en faire une évaluation des prix sur le marché ; 2° préparer les spécifications techniques des biens ou fournitures, des travaux, et ceux
--	--	--

serivisi zitari iz'impuguke; 3° gutegura inyandiko nsobanuramiterere y'isoko rya servizi z'impuguke; 4° kwemeza ko ibyakozwe byujuje ibisabwa nk'uko biteganyijwe mu masezerano y'isoko; 5° kugira uruhare mu micungire y'amasezerano y'isoko no mu gukurikikirana ishyingirwa mu bikorwa ryayo. <u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'umujyanama mu by'amategeko mu itangwa ry'amasoko ya Leta Umujyanama mu by'amategeko w'urwego rutanga isoko atanga inama ku byerekeye: 1° gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa; 2° imishyikirano yo kumvikana ku mushinga w'amasezerano y'isoko; 3° gutegura umushinga w'amasezerano y'isoko n'impinduka ku masezerano y'isoko;	consultancy services; 3° to prepare the terms of references of tender for consultancy services; 4° to approve that the tender execution complies with the requirements of the procurement contract; 5° to participate in the procurement contract management and in the follow-up of its execution. <u>Article 13:</u> Responsibilities of the legal adviser in public procurement The legal adviser of the procuring entity provides advice on: 1° preparation of the tender document; 2° procurement contract proposal negotiation; 3° procurement contract proposal drafting and amendment;	des services de non-consultance ; 3° préparer les termes de référence d'un marché de services de consultance; 4° approuver que l'exécution du marché est conforme aux termes du contrat de marché; 5° avoir un rôle dans la gestion du contrat de marché et dans le suivi de son exécution. <u>Article 13:</u> Attributions du conseiller juridique dans la passation de marchés publics Le conseiller juridique de l'entité de passation de marché donne avis concernant : 1° la préparation du dossier d'appel d'offre ; 2° les négociations du projet de contrat du marché ; 3° la préparation du projet de contrat de marché et sa modification;
--	--	--

4° ibibazo byagaragaye mu itangwa ry'isoko cyangwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko. <u>Ingingo ya 14: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta mu itangwa ry'amasoko ya Leta</u> Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta mu rwego rutanga isoko afite inshingano zikurikira: 1° gushyiraho no kumanaho abagize akanama k'amasoko ya Leta amaze kugisha inama ubuyobozi bw'urwego rutanga isoko; 2° kwemeza umushinga w'igenamigambi ry'amasoko ya Leta y'urwego rutanga isoko, kwemeza umushinga w'ivugurura ryaryo no kubishyikiriza urwego rubifitiye ububasha kugira ngo rwemeze igenamigambi ry'amasoko ya Leta cyangwa ivugururwa ryaryo; 3° kwemeza inyandiko z'ipiganwa mbere yo kuzitangaza; 4° kwemeza raporo z'akanama gatanga	4° issues arising from the tender award or execution of the procurement contract. <u>Article 14: Responsibilities of the Chief Budget Manager in public procurement</u> Subject to the provisions of other relevant Laws, the Chief Budget Manager of a procuring entity has the following responsibilities: 1° to appoint and dismiss members of the tender Committee upon advice by the management of the procuring entity; 2° to approve the procurement plan proposal for the procuring entity, to approve the procurement plan revision proposal and to submit the same to the competent organ for approval; 3° to approve tender documents before their publication; 4° to approve public tender committee	4° les questions nées de la passation du marché ou de l'exécution du contrat de marché. <u>Article 14: Attributions du Gestionnaire principal du budget dans la passation de marchés publics</u> Sous réserve des dispositions d'autres lois, le Gestionnaire principal du budget de l'entité de passation de marché a les attributions suivantes : 1° nommer et révoquer les membres du comité de passation de marchés publics, sur avis de l'administration de l'entité de passation de marché; 2° approuver le projet de plan de passation de marchés publics de l'entité de marché public, approuver le projet de révision du plan de passation de marchés publics et les soumettre à l'organe compétent pour approbation ; 3° approuver les dossiers d'appel d'offres avant leur publication ; 4° approuver les rapports du comité de
--	--	--

amasoko ya Leta, raporo y'imishyikirano ku masezerano y'isoko, itangwa ry'isoko na raporo ku micungire y'amasezerano y'isoko;	reports, procurement contract negotiation, tender award and procurement contract management reports;	passation de marchés publics, le rapport des négociations du contrat de marché, le rapport d'attribution de marché et le rapport de gestion du contrat de marché ;
5° gushyira umukono ku masezerano y'isoko mu izina ry'urwego rutanga isoko;	5° to sign the procurement contract on behalf of the procuring entity;	5° signer le contrat de marché au nom de l'entité de passation de marché ;
6° gushyiraho ushinzwe cyangwa itsinda rishinzwe gucunga amasezerano y'isoko;	6° to appoint the procurement contract manager or procurement contract management team;	6° nommer le gestionnaire ou l'équipe de gestion du contrat de marché;
7° guhuza ibikorwa bijyanye no gucunga amasezerano y'amasoko ya Leta mu rwego rutanga amasoko ya Leta;	7° to ensure overall coordination of the public procurement contract management duties;	7° assurer la coordination générale des fonctions de gestion des contrats de marchés publics ;
8° kumenyesha umuyobozi mukuru w'urwego rutanga isoko, aho bikenewe, n'urwego rureberera urwego rutanga isoko cyangwa umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta muri urwo rwego iyo rudafite urwego rurureberera, ibyerekeye igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta, ishyirwa mu bikorwa ryaryo, impinduka zirikorwaho, na raporo y'isuzuma ry'ukuri.	8° to inform the head of the procuring entity, where applicable, and the supervising authority of the procuring entity or the supervisor of the Chief Budget Manager in the case such procuring entity does not have a supervising authority, of the procurement plan, its implementation, changes to the procurement plan, and of due-diligence report.	8° informer l'entité de passation de marché, le cas échéant, et l'autorité de tutelle de l'entité de passation de marché ou la hiérarchie de son Gestionnaire principal du budget dans le cas où cette entité n'a pas d'autorité de tutelle, du plan de passation de marché, de sa mise en œuvre, des modifications qui y sont apportées et du rapport de vérification.

Iyo Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta atari we muyobozi mukuru w'urwego rutanga isoko, gushyikiriza raporo ziteganywa mu gace ka 8° k'iyi ngingo urwego rureberera urwego rutanga isoko bikorwa binyuze ku muyobozi mukuru w'urwego rutanga isoko. <u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z'Inama Njyanama, iz'Inama y'Ubuyobozi n'iz'inzego zikora nkayo mu itangwa ry'amasoko ya Leta Bitabangamiye ibiteganywa mu mategeko azigenga, Inama Njyanama, Inama y'Ubuyobozi n'inzego zikora nkayo zifite inshingano yo kwemeza igenamigambi ry'amasoko ya Leta, kwemeza ivugurura ryaryo no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo. <u>Icyiciro cya 3:</u> Ibisabwa urwego rutanga isoko <u>Ingingo ya 16:</u> Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta Nyuma y'uko ingengo y'imari ya Leta yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha, urwego rutanga isoko, rwifashishije ikoranabuhanga mu masoko ya Leta,	In case the Chief Budget Manager is not the head of the procuring entity, the submission to the supervising authority of reports provided for under item 8° of this Article is done through the head of the procuring entity. <u>Article 15:</u> Responsibilities of Councils, Board of Directors and those of other organs of similar functions in public procurement Without prejudice to applicable laws, Councils, Board of Directors and those other organs of similar functions have the responsibility of approving the public procurement plan and the public procurement plan revision and following up their implementation. <u>Section 3:</u> Requirements for a procuring entity <u>Article 16:</u> Public procurement planning After the adoption of the State finance Law by the competent organ, the procuring entity, using e-procurement, prepares and submits to the Ministry in charge of public procurement	Au cas où le Gestionnaire principal du budget n'est pas le responsable de l'entité de passation de marché, la soumission des rapports visés au point 8° du présent article à l'autorité de tutelle de l'entité de passation de marché se fait par le biais du responsable de l'entité de passation de marché. <u>Article 15 :</u> Responsabilités des Conseils, des Conseils d'administration ainsi que d'autres organes ayant les fonctions similaires en matière de marchés publics Sans préjudice des dispositions des lois y relatives, les Conseils, les Conseils d'administration et les autres organes ayant des fonctions similaires ont pour attributions d'approuver le plan de passation de marchés publics et de la révision du plan de passation de marchés publics et de faire le suivi de leur mise en œuvre. <u>Section 3 :</u> Exigences pour l'entité de passation de marché <u>Article 16 :</u> Planification de passation de marchés publics Après l'adoption de la loi des finances de l'État par l'organe compétent, l'entité de passation de marché prépare et soumet au Ministère ayant les marchés publics dans ses attributions et à
--	--	---

rutegura kandi rugashyikiriza Minisitiri ifite amasoko ya Leta mu nshingano n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta ry'umwaka rigaragaza ibikorwa bizatangirwa amasoko, ibyo ruzageraho n'ingengo y'imari izabigendaho yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha, bitarenze tariki ya 31 Nyakanga ya buri mwaka. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo itegurwa ry'igenamigambi ry'amasoko ya Leta rikorwa, ibirikubiyemo n'uburyo ritangazwa. <u>Ingingo</u> ya 17: Ivugururwa ry'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishobora kuvugururwa inshuro zitarenze ebyiri (2) mu mwaka w'ingengo y'imari. Icyakora, igenamigambi ry'umwaka ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishobora kuvugururwa inshuro zirenze ebyiri (2) mu gihe bibaye ngombwa. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ivugururwa ry'igenamigambi ry'itangwa	and the State organ in charge of public procurement planning the annual procurement plan indicating activities to be subjected to procurement process and expected results and related budget adopted by the competent organ, not later than 31st July of each year. An Order of the Minister determines modalities for the preparation of public procurement plan, its content and its publication. <u>Article 17: Revision of public procurement plan</u> The revision of public procurement plan may be conducted for not more than twice (2) a fiscal year. However, the revision of public procurement plan may be conducted more than twice (2) a fiscal year where necessary. An Order of the Minister determines modalities for the revision of public	l'organe de l'État ayant la planification des marchés publics dans ses attributions, à travers le système de passation électronique de marchés publics, le plan annuel de passation de marchés indiquant les activités à soumettre à l'appel d'offres et les résultats attendus ainsi que le budget y relatif adopté par l'organe compétent, au plus tard le 31 juillet de chaque année. Un Arrêté du Ministre détermine les modalités d'élaboration du plan de passation des marchés publics, son contenu et sa publication. <u>Article 17 : Révision du plan de passation de marchés publics</u> La révision du plan de passation de marchés publics peut se faire tout au plus deux (2) fois dans une année budgétaire. Toutefois, en cas de nécessité, la révision du plan de passation de marchés publics peut se faire plus de deux (2) fois dans une année budgétaire. Un Arrêté du Ministre détermine les modalités de révision du plan de passation de marchés
--	--	--

ry'amasoko ya Leta rikorwa n'ibishingirwaho. <u>Ingingo ya 18:</u> Ibyitabwaho mu igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishingira kuri raporo y'ibiciro biri ku isoko byaturutse ku bushakashatsi bwakozwe n'ishami rirebwa n'isoko mu rwego rutanga isoko. Mu itegurwa ry'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko, urwego rutanga isoko rwitwararika ko hari ingengo y'imari ihagije yabigenewe kandi rukubahiriza amategeko abigenga. Isoko ntirishobora gutangwa mu gihe amafaranga yo kurishyira mu bikorwa atateganyijwe mu ngengo y'imari yatowe, uretse igihe byemejwe ukundi na Minisitiri. Iyo ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rirenga umwaka w'ingengo y'imari, urwego rutanga isoko ruteganya mu ngengo y'imari y'uwo mwaka amafaranga ahwanye n'ibikorwa bizakorwa uwo mwaka. Ingengo y'imari y'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko mu yindi myaka isigaye iteganywa buri mwaka w'ingengo y'imari. Ku isoko ry'imirimu, umuyobozi ushinze	procurement plan and its criteria. <u>Article 18:</u> Factors to be considered in public procurement planning The public procurement plan award is based on the report on the market prices produced by the procuring entity's user department after a research. During the procurement planning process, the procuring entity ensures that there is sufficient budget allocation and complies with relevant laws. A tender cannot be solicited if the money for its execution is not provided for in the adopted budget, except otherwise approved by the Minister. If the execution period for the tender is longer than the fiscal year, the procuring entity allocates in the budget of the year the money corresponding to the planned activities. The tender execution budget for the remaining years is provided for each fiscal year. For the tender of works, the budget manager	publics et ses critères. <u>Article 18 :</u> Facteurs pris en compte lors de la planification de passation de marchés publics Le plan de passation de marchés publics est basé sur le rapport sur les prix du marché produit par le service de l'entité de passation de marché bénéficiaire du marché après une recherche. Durant le processus d'élaboration du plan de passation de marchés, l'entité de passation de marché s'assure de l'existence du budget suffisant ainsi que du respect de la législation en la matière. L'appel d'offres ne peut pas être lancé lorsque l'argent pour son exécution n'est pas prévu dans le budget adopté, à moins d'approbation contraire du Ministre. Lorsque l'exécution du marché dépasse l'année budgétaire, l'entité de passation de marché prévoit dans le budget de cette année l'argent correspondant aux activités prévues. Le budget d'exécution du marché pour les années restantes est prévu chaque année budgétaire. Pour le marché de travaux, le gestionnaire du
--	--	---

gucunga imari n'umutungo bya Leta ateganyiriza ibikorwa by'imirimo mu ngengo y'imari iyo bifite inyigo yemejwe. Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'isoko ry'imirimo riteganywa bidasabye inyigo. Urwego rutanga isoko ntirwemerewe gutanga isoko mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. Icyakora, byemejwe na Minisitiri ufite imari mu nshingano, urwego rutanga isoko rushobora gutangira ibyerekeye gutanga isoko mbere y'uko ingengo y'imari yemezwa. <u>Ingingo ya 19: Gutanga amakuru mu masoko ya Leta</u> Gutanga amakuru hagati y'urwego rutanga isoko n'upiganwa, ushobora gupiganwa cyangwa uwatsindiye isoko bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Icyakora, ku masoko ya Leta atangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga cyangwa mu gihe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ridakora, hakoreshwa inyandiko isanzwe cyangwa aderesi y'ikoranabuhanga.	plans in the budget activities for the works if their detailed study has been approved. An Order of the Minister determines the nature of works whose tender does not require a study. The procuring entity is not allowed to award tender before the adoption of the State budget by the competent organ. However, with the approval of the Minister in charge of finance, a procuring entity may initiate a tender process before the final adoption of the budget. <u>Article 19: Communication in public procurement</u> Communication in public procurement between the procuring entity, the bidder, the prospective bidder or the successful bidder is made through e-procurement system. However, public tenders awarded without using e-procurement system or in the event the e-procurement system is not working, communication is done writing either in hard or through electronic address.	budget planifie dans le budget les activités en rapport avec ces travaux lorsque leur étude détaillée a été approuvée. Un Arrêté du Ministre détermine la nature des travaux dont le marché n'exige pas d'étude. L'entité de passation de marché n'est pas autorisée à attribuer le marché avant l'adoption du budget de l'État par l'organe compétent. Toutefois, avec l'autorisation du Ministre ayant les finances dans ses attributions, l'entité de passation de marchés peut commencer la procédure de passation de marché avant l'adoption définitive du budget. <u>Article 19: Communication dans la passation de marchés publics</u> Toute communication dans le cadre de la passation de marchés publics entre l'entité de passation de marché, le soumissionnaire, le soumissionnaire potentiel et l'attributaire du marché est faite au moyen du système de passation électronique de marchés publics. Toutefois, lorsque le système de passation électronique de marchés publics ne fonctionne pas ou pour des marchés passés en dehors du système électronique, cette communication se fait par écrit au physique ou via l'adresse électronique.
---	--	--

Igihe habaye impamvu ituma ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ridakora, amakuru atangwa hakoreshejwe uburyo bukoreshwa ku masoko ya Leta atangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Icyakora, iyo ikibazo cyatumaga ikoranabuhanga mu masoko ya Leta rikakoreshwa gikemutse, uwo bireba amenyekanisha amakuru akoresheje ikoranabuhanga mu masoko ya Leta bitarenze umunsi icyo kibazo cyakemukiyeho. Iyo ari ngombwa ko haba ibiganiro bibanziriza itangwa ry'isoko cyangwa gusura ahazakorerwa imirimo, iby'ingenzi biva mu biganiro n'ibisobanuro byabereye ahazakorerwa imirimo, birandikwa kandi bigashyikirizwa abo bireba bose hakoreshejwe uburyo bwo gutanga amakuru mu masoko ya Leta buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Amakuru agomba gutangwa mu rwego rw'amasoko ya Leta, atangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi ikurikira umunsi yasabiwe cyangwa ikurikira umunsi impamvu ituma itangwa ryayo ribaho.	Where there is a problem that leads e-procurement system not to work, the communication is made out of e-procurement system. However, when the problem that made it impossible to use -procurement system is resolved, the concerned user communicates using e-procurement system not later than the date on which such a problem is resolved. In case a pre-tender awarding meeting or site visit are necessary, the substance of discussions and clarifications are written down and communicated to the relevant parties using the means for public procurement communication referred to in Paragraph One of this Article. All information to be provided in relation to public procurement are provided within five (5) working days after it has been requested or after the occurrence of the reason for such a request.	En cas de problème faisant que le système de passation électronique de marchés publics ne fonctionne pas, la communication se fait en dehors du système de passation électronique de marchés publics. Lorsque le problème qui rendait impossible l'utilisation du système de passation électronique de marchés est résolu, l'utilisateur concerné fait la communication via le système de passation électronique de marchés publics dans un délai ne dépassant le jour auquel ce problème est résolu. Si, avant l'octroi du marché, ils sont nécessaires de tenir une réunion ou d'effectuer une visite du site, le contenu des discussions et des clarifications est consigné par écrit et communiqué aux parties concernées en utilisant les moyens de communication des marchés publics visés à l'alinéa premier du présent article. Toutes les informations à communiquer en rapport avec la passation de marchés publics sont données dans les cinq (5) jours ouvrables suivant leur demande ou la survenance du motif de cette demande.
--	--	--

<u>Ingingo ya 20: Ibanga mu mitangire y'amasoko ya Leta</u> Mu gihe cy'itangwa ry'isoko rya Leta cyangwa nyuma y'itangwa ryaryo, urwego rutanga isoko, umukozi warwo, ugize Inama y'Ubuyobozi cyangwa urwego rukora nkayo, ugize Inama Njyanama cyangwa ugize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta k'urwego rutanga isoko agira ibanga kuri ibi bikurikira: 1° amakuru ajyanye n'isoko ashobora gutangazwa bigatuma amategeko atubahirizwa cyangwa bikabangamira inyungu rusange z'Igihugu; 2° amakuru ajyanye n'isoko ashobora gutangazwa bigatuma uburenganzira bw'uwapiganwe bujyanye n'inyungu z'ubucuruzi bubangamirwa cyangwa bikica ihame ryo guha amahirwe angana abapiganwa; 3° amakuru ajyanye n'isesengura, igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa cyangwa ibisobanuro ku isoko; 4° ibigize inyandiko y'ipiganwa. Icyakora, ibikorwa bikurikira ntibifatwa nko	<u>Article 20: Confidentiality in public procurement award</u> During or after public procurement proceedings, a procuring entity, an employee of the procuring entity, a member of the Board of Directors or organ with similar functions or a member of public tender committee of the procuring entity is not allowed to disclose the following: 1° information relating to a procurement whose disclosure is likely to impede the respect for the Law or jeopardize general public interest; 2° information relating to a procurement whose disclosure would prejudice a bidder's legitimate commercial interest or inhibit fair competition; 3° information relating to the evaluation, comparison of bids or clarification on tenders; 4° the content of a bid. However, the following acts are not considered	<u>Article 20 : Confidentialité dans la passation de marchés publics</u> Durant ou après les opérations de passation du marché public, l'entité de passation de marché, un employé de l'entité de passation de marché, un membre du Conseil d'Administration ou de l'organe ayant les fonctions similaires ou un membre du comité de passation de marchés publics n'est pas autorisé à communiquer ce qui suit : 1° l'information relative à un marché dont la divulgation est de nature à nuire au respect de la loi ou à l'intérêt public; 2° l'information relative à un marché dont la divulgation pourrait porter préjudice aux intérêts légitimes commerciaux du soumissionnaire ou compromettre la concurrence équitable ; 3° l'information relative à l'évaluation, à la comparaison des offres ou aux éclaircissements sur le marché ; 4° le contenu de l'offre. Toutefois, les faits suivants ne sont pas
---	---	--

kumena ibanga: 1° guha amakuru ushinzwe gushyira umukono ku masezerano y'isoko; 2° gutanga amakuru ku mpamvu zo kubahiriza amategeko; 3° gutanga amakuru ku mpamvu y'ubujurire, iperereza, igenzura ry'itangwa ry'amasoko ya Leta cyangwa mu bundi buryo buteganywa n'itegeko; 4° gutanga amakuru bisabwe n'icyemezo cy'urukiko. <u>Icyiciro cya 4:</u> Akanama k'ubujurire kigenga <u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Akanama k'ubujurire kigenga n'uko bashyirwaho Akanama k'ubujurire kigenga kagizwe nibura n'abantu cumi n'umwe (11) batoranywa mu nzego za Leta, mu bikorera no mu miryango itari iya Leta. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Akanama k'ubujurire kigenga bagomba kuba ari abagore.	as the disclosure of confidential information: 1° the disclosure of information to the signatory of tender contract; 2° the disclosure of information for the respect for the Law; 3° the disclosure of information for the purpose of an appeal, investigation, public procurement award audit or for any other reasons provided for by the Law; 4° the disclosure of information pursuant to a court decision. <u>Section 4:</u> Independent review panel <u>Article 21:</u> Members of independent review panel and modalities for their appointment The independent review panel is composed of at least eleven (11) members chosen from the public sector, private sector and civil society. At least thirty percent (30%) of members of the independent review panel must be females.	considérés comme divulgation d'information confidentielle : 1° la communication d'information au signataire de contrat de marché; 2° la communication d'information à des fins du respect des lois ; 3° la communication d'information à des fins de recours, d'enquête, d'audit de passation de marchés publics ou à d'autres fins prévues par la loi; 4° la communication ordonnée par une décision judiciaire. <u>Section 4 :</u> Comité indépendant de recours <u>Article 21 :</u> Membres du comité indépendant de recours et modalités de leur nomination Le comité indépendant de recours est composé d'au moins onze (11) membres choisis dans le secteur public, le secteur privé et la société civile. Au moins trente pour cent (30%) des membres du comité indépendant de recours doivent être de sexe féminin.
--	--	--

Iteka rya Minisitiri rishyiraho abagize Akanama k'ubujurire kigenga. Rigena kandi imitunganyirize, inshingano, ububasha n'imikorere byako na manda y'abakagize.	An Order of the Minister determines members of the independent review panel. It also determines the organisation, responsibilities, powers and functioning of the independent review panel as well as the term of office for its members.	Un arrêté du ministre détermine les membres du comité indépendant de recours. Il détermine également l'organisation, les attributions, le pouvoir et le fonctionnement du comité indépendant de recours ainsi que le mandat de ses membres.
<u>Icyiciro cya 5:</u> Ubwoko bw'amasoko ya Leta n'uburyo atangwamo	<u>Section 5:</u> Types and methods of public procurement	<u>Section 5 :</u> Types et méthodes de passation de marchés publics
<u>Ingingo ya 22:</u> Ubwoko bw'amasoko ya Leta	<u>Article 22:</u> Types of public procurement	<u>Article 22:</u> Types de marchés publics
Ubwoko bw'amasoko ya Leta ni ubu bukurikira:	Types of public procurement are the following:	Les types de marchés publics sont les suivants :
1° amasoko y'imirimo;	1° procurement for works;	1° les marchés de travaux ;
2° amasoko y'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa;	2° procurement for goods or supplies;	2° les marchés de biens ou de fournitures ;
3° amasoko ya serivisi z'impuguke;	3° procurement for consultancy services;	3° les marchés de services de consultance ;
4° amasoko ya serivisi zitari iz'impuguke.	4° procurement for non-consultancy services.	4° les marchés de services de non consultance.
<u>Ingingo ya 23:</u> Uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta	<u>Article 23:</u> Methods to be used in public procurement	<u>Article 23 :</u> Méthodes à utiliser dans la passation de marchés publics
Urwego rutanga isoko rutanga amasoko ya Leta binyuze mu ipiganwa risesuye. Icyakora, uburyo bw'ipiganwa ridasesuye	The procuring entity awards public procurement through open competition. However, methods other than open	L'entité de passation de marché attribue les marchés publics à travers une concurrence ouverte. Toutefois, il peut être utilisé des

Official Gazette n° Special of 22/11/2022

bushobora gukoreshwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko. Mu itangwa ry'amasoko ya Leta, urwego rutanga isoko rukoresha bumwe mu buryo bukurikira: 1° ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora; 2° ipiganwa rigenewe abapiganwa bake; 3° gusaba ibiciro; 4° gutanga isoko nta piganwa ribayeho cyangwa ubwumvikane butaziguye; 5° uburyo bw'inzira ngufi; 6° reji; 7° gukoresha abaturage; 8° ipiganwa mu byiciro bibiri; 9° gutanga isoko hakoreshejwe ipiganwa mu buryo bwa cyamunara; 10° ipiganwa rishingiye ku guhanga uburyo bwo gukora igikenewe n'urwego rutanga isoko; 11° ipiganwa rishingiye ku gukora inyigo	competition may be used within the conditions provided for by this Law. In public procurement awarding, the procuring entity uses one of the following methods: 1° prequalification; 2° restricted tendering; 3° request for quotations; 4° single-source procurement or direct contracting; 5° simplified methods; 6° force account; 7° community participation; 8° two-stage tendering; 9° reverse auctioning; 10° design contest; 11° turnkey;	méthodes autres que la concurrence ouverte dans les conditions prévues par la présente loi. Lors de la passation de marchés publics, l'entité de passation de marché utilise l'une des méthodes suivantes : 1° la pré-sélection ; 2° l'appel d'offres restreint ; 3° la demande des cotations ; 4° gré à gré ou entente directe ; 5° les méthodes simplifiées ; 6° la régie ; 7° la participation communautaire ; 8° l'appel d'offres en deux étapes ; 9° l'enchère publique inversée ; 10° le concours de conception ; 11° la clé en main ;
--	---	--

y'imirimo, kuyishyira mu bikorwa idakurikiranywe na nyir'imirimo kugeza byose birangiye; 12° gutanga isoko bishingiye ku kuganira n'abari ku rutonde rw'abatoranyijwe mu bapiganwe; 13° ipiganwa rishingiye ku gukora inyigo y'imirimo no kuyishyira mu bikorwa nyir'imirimo ayikurikiranye; 14° gutanga isoko uwarihawe agakoresha amafaranga ye akishyurwa nyuma. Iteka rya Minisitiri rigena imikoreshereze y'uburyo bwo gutanga amasoko ya Leta buteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo n'ibigenderwaho. Riteganywa kandi ibyitabwaho mu kugena ipiganwa risesuye ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga. Uburyo bukoreshwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ikorwa ku bufatanye bw'inzego za Leta n'iz'abikorera bukurikiza amategeko abigenga. <u>Icyiciro cya 6:</u> Inzira ikurikizwa mu itangwa ry'isoko <u>Akicro ka mbere:</u> Gutegura isoko no	12° competitive dialogue; 13° design-and-build; 14° pre-financing. An Order of the Minister determines modalities for the use of public procurement methods provided for in Paragraph 2 of this Article and their criteria. It also provides for factors that are taken into consideration for determining a national and an international open competition tender. The method used for the execution of projects in public-private partnership applies in accordance with the relevant laws. <u>Section 6:</u> Tender award process <u>Subsection One:</u> Preparation and	12° le dialogue compétitif ; 13° la conception-construction ; 14° le financement préalable. Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'attribution des marchés publics prévus à l'alinéa 2 du présent article, et leurs critères. Il prévoit également les facteurs qui sont pris en compte pour déterminer un appel d'offres ouvert national et international. La méthode d'exécution des projets en partenariat entre l'État et le secteur privé s'applique conformément à la législation en la matière. <u>Section 6:</u> Procédure de passation de marché <u>Sous-section première :</u> Préparation et
---	--	---

kuritangaza	advertising of tender	publication du marché
<u>Ingingo ya 24:</u> Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa	<u>Article 24:</u> Tender document	<u>Article 24:</u> Dossier d'appel d'offres
Mbere yo gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, umukozi ushinze amasoko ya Leta abanza kumenya ko iryo soko riri mu igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta kandi ko hari ingengo y'imari yo kurishyira mu bikorwa yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha. Icyakora, bishobora gukorwa ukundi byemejwe na Minisitiri.	Before preparing the tender document, the procurement officer ensures that such a tender is on the public procurement plan and available budget for its execution approved by the competent organ. However, upon approval by the Minister, this may be done otherwise.	Avant de préparer le document d'appel d'offre pour un marché, l'agent chargé des marchés publics s'assure que ce marché est prévu sur le plan de passation de marchés publics et que le budget pour son exécution est disponible et est adopté par l'organe compétent. Toutefois, il peut être procédé autrement sur approbation du Ministre.
Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gitegurwa hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko, amateka arishyira mu bikorwa, amabwiriza rusange n'igitabo ngenderwaho cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.	The tender document is prepared in accordance with provisions of this Law, its implementing orders, public procurement regulations and instructions, and standard bidding document.	Le dossier d'appel d'offres est préparé conformément aux dispositions de la présente loi, à ses arrêtés d'application, aux règlements et aux instructions relatifs aux marchés publics ainsi qu'au dossier d'appel d'offres type.
<u>Ingingo ya 25:</u> Ibikubiye mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa	<u>Article 25:</u> Content of tender document	<u>Article 25:</u> Contenu du dossier d'appel d'offres
Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kiba gikubiyemo amakuru akurikira atuma habaho ipiganwa riha abatanga inyandiko y'ipiganwa amahirwe angana:	The tender document contains the following information to allow a fair competition among those who may wish to submit bids:	Le dossier d'appel d'offres contient des renseignements suivants pour une concurrence équitable aux soumissionnaires :
1° ibikenewe bijyanye n'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari	1° the specific requirements relating to goods or supplies, works, consultancy services or non-consultancy services to	1° les exigences spécifiques en relation avec les biens ou les fournitures, les travaux, les services de consultance ou les

iz'impuguke isoko rigamiye n'igihe ntarengwa cy'igemura n'irangiza ry'imirimo;	be procured and the time limit for delivery and completion;	services de non-consultance à soumissionner, le délai de livraison et de fin d'exécution ;
2° ibipimo ngenderwaho bikoreshwa mu Rwanda cyangwa ibipimo mpuzamahanga mu gihe mu Rwanda nta bihari, uretse iyo ibyo bipimo bitarashyirwaho haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga;	2° applicable Rwandan standards or international standards where there are no applicable Rwandan Standards, unless such standards are not yet in place either in Rwanda or abroad;	2° les normes applicables au Rwanda ou les normes internationales lorsqu'il n'existe pas de normes applicables au Rwanda, à moins que de telles normes ne soient pas encore mises en place ni au Rwanda ni à l'étranger ;
3° inyangiriki ngufi isobanura ingano y'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, y'imirimo, iya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke byifuzwa harimo n'igihe bikenewemo;	3° short description of quantities of goods or supplies, works, consultancy services or non-consultancy services that are needed as well as the delivery period;	3° une brève description des quantités de biens ou fournitures, travaux, services de consultance ou services de non-consultance désirés ainsi que la période de livraison ;
4° inyangiriki zose z'inyigo uretse ikigereranyo cy'agaciro k'isoko, iyo ari isoko ry'imirimo;	4° all study documents except the estimated bill of quantities in relation to the market price if it is a tender for works;	4° tous les documents relatifs à l'étude à l'exception de ceux relatifs à la valeur du marché s'il s'agit du marché des travaux ;
5° ibishushanyo n'ingano y'ibikenewe iyo ari isoko ry'imirimo;	5° relevant drawings and bills of quantities if it concerns tender for works;	5° des plans et devis quantitatif s'il s'agit d'un marché de travaux;
6° amabwiriza agenga ipiganwa n'agenga amasezerano y'isoko n'ibisabwa mu ngwate yo kurangiza imirimo neza;	6° the general and specific conditions governing bidding and procurement contract as well as the requirements of the performance security;	6° les conditions générales et spécifiques régissant la soumission et le contrat de marché, ainsi que les exigences de la garantie de bonne exécution ;
7° inomeru y'isoko ikoreshejwe mu	7° the reference number of the tender used	7° le numéro de référence du marché utilisé

Official Gazette n° Special of 22/11/2022

itangwa ry'isoko itangwa n'urwego rutanga isoko; 8° amabwiriza asobanura uko inyandiko z'ipiganwa zitegurwa n'uko zitangwa, harimo: a) inyandiko ngenderwaho y'ipiganwa; b) ibisabwa nk'ingwate y'ipiganwa, inyandiko ngenderwaho y'ingwate n'ingano y'iyi ngwate; c) ibyemezo bigaragaza ubushobozi bw'upiganwa; 9° igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro; 10° uburyo n'ibigenderwaho mu isesengura n'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa; 11° ingingo zigaragaza ko urwego rutanga isoko rushobora gusesa ipiganwa igihe cyose amasezerano y'isoko atarashyirwaho umukono; 12° ingingo zisaba imenyekanisha rya nyir'umutungo nyawe;	by the procuring entity in the tender award process; 8° instructions for the preparation and submission of bids, including: a) the standard bid form; b) any bid security required, security standard form and amount of such security; c) the documents evidencing the bidder's qualifications; 9° validity period of bids; 10° the procedures and criteria for bid evaluation and comparison; 11° a clause indicating that the procuring entity may cancel the tender at any time before signing the procurement contract; 12° provisions requiring beneficial ownership disclosure;	par l'entité de passation de marché dans le processus de passation de marché ; 8° les instructions relatives à la préparation et à la soumission des offres, y compris : a) le modèle de soumission ; b) toute garantie de soumission à fournir, le modèle de garantie et le montant d'une telle garantie ; c) les documents attestant la qualification du soumissionnaire; 9° la période de validité des offres ; 10° les procédures et les critères d'évaluation et de comparaison des offres ; 11° une clause indiquant que l'entité de passation de marché peut annuler l'appel d'offres à tout moment avant la signature du contrat de marché; 12° les dispositions exigeant de dévoiler le bénéficiaire effectif ;
---	---	---

13° ikindi cyangombwa gishobora gusabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, amateka arishyira mu bikorwa, amabwiriza rusange cyangwa andi mategeko bitewe n'umwihariko w'isoko. Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu kugaragaza nyir'umutungo nyawe. Birabujijwe gushyira mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa ibisabwa bigamije guca intege cyangwa guheza upiganwa. Inyandiko zo mu rwego rw'ubutegetsi zisabwa upiganwa zishingira ku mategeko y'igihugu upiganira amasoko ya Leta akomokamo. Icyakora, upiganwa wiyandikishije nk'isosiyete y'inyamahanga atanga inyandiko zo mu rwego rw'ubutegetsi asabwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko y'u Rwanda. <u>Ingingo ya 26: Gusobanura ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke</u> Ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari	13° any other requirement as may be required by the tender document in accordance with the provisions of this Law, its implementing orders, public procurement regulations and instructions or other laws depending on the tender specific nature. An Order of the Minister determines criteria to disclose the beneficial owner. It is prohibited to include discouraging or discriminatory clauses in the tender document. Administrative documents required to bidders refer to the laws in force in the bidder's home country. However, a bidder registered as foreign company must provide administrative documents required of such a bidder in accordance with Rwandan law. <u>Article 26: Description of specifications for goods or supplies, works, consultancy and non- consultancy service</u> Specifications of goods or supplies, works, consultancy services or non-consultancy	13° toute autre information pouvant être exigée dans le dossier d'appel d'offres conformément aux dispositions de la présente loi, à ses arrêtés d'application, aux règlements et aux instructions relatifs aux marchés publics ou aux autres lois selon la particularité du marché. Un arrêté du Ministre détermine les critères pour dévoiler le bénéficiaire effectif. Il est interdit d'inclure des clauses décourageantes ou discriminatoires dans le dossier d'appel d'offre. Les documents administratifs exigés aux soumissionnaires sont conformes à la législation en vigueur dans le pays d'origine du soumissionnaire. Toutefois, le soumissionnaire enregistré en tant que société étrangère doit fournir des documents administratifs qui lui sont exigés conformément aux lois en vigueur au Rwanda. <u>Article 26 : Description des spécifications des biens ou fournitures, travaux, aux services de consultance et aux services de non-consultance</u> Les spécifications relatives aux biens ou fournitures, aux travaux, aux services de
---	---	---

iz'impuguke bisobanurwa mu buryo butuma igikenewe cyumvikana neza kandi ntawe kibogamiyeho. Ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke ntibishingira ku bwoko runaka bw'ikintu, ku izina ryacyo ry'ubucuruzi, ku gishushanyo no ku nkomoko byacyo cyangwa ku ruganda rwagikoze keretse iyo nta bundi buryo bushoboka bwo kubisobanura. Icyo gihe bongeraho amagambo nka "cyangwa ibisa na cyo". <u>Ingingo ya 27: Gutangaza isoko</u> Urwego rutanga isoko rutangariza isoko abantu bose bifuzwa kuripiganira binyuze mu itangazo rihamagarira ipiganwa. Amasoko ya Leta yose atangazwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta keretse amasoko ya Leta yemerewe gutangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta nk'uko biteganywa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko. Icyakora, iyo bibaye ngombwa urwego rutanga isoko rushobora no gutangaza isoko ahandi bishoboka ariko gupiganira isoko	services clearly define the expected results with objectivity and neutrality. Specifications of goods or supplies, works, consultancy services or non-consultancy services do not refer to a particular brand, trade name, its design type and specific origin or producer unless there is no other sufficiently precise way of describing the characteristics of the goods, works or consultancy services to be provided. In that case the words such as "or equivalent" are added on. <u>Article 27: Tender advertisement</u> The procuring entity brings the tender notice to the attention of any person wishing to bid through an invitation to public tender. All public tenders are posted on e-procurement portal except for tenders where the procurement proceedings outside e-procurement system are authorized in accordance with the provisions of Article 4 of this Law. However, in case it is considered necessary, the procuring entity can issue a tender notice through any other possible channel but the	consultance ou aux services de non-consultance définissent clairement les résultats attendus avec objectivité et neutralité. Les spécifications des biens ou fournitures, travaux, services de consultance ou services de non-consultance ne se basent pas sur une marque particulière, un nom commercial, un modèle et une origine spécifique ou usine de fabrication à moins qu'il n'y ait d'autres moyens de spécifier leurs caractéristiques. Dans ce cas, le terme "ou l'équivalent" est ajouté à ces spécifications. <u>Article 27 : Publication du marché</u> L'entité de passation de marché lance un avis d'appel d'offres à toute personne ayant l'intention de soumissionner à travers une invitation à une offre publique. Toutes les offres sont publiées sur le site dans le système de passation électronique de marchés publics à l'exception des marchés publics dont la passation en dehors du système de passation électronique de marchés publics est autorisée conformément aux dispositions de l'article 4 de la présente loi. Toutefois, en cas de besoin, l'entité de passation de marché peut lancer un avis d'appel d'offres par toute autre voie possible mais la procédure
--	--	---

bikorwa binyuze ku rubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta. Iteka rya Minisitiri rigena ibikubiye mu itangazo rihamagarira ipiganwa. <u>Ingingo ya 28:</u> Gushyira ahagaragara igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa Urwego rutanga isoko rushyira ahagaragara igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa nk'uko biteganywa mu itangazo rihamagarira ipiganwa. Urwego rutanga isoko rugurisha igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa ku uwifuza gupiganira isoko. Iteka rya Minisitiri rigena ikiguzi cy'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. <u>Ingingo ya 29:</u> Uburyo bwo gusaba no gutanga ibisobanuro ku bikubiye mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa Nyuma yo gutanga itangazo rihamagarira gupiganira isoko, uwifuza gupiganira isoko wese ashobora gusaba urwego rutanga isoko ibisobanuro ku bikubiye mu gitabo	procurement procedure is done through e-procurement system. An Order of the Minister determines the content of a tender notice. <u>Article 28:</u> Availability of tender document The procuring entity makes available the tender document in accordance with the invitation to tender. The procuring entity charges any person wishing to bid a fee for obtaining the tender document. An Order of the Minister determines the cost of tender document. <u>Article 29:</u> Modalities for request and provision of explanations regarding the content of the tender document After publication of tender notice, any prospective bidder may ask the procuring entity to provide explanations as to the content of the tender document within two	de passation de marché se fait à travers le système de passation de marchés électronique. Un arrêté du Ministre détermine le contenu d'un d'appel d'offres. <u>Article 28 :</u> Disponibilité du dossier d'appel d'offres L'entité de passation de marché rend disponible le dossier d'appel d'offres conformément à l'avis d'appel d'offres. L'entité de passation de marché exige à toute personne qui désire soumissionner de payer les frais du dossier d'appel d'offres. Un arrêté du Ministre détermine le prix du dossier d'appel d'offres. <u>Article 29 :</u> Modalités de demande et fourniture des éclaircissements concernant le contenu du document d'appel d'offres Après la publication d'appel d'offres, tout soumissionnaire potentiel peut demander à l'entité de passation de marché des éclaircissements concernant le contenu du
--	--	---

cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa mu gihe kitarenze bibiri bya gatatu (2/3) by'iminsi yagenewe ipiganwa uherye igihe itangazo ry'ipiganwa ryasohokeye.	thirds (2/3) of the deadline period for the submission of tenders from the date of tender notice publication.	document d'appel d'offres dans un délai ne dépassant pas les deux tiers (2/3) de la période de soumission à partir de la publication d'appel d'offres.
Urwego rutanga isoko rutanga ibisubizo ku bisobanuro byasabwe mu gihe kitarenze kimwe cya gatandatu (1/6) cy'iminsi yagenewe ipiganwa uherye igihe rwakiriye inyandiko ya nyuma isaba ibisobanuro.	The procuring entity provides the requested clarifications within one sixth (1/6) of the deadline period for the submission of tenders from the date of the receipt of the last request for clarifications.	L'entité de passation de marché donne des éclaircissements demandés dans un délai ne dépassant pas un sixième (1/6) de la période de la date limite de soumission à partir de date de la dernière demande d'éclaircissements.
Urwego rutanga isoko rumenyeshya buri wese ushobora gupiganwa ibisobanuro byasabwe n'ibisubizo byatanzwe rutagaragaje umwirondoro w'uwabajije.	The procuring entity communicates to all prospective bidders' clarifications requested and responses provided, without disclosing the source of the request.	L'entité de passation de marché communique à tous les soumissionnaires potentiels les éclaircissements demandés et les réponses fournies, sans révéler la source de la demande.
<u>Ingingo ya 30: Uburyo bw'ihindurwa ry'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa</u>	<u>Article 30: Modalities for modifications to the tender document</u>	<u>Article 30 : Modalités de modifications du dossier d'appel d'offres</u>
Urwego rutanga isoko rubyibwirije cyangwa mu rwego rwo gusubiza ibibazo by'abifuza gupiganwa, rushobora guhindura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa igihe cyose mbere y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa hakoreshejwe inyandiko y'inyongera.	The procuring entity, upon its initiative or in response to the bidders' concerns, may amend the tender document at any time before the deadline for submitting bids by an addendum.	L'entité de passation de marché, de son initiative ou en réponse aux questions des soumissionnaires, peut modifier le dossier d'appel d'offres par un addendum, à tout moment avant la date limite de remise des offres.
Urwego rutanga isoko rushyira ahagaragara kopi y'inyongera y'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa rukoresheje uburyo bw'imenyekanisha rwakoresheje mu	The procuring entity promptly avails a copy of the addendum through the communication channel used for the initial tender notice. Such an addendum is considered to be part of the	L'entité de passation de marché rend disponible une copie de l'addendum à travers le moyen de communication utilisé lors de l'avis d'appel d'offres initial. Cet addendum est considéré

kumenyekanisha itangazo ry'isoko ry'ibanze. Iyo nyandiko y'inyongera ifatwa nk'igize igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gihinduwe, urwego rutanga isoko rwongera igihe kugira ngo ibyahinduwe bishobore kugenderwaho mu gutegura inyandiko z'ipiganwa. Icyo gihe cy'inyongera ntigishobora kurenga iminsi yari iteganyijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cy'ibanze ariko ntigishobora kujya muni y'iminsi ingana na kimwe cya gatatu (1/3) cy'igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa ibarwa uhereye ku muni ihindurwa ry'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa ryatangarijwe. <u>Akiciro ka 2: Gupiganira amasoko ya Leta</u> <u>Ingingo ya 31: Igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa</u> Mu ipiganwa risesuye ry'imbere mu gihugu, urwego rutanga isoko rugenera abapiganwa igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa kitari muni y'iminsi makumyabiri n'umwe (21) uhereye ku muni itangazo ry'ipiganwa ryasohokeye.	tender document. If the tender document is amended, the procuring entity extends the deadline in order to allow the amendment of the tender document to be considered in the preparation of bids. Such extension of deadline may not go beyond the period contained in the initial tender document but cannot be below one third (1/3) of the deadline period for the preparation of bids from the date of the publication of the amendment of the tender document. <u>Subsection 2: Bid for public procurement</u> <u>Article 31: Time for preparation of bids</u> For national open tender, the procuring entity gives bidders a period of twenty-one (21) calendar days minimum from the time the tender notice is published, for bids preparation.	comme faisant partie du dossier d'appel d'offres. Lorsque le dossier d'appel d'offres est modifié, l'entité de passation de marché prolonge la date limite de remise des offres pour permettre la prise en considération des modifications apportées dans la préparation des offres. Cette prolongation ne peut pas aller au-delà du délai indiqué dans le dossier d'appel d'offres initial mais n'allant pas en deçà d'un tiers (1/3) de la période de la préparation des soumissions à partir de la publication d'amendement de l'appel d'offres. <u>Sous-section 2 : Participation aux marchés publics</u> <u>Article 31 : Délai de préparation des offres</u> Pour l'appel d'offres ouvert national, l'entité de passation de marché donne aux soumissionnaires une période de vingt et un (21) jours calendriers minimum à partir de la date de publication de l'avis d'appel d'offres, pour préparer les soumissions.
--	--	---

Mu ipiganwa mpuzamahanga risesuye, urwego rutanga isoko rugenera abapiganwa igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa kitari muni y'iminsi mirongo itatu (30) uherye ku muni itangazo ry'ipiganwa ryasohokeye. Iteka rya Minisitiri rigena igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa iyo hakoreshejwe ubundi buryo bwo gutanga isoko. <u>Ingingo ya 32: Ingwate y'ipiganwa</u> Amasoko ya Leta yose atangwa binyuze mu ipiganwa risesuye atangirwa ingwate y'ipiganwa. Iteka rya Minisitiri rigena amasoko ya Leta atangwa hadatanzwe ingwate y'ipiganwa n'uburyo bikorwamo. Rigena kandi umubare w'amafaranga y'ingwate y'ipiganwa, imiterere n'ibikubiye mu nyandiko y'ingwate y'ipiganwa, uburyo iyo ngwate yakwa n'igihe ifatirwa. Urwego rutanga isoko rusubiza ingwate y'ipiganwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye igihe: 1° ibikorwa byo gutanga isoko byasheshwe;	For international open tender, the procuring entity gives bidders a period of thirty (30) calendar days minimum from the time the tender notice is published, for bids preparation. An Order of the Minister determines time for bids preparation in case of procurement by using other methods. <u>Article 32: Bid security</u> All tender proceedings conducted under open tender are subject to a bid security. An Order of the Minister determines the category of the tenders awarded without bid security and the modalities for awarding such tenders. It also specifies the amount for the bid security, the format and content of the bid security letter, and the modalities for the bid security requirement and seizure. The procuring entity gives returns the bid security within seven (7) days from the date on which: 1° the tender awarding process is cancelled;	Pour l'appel d'offres ouvert international, l'entité de passation de marché donne aux soumissionnaires une période de trente (30) jours calendriers minimum à partir de la date de publication de l'avis d'appel d'offres, pour préparer les soumissions. Un arrêté du Ministre détermine le délai pour la préparation des offres en cas d'utilisation d'autres méthodes de passation de marchés. <u>Article 32 : Garantie de soumission</u> Tous les marchés attribués suivant la méthode d'appel d'offres ouvert sont soumis à une garantie de soumission. Un arrêté du Ministre détermine les marchés octroyés sans garantie de soumission ainsi que les modalités d'octroi de ces marchés. Il fixe également le montant de la garantie de soumission, le format et le contenu de la lettre de garantie de soumission ainsi que les modalités d'exiger et de saisir cette garantie de soumission. L'entité de passation de marché remet la garantie de soumission aux soumissionnaires dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à partir de la date où : 1° la procédure d'octroi du marché est annulée ;
--	---	---

2° urwego rutanga isoko rusanze mu bapiganwe bose nta wujuje ibisabwa; 3° amasezerano y'isoko yashyiriweho umukono. <u>Ingingo ya 33: Gutanga no kwakira inyandiko y'ipiganwa</u> Inyandiko y'ipiganwa itangwa kandi ikakirwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta cyangwa ubundi buryo butari ubw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta mu gihe byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha. Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu gutanga no kwakira inyandiko y'ipiganwa. <u>Ingingo ya 34: Guhindura inyandiko y'ipiganwa</u> Inyandiko y'ipiganwa yamaze gutangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta cyangwa ubundi buryo butari ubw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ishobora guhindurwa mbere y'itariki ntarengwa yo kurangiza gutanga inyandiko y'ipiganwa. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo izo mpinduka zikorwa.	2° the procuring entity realizes that no successful bidder is obtained; 3° the procurement contract is signed. <u>Article 33: Submission and receipt of bids</u> The bids are submitted and received through e-procurement system or through any other way in case it is approved by the competent organs. An Order of the Minister determines requirements for submission and receipt of bids. <u>Article 34: Amendment to bid</u> A bid that is submitted through e-procurement system or submitted out of e-procurement system may be subjected to amendment before the deadline for bid submission expires. An Order of the Minister determines the modalities for making such amendment.	2° l'entité de passation des marches constate qu'aucun attributaire du marché n'est obtenu ; 3° le contrat du marché est signé. <u>Article 33 : Remise et réception des offres</u> Les offres sont remises et reçues en utilisant le système de passation électronique de marchés publics ou autres voies approuvées par les institutions habilitées. Un arrêté du Ministre détermine les conditions de soumission et de réception des offres. <u>Article 34 : Modification de l'offre</u> Une offre soumise en utilisant le système de passation électronique de marchés publics peut subir des modifications avant l'expiration du délai de soumission. Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'effectuer de telles modifications.
--	--	---

<u>Ingingo ya 35: Igihe inyandiko z’ipiganwa zimara zigifite agaciro</u> Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena igihe inyandiko z’ipiganwa zimara zigifite agaciro. Icyo gihe ntikirenga iminsi ijana na makumyabiri (120) uherye ku munsu w’ifungurwa ry’inyandiko z’ipiganwa. icyakora, mbere y’uko icyo gihe kirangira, urwego rutanga isoko rushobora gusaba ko cyongerwa ku bapiganiwe isoko bese, ariko si ngombwa ko uwapiganwe utifuza gukomeza ipiganwa yemera iyongera ry’igihe. Igihe kivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo gishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Igihe cy’iyongera ntikirenga iminsi mirongo itandatu (60), keretse bitangiwe uburenganzira n’urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano. <u>Akiciro ka 3: Gufungura, gusesengura inyandiko z’ipiganwa no kumenyekanisha itangwa ry’isoko</u> <u>Ingingo ya 36: Gufungura inyandiko z’ipiganwa</u> Inyandiko z’ipiganwa zifungurwa hakoreshejwe uburyo bw’ikoranabuhanga mu masoko ya Leta cyangwa hakoreshejwe	<u>Article 35: Bids validity period</u> The tender document determines the bid validity period. This period does not exceed one hundred and twenty (120) days from the day of bids opening, unless accepted by the bidder. However, before the expiry of that period, the procuring entity may request to extend that period for all bidders, but it is not necessary for a bidder who does not want the extension to accept such it. The bid validity period is extended only once. Such extension does not go beyond sixty (60) days unless otherwise authorised by the State organ in charge of public procurement. <u>Subsection 3: Bids opening, evaluation and notification</u> <u>Article 36: Bids opening</u> The bids are opened using the e- procurement or any other way for the tenders published out of the e-procurement system.	<u>Article 35 : Période de validité des offres</u> Le dossier d’appel d’offres détermine la période de validité des offres. Cette période n’excède pas cent-vingt (120) jours à compter du jour d’ouverture des offres, sauf si c’est accepté par le soumissionnaire. Toutefois, avant l’expiration de cette période, l’entité de passation de marché peut demander de prolonger la période de validité des offres, mais il n’est pas nécessaire qu’un soumissionnaire qui ne souhaite pas la prolongation l’accepte. La prolongation ne se fait qu’une fois. Cette prolongation n’excède pas soixante (60) jours sauf sur autorisation de l’organe de l’État ayant les marchés publics dans ses attributions. <u>Sous-section 3 : Ouverture des offres, évaluation et notification</u> <u>Article 36 : Ouverture des offres</u> L’ouverture des offres se fait en utilisant le système de passation électronique de marchés ou par d’autres moyens pour les marchés publiés en
---	---	--

ubundi buryo ku masoko ya Leta yatangajwe hadakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu gufungura inyandiko z'ipiganwa. <u>Ingingo ya 37: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa</u> Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gasesengura kandi kakagereranya inyandiko z'ipiganwa hashingiwe ku ngingo zikubiye mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kandi nta gishobora kwiyongeraho cyangwa ngo kivanwemo. Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gakora raporo y'isesengura. Iteka rya Minisitiri rigena ibyiciro by'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa n'uburyo rikorwa. <u>Ingingo ya 38: Kuzuza ibisabwa kw'inyandiko y'ipiganwa</u> Inyandiko y'ipiganwa iba yujuje ibisabwa iyo irimo ibyangombwa byose nk'uko bisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.	An Order of the Minister determines the procedure for bids opening. <u>Article 37: Evaluation of bids</u> The public tender committee evaluates and compares the bids based on the procedures and criteria set out in the tender document and nothing can be added or deleted thereon. The public tender committee makes an evaluation report. An Order of the Minister determines the evaluation steps and modalities for evaluation of bids. <u>Article 38: Responsiveness of bids</u> A bid is responsive if it substantially conforms to all the requirements specified in the tender document.	dehors du système. Un arrêté du Ministre détermine la procédure d'ouverture des offres. <u>Article 37 : Évaluation des offres</u> Le comité de passation de marchés publics doit évaluer et comparer des offres sur base des critères définis dans le dossier d'appel d'offres et rien ne peut y être ajouté ou supprimé. Le comité de passation de marchés produit un rapport d'évaluation. Un arrêté du Ministre détermine les étapes d'évaluation et les modalités d'évaluation des offres. <u>Article 38 : Conformité des offres</u> Une offre est considérée conforme lorsqu'elle répond substantiellement à toutes les exigences spécifiées dans le dossier d'appel d'offres.
---	---	--

<u>Ingingo ya 39: Ibisabwa upiganwa kugira ngo ahabwe isoko</u>	<u>Article 39: Requirements for bidder's qualification</u>	<u>Article 39 : Conditions pour la qualification du soumissionnaire</u>
Upiganwa aba yujuje ibisabwa kugira ngo ahabwe isoko iyo:	A bidder is qualified to be awarded a tender if he or she:	Un soumissionnaire est qualifié pour être attributaire du marché lorsqu'il :
1° afite abakozi bafite ubushobozi, ibikoresho, uburambe n'amafaranga byatuma akora isoko ripiganirwa;	1° has qualified personnel, equipment, experience and financial capacity to provide what is being procured;	1° dispose du personnel qualifié, des équipements, de l'expérience et des capacités financières pour exécuter le marché ;
2° yemererwa n'amategeko gukora amasezerano;	2° has the legal capacity to enter into a contract;	2° a la capacité juridique de contracter;
3° atari mu gihe cy'iseswa, mu gihombo cyangwa mu marembera;	3° is not in liquidation, bankrupt or in the process of being wound up.	3° n'est pas dans une situation, de liquidation, de faillite ou en voie de liquidation;
4° adahejwe cyangwa adahagaritswe mu gupiganira amasoko ya Leta;	4° has not been debarred or suspended from participating in public procurement;	4° n'est pas en état d'exclusion ou de suspension de la participation aux marchés publics ;
5° yatanze ibyemezo byasabwe bihuje n'ukuri.	5° has provided accurate and appropriate evidences as required.	5° a fourni les preuves authentiques et appropriées requises.
Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya ibindi bisabwa bitewe n'ubwoko bw'isoko.	The tender document may set out other requirements which can be considered depending on the nature of the tender.	Le document d'appel d'offres peut prévoir d'autres conditions pouvant être exigées selon la nature du marché.
Uwatsindiye isoko ni uwatanze inyandiko yujuje ibyasabwe kandi ufite igiciro gito kijyanye n'igiciro kiri ku isoko kurusha	The successful bidder is the bidder who fulfils the requirements with the lowest price considering the market reality compared to	L'attributaire du marché est celui qui remplit les exigences et ayant le prix conforme au prix du marché et le mieux offrant par rapport aux autres

izindi nyandiko z'ipiganwa. Icyakora, ibi ntibikurikizwa iyo bigaragaye ko uwatsindiye isoko yatanze igiciro gito bikabije cyangwa gihanitse ugereranyije n'igiciro kiri ku isoko. Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu kwanga igiciro gihanitse cyangwa gito bikabije. Rigena kandi ubwoko bw'amasoko adasaba abapiganwa kugira uburambe ndetse n'umubare ntarengwa w'agaciro k'isoko ridasaba ko abapiganwa bagira uburambe. <u>Ingingo ya 40: Gusuzuma neza ukuri kw'ibikubiye mu nyandiko y'ipiganwa</u> Mbere yo gutanga isoko, urwego rutanga isoko rumaze gusesengura inyandiko z'ipiganwa, rusuzuma neza ukuri kw'ibikubiye mu nyandiko y'ipiganwa y'uwatanze igiciro gito kandi wujuje ibisabwa, ibivuye mu isuzuma bigashyirwa muri raporo y'isesengura. Urwego rutanga isoko rwanga inyandiko y'ipiganwa y'umuntu wabeshye, watanze amakuru ajijisha cyangwa atuzuye.	other bids. However, this is not applicable when the responsive bidder has provided a price which is extremely higher or lesser compared to the market reality. An Order of the Minister determines modalities for a refusal of an extremely high or extremely low prices. It also determines the types of tenders exempting potential bidders from the requirement of past experiences and the thresholds of their respective value. <u>Article 40: Due diligence on the content of the bid</u> After analysis of bids, the procuring entity, before awarding the tender, undertakes a due diligence on the content of the bid for the successful bidder and the result of the due diligence is included in the evaluation report. The procuring entity disqualifies a bidder for submitting false, materially confusing or incomplete information.	soumissionnaires. Toutefois, cela ne s'applique pas lorsqu'il est constaté que le prix inférieur considéré lors de l'attribution du marché est extrêmement supérieur ou inférieur par rapport au prix qui se trouve sur le marché. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de refus des prix exorbitants ou des prix dérisoires. Il détermine également les types de marchés n'exigeant pas l'expérience des soumissionnaires potentiels ainsi que le seuil de leur valeur respective. <u>Article 40 : Vérification de la véracité du contenu de l'offre</u> Après analyse des offres, l'entité de passation de marché, avant l'attribution du marché, vérifie la véracité du contenu de l'offre le mieux offrant, et le résultat de cette vérification est inséré dans le rapport d'évaluation. L'entité de passation de marché rejette l'offre pour fausse information, pour informations confuses ou incomplètes.
---	--	--

<u>Ingingo ya 41:</u> Gusaba ibisobanuro mu gihe cyo gusesengura inyandiko z'ipiganwa Urwego rutanga isoko rushobora gusaba mu nyandiko, uwapiganiwe isoko ibisobanuro byarufasha gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa. Ibisobanuro ntibihindura inyandiko y'ipiganwa mu ireme. <u>Ingingo ya 42:</u> Amakosa y'imibare Mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, inyandiko yose igaragayemo amakosa y'imibare ikurwa mu ipiganwa. <u>Ingingo ya 43:</u> Kwanga inyandiko z'ipiganwa zose Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kanga inyandiko zose z'ipiganwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira: 1° ibiciro byose biri hejuru y'umubare w'amafaranga y'ingengo y'imari ishobora kuboneka; 2° inyandiko z'ipiganwa zose zitujuje ibisabwa;	<u>Article 41:</u> Request for clarifications during the evaluation of bids The procuring entity may request, in writing, the potential participant for any helpful clarification in the evaluation and comparison of bids. Clarifications do not change the substance of a bid. <u>Article 42:</u> Arithmetic errors During the evaluation of bids, any bid bearing any arithmetic error is disqualified. <u>Article 43:</u> Rejection of all bids The public tender committee rejects all the bids due to one of the following reasons: 1° all prices offered are higher than the available budget; 2° all bids are considered substantially non-responsive;	<u>Article 41 :</u> Demande d'éclaircissements lors de l'évaluation des soumissions L'entité de passation de marché peut demander, par écrit, au participant potentiel des éclaircissements pour faciliter l'évaluation et la comparaison des offres. Les éclaircissements ne changent pas l'offre quant au fond. <u>Article 42 :</u> Erreurs arithmétiques Lors de l'évaluation des offres, toute offre qui contient une erreur arithmétique est disqualifiée. <u>Article 43 :</u> Rejet de toutes les offres Le comité de passation de marchés publics rejette toutes les offres pour l'un des motifs suivants : 1° tous les prix offerts sont plus élevés que le budget disponible ; 2° toutes les offres ne sont pas conformes aux critères exigés ;
---	---	---

3° inyandiko z'ipiganwa zose zifite ibiciro bikabije kuba hejuru cyangwa hasi cyane ugereranyije n'ibiciro biri ku isoko.	3° all bids contain abnormally high or abnormally low prices in relation to the market reality.	3° toutes les offres contiennent les prix considérablement supérieurs ou considérablement inférieurs aux prix du marché.
<u>Ingingo ya 44: Gusesa ipiganwa</u>	<u>Article 44: Cancellation of procurement proceedings</u>	<u>Article 44 : Annulation du processus de passation de marché</u>
Urwego rutanga isoko rufata icyemezo cyo gusesa ipiganwa iyo:	The procuring entity takes a decision to cancel procurement proceedings if:	L'entité de passation de marché peut prendre la décision d'annuler le processus de passation de marché si :
1° igihe isoko rigomba gutangwamo cyarenze;	1° the expected time of tender award is exceeded;	1° le délai d'attribution du marché est dépassé ;
2° habaye impamvu ituma isoko ritagikenewe;	2° the tender is no longer needed;	2° l'offre n'est plus nécessaire;
3° bigaragaye ko habayemo uburiganya cyangwa kudatanga amahirwe angana mu mitangire y'isoko.	3° if it is established that there was fraud and lack of fairness in the tendering process.	3° s'il est constaté qu'il y a eu fraude et manque d'équité dans le processus d'appel d'offres.
Urwego rutanga isoko rumenyeshabapiganwe bese icyemezo rwafashe cyo gusesa ipiganwa n'impamvu cyafashwe.	The procuring entity informs all the bidders in writing about the decision to cancel procurement proceedings and the reasons thereof.	L'entité de passation de marché communique à tous les soumissionnaires par écrit la décision d'annuler le processus de passation de marché ainsi que sa motivation.
<u>Ingingo ya 45: Ingaruka zo kwanga inyandiko z'ipiganwa cyangwa gusesa ipiganwa</u>	<u>Article 45: Effects of rejection of bids or cancellation of procurement proceedings</u>	<u>Article 45 : Conséquences du rejet des offres ou d'annulation du processus de passation de marché</u>
Urwego rutanga isoko ntiruryozwa ingaruka	The procuring entity is not liable for	L'entité de passation de marchés n'est pas

zitewe no kwanga inyandiko zose z'ipiganwa cyangwa gusesa ipiganwa zituruka ku mpamvu zivugwa muri iri tegeko keretse iyo biturutse ku burangare bwarwo cyangwa indi mpamvu itewe narwo. Urwego rutanga isoko ntirwemerewe kongera gutangaza isoko ryasheshwe ku mpamvu z'uko ritagikenewe, keretse bitangiwe uburenganzira n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano. Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa iyo urwego rutanga isoko rwongeye gutangaza isoko ryasheshwe ku mpamvu z'uko ritagikenewe.	consequences resulting from the rejection of all bids or the cancellation of the procurement proceedings due to the reasons mentioned in this Law unless it was a consequence of its negligence or any other reason on its side. The procuring entity is not allowed to re-publish a tender cancelled for the reason of not being anymore necessary, unless it is authorised by the State organ in charge of public procurement. An Order of the Minister set out requirements which can be considered when the procuring entity readvertises a tender which was cancelled following the fact that such tender was no longer necessary.	responsable des conséquences du rejet de toutes les offres ou d'annulation du processus de passation de marché pour des raisons spécifiées dans la présente loi sauf si elles sont le fait de sa négligence ou de toute autre raison de sa part. L'entité de passation de marchés ne peut relancer un appel d'offre pour un marché annulée pour cause de n'en avoir plus de besoin, sauf sur autorisation de l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions. Un arrêté du Ministre prévoit les conditions pouvant être exigées en cas de la republication par l'entité de passation de marché d'une offre qui avait été annulée suite au fait qu'elle n'était plus nécessaire.
<u>Ingingo ya 46:</u> Kumenyesha itangwa ry'isoko Mbere y'uko igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro kirangira, urwego rutanga isoko rumenyeshereza rimwe mu nyandiko uwatsindiye isoko n'abatsinzwe iby'agateganyo byavuye mu isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa. Inyandiko y'imenesha isobanura neza iby'ingenzi byashingiweho mu itangwa ry'isoko kandi ikamenyesha abapiganwe ko utishimiye ibyavuye mu isesengura afite	<u>Article 46:</u> Notification of tender award Before the expiry of the bid validity period, the procuring entity notifies at the same time the successful bidder and the unsuccessful bidders of the provisional outcome of the bid evaluation. The notification specifies the major elements on which the tender award is based on and informs bidders that they have seven (7) days to lodge a complaint, if any, before a	<u>Article 46</u> : Notification d'attribution du marché Avant l'expiration du délai de validité des offres, l'entité de passation de marché notifie en même temps l'attributaire du marché et les soumissionnaires non retenus des résultats provisoires de l'évaluation des offres. La notification précise que les principales considérations sur lesquelles repose l'attribution du marché et informe les soumissionnaires qu'ils disposent de sept (7) jours pour formuler les

iminsi irindwi (7) ngo agaragaze ibyo atemera, niba bihari, mbere y'uko uwatsindiye isoko ashyira umukono ku masezerano y'isoko. Urwego rutanga isoko ntirushobora gusaba cyangwa ngo rutegeke uwapiganwe kugira ibyo yemera bindi bitateganyijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kugira ngo abone guhabwa isoko. Amasezerano y'isoko akimara gushyirwaho umukono n'impande zombi, urwego rutanga isoko rumenyeshya abandi bapiganwe ko inyandiko zabo z'ipiganwa zitatsinze.	procurement contract is signed with the successful bidder. The procuring entity cannot request or order the bidder to agree to anything else that is not contained in the tender document in order for such a bidder to be awarded the tender. Upon signature of the procurement contract with both parties, the procuring entity notifies other bidders that their bids were not successful.	contestations s'il y a lieu, avant la signature du contrat de marché avec l'attributaire du marché. L'entité de passation de marché ne peut pas demander ou exiger au soumissionnaire d'accepter quoi que ce soit et qui n'est pas prévu par le document d'appel d'offres pour qu'il soit attribué le marché. Dès la signature du contrat de marché par les deux parties, l'entité de passation de marché informe les autres soumissionnaires que leurs offres n'ont pas été retenues.
<u>Akiciro ka 4: Gutakamba no kujurira</u> <u>Ingingo ya 47: Uburenganzira bwo gutakamba no kujuririra icyemezo cy'urwego rutanga isoko</u> Ushobora gupiganwa cyangwa uwapiganwe ashobora gutakamba cyangwa kujuririra ibirimo gukorwa mu mitangire y'isoko binyuranyije n'iri tegeko, akabikora ku rwego urwo ari rwo rwose isoko rigezeho ritangwa, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	<u>Subsection 4: Appeal</u> <u>Article 47: Right to ask for review of the decision of the procuring entity</u> A prospective bidder or actual bidder may, at any stage of the procurement proceedings, and in accordance with this Law, apply for a review of any conduct in the procurement proceedings which violates this Law. Application for review is done in accordance with the provisions of this Law.	<u>Sous-section 4 : Recours</u> <u>Article 47 : Droit de recours contre la décision de l'entité de passation de marché</u> Le soumissionnaire potentiel ou le soumissionnaire peut, à n'importe quelle étape du processus de passation de marché et conformément à la présente loi, exercer un recours contre tout acte contraire à la présente loi. Le droit de recours est exercé conformément aux dispositions de la présente loi.

<u>Ingingo ya 48: Gutakambira urwego rutanga isoko</u> Gutakamba byakirwa gusa iyo utakambiye urwego rutanga isoko abikoze mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye igihe aboneye impamvu ituma atakamba. Uherye ku muni yakiriyeho itakamba, umuyobozi w'urwego rutanga isoko agomba guhagarika itangwa ry'iryo soko kandi agatanga mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), umwanzuro wanditse usobanura ingingo yashingiyeho afata umwanzuro wa mbere iyo gutakamba asanze kudafite ishingiro cyangwa akagaragaza ingamba zafashwe zo gukosora ibitari bitunganye, iyo asanze itakamba rifite ishingiro. Iyo urwego rutanga isoko rudashoboye gutanga umwanzuro ku itakamba mu gihe giteganywa n'iri tegeko cyangwa iyo uwatakambye atanyuzwe n'igisubizo ahawe, ashobora kujuririra akanama k'ubujurire kigenga mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye igihe amenyesherejwe igisubizo ku itakamba rye. Umuyobozi w'urwego rutanga isoko agomba gutegereza igihe cy'iminsi irindwi (7) uherye ku muni uwatakambye	<u>Article 48: Request for review to the procuring entity</u> A request for review is admissible only if the complainant has submitted it to the procuring entity within seven (7) days from the occurrence of the reason for such a request for review. Upon receiving the request for review, the head of the procuring entity must suspend the procurement proceedings and issues within seven (7) days, a written decision explaining the reasons on which the decision is based when the request for review is considered not to be founded, or indicating the corrective measures to be taken if the request for review is founded. If the procuring entity fails to issue a decision on the request for review within a period as determined by this Law or if the bidder is not satisfied with the decision, the bidder may lodge an appeal to the independent review panel within seven (7) days from the date on which the bidder is notified of the decision on the request for review. The head of the procuring entity must wait for seven (7) days from the date on which the bidder who requested for review received the	<u>Article 48 : Recours gracieux à l'entité de passation de marché</u> Le recours n'est recevable que si le requérant l'a introduit dans un délai de sept (7) jours à compter de la survenance du motif d'introduction de ce recours. Après réception du recours, le responsable de l'entité de passation de marché doit suspendre le processus d'attribution du marché et donner dans un délai ne dépassant pas de sept (7) jours, une décision écrite expliquant les motifs à la base desquelles elle est prise, si le cours gracieux est jugé non fondé ou et indiquant les mesures rectificatives à prendre s'il s'agit d'un recours gracieux fondé. Lorsque l'entité de passation de marché ne donne pas sa décision dans les délais prévus par l'arrêté du Ministre ou lorsque le soumissionnaire n'est pas satisfait de la décision prise, le soumissionnaire peut référer sa requête au comité indépendant de recours dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours de la date de la notification de la décision sur son recours. Le responsable de l'entité de passation de marché doit attendre sept (7) jours à compter de la date à laquelle le soumissionnaire qui a
---	--	---

yamenyesherejwe umwanzuro ku itakamba rye mbere yo gukomeza itangwa ry'isoko. Iyo urwego rutanga isoko ruhaye ishingiro itakamba mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uwari wahawe isoko by'agateganyo ntatakambe cyangwa uwari watakambye ntajurire isoko rirakomeza. Icyakora, iminsi yo gutegereza ivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo ishobora kutubahirizwa iyo isoko ryatanze nta piganwa ribayeho cyangwa ryatanze hakoreshejwe uburyo bw'ubwumvikane butaziguye, igihe uwatakambye agaragaje mu nyandiko cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ko yanyuzwe n'umwanzuro wafashwe.	decision on such a review before proceeding with the tender awarding process. If the procuring entity considers the request for review founded and within seven (7) days the successful bidder to whom the provisional notification was served does not lodge any request for review or the bidder who had requested for review does not lodge an appeal, the tender awarding process continues its due course. However, the waiting days referred to in Paragraph 4 of this Article may not apply for the tender which is not awarded open competition or awarded by means of direct negotiation, when the bidder who requested for review indicates in writing or through electronic means that is satisfied with the decision taken.	introduit le recours gracieux a reçu la décision sur ce recours avant de procéder à la procédure d'attribution du marché. Si l'entité de passation de marché trouve fondé le recours gracieux et que, dans un délai de sept (7) jours, l'attributaire du marché auquel la notification provisoire a été signifiée n'introduit aucun recours gracieux ou que le soumissionnaire qui avait introduit le recours gracieux n'interjette pas appel, la procédure d'attribution du marché poursuit son cours normal. Toutefois, la période d'attente visée à l'alinéa 4 du présent article peut ne pas s'appliquer à l'offre qui n'est pas attribuée par concurrence ouverte ou qui est attribuée par voie de négociation directe, lorsque le soumissionnaire qui a introduit le recours gracieux indique par écrit ou par voie électronique, qu'il est satisfait de la décision prise.
<u>Ingingo ya 49:</u> Kujuririra Akanama k'ubujurire kigenga Ubujurire bwakirwa iyo bugaragaza ibyirengagijwe cyangwa ibyakozwe mu buryo bunyuranyije n'iri tegeko, amateka cyangwa amabwiriza arishyira mu bikorwa. Mu gihe cy'ubujurire, ihame ryo kuvuguruzanya rirubahirizwa mu nzego zose	<u>Article 49:</u> Appeal to the independent review panel For an application for review to be acceptable, it clearly indicates a specific act of omission or commission contravening this Law. During the proceedings of review, the cross-examination principle is respected at all stages	<u>Article 49</u> : Appel devant le comité indépendant de recours Pour être recevable, un recours précise un fait ou un manquement à l'encontre de la présente loi. Pendant la procédure de recours, le principe du contradictoire est respecté à tous les stades de la

z'isuzuma ry'ubujurire. Uwapiganwe ushaka kujuririra Akanama k'ubujurire kigenga abanza kandi kuriha umubare w'amafaranga adasubizwa ugenwa n'iteka rya Minisitiri. Uwajuriye afite uburenganzira bwo kunganirwa cyangwa guhagararirwa n'umwunganizi mu by'amategeko. Ubujurire bukimara kwakirwa, imirimo yo gutanga isoko iba ihagaritswe kugeza igihe akanama k'ubujurire kigenga gatangiye icyemezo cyako. Akanama k'ubujurire kigenga kagomba gutanga icyemezo cyako mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira umunsi kashyikirijweho ubujurire. Igihe kadashoboye kugera ku mwanzuro mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kagomba kumenyesha urwego rutanga isoko n'uwajuriye ko hakenewe igihe cy'inyongera kidashobora kurenga iminsi cumi n'itanu (15). <u>Ingingo ya 50: Icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga</u> Akanama k'ubujurire kigenga gashobora gufata kimwe cyangwa byinshi mu byemezo	of the review proceedings. The bidder who wants to lodge an appeal to the independent review panel is also required to pay a non-refundable amount determined by an Order of the Minister. A bidder applying for review has the right to be assisted or represented by an Advocate. On receiving the appeal, the procurement procedures are suspended until a decision on the appeal is issued by the independent review panel. The independent review panel must provide its decision within fifteen (15) days of the date the appeal was received. Where the independent review panel fails to take a decision within such a period of fifteen (15) days, it must notify the procuring entity and the review applicant that there is a need for an extension of not more than fifteen (15) days. <u>Article 50: Decision of the independent review panel</u> The independent review panel may recommend one or more of the following	procédure de recours. Le soumissionnaire qui veut introduire un recours devant le comité indépendant de recours est également tenu de payer une somme non remboursable fixée par l'arrêté du Ministre. Le soumissionnaire qui a introduit un recours a droit de se faire assister ou représenter par un Avocat. Dès que l'appel est reçu, le processus de passation de marché est suspendu jusqu'à la décision de comité indépendant de recours. Le comité indépendant de recours doit rendre sa décision dans les quinze (15) jours suivant la date de réception du recours. Si le comité indépendant de recours ne parvient pas à prendre la décision dans ces quinze (15) jours, il doit notifier à l'entité de passation de marché et à la partie ayant introduit le recours de la nécessité d'une prolongation de quinze (15) jours au maximum. <u>Article 50 : Décision du comité indépendant de recours</u> Le comité indépendant de recours peut recommander une ou plusieurs des décisions
--	--	---

bikurikira:	decisions:	suivantes :
1° kutemera igikorwa cyangwa icyemezo cy'urwego rutanga isoko kinyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko; 2° gusaba urwego rutanga isoko rwakoze cyangwa rwageze ku mwanzuro unyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko gufata icyemezo kiyashingiyeho; 3° gusesa umwanzuro wose w'urwego rutanga isoko cyangwa igice cyawo kinyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko cyangwa icyemezo cyatumye habaho amasezerano y'isoko; 4° gusubiramo icyemezo cyangwa kwifatira umwanzuro wako ugisimbura mu gihe icyemezo cy'urwego rutanga isoko kigaragaye ko kinyuranyije n'amategeko, uretse icyo gushyira umukono ku masezerano y'isoko; 5° gutegeka ko isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa risubirwamo hagasobanurwa n'impamvu zashingiweho hategekwa iryo subirwamo;	1° to denounce an action or a decision of the procuring entity which are contrary to the provisions of this Law; 2° to require the procuring entity that has acted or proceeded in a manner that is contrary to the laws to decide consistently with them; 3° to cancel in whole or in part an act or decision of the procuring entity contrary to the law or a decision which resulted into the procurement contract; 4° to revise the decision or substituting it with its own recommendation if a decision of the procuring entity, other than signing the procurement contract, is found to be contrary to the law; 5° to order re-evaluation of the bids and indicate the grounds for such an order;	1° dénoncer une action ou une décision de l'entité de passation de marché qui sont contraires aux dispositions de la présente loi ; 2° exiger l'entité de passation de marché qui a agi ou procédé de la manière contraire à la législation de prendre la décision qui s'y conforme ; 3° annuler en tout ou en partie la décision de l'entité de passation de marché contraire à la loi ou la décision ayant servi de base à l'existence du contrat de marché; 4° modifier la décision ou la substituer par sa propre recommandation si la décision de l'entité de passation de marché, autre que la signature du contrat de marché, est jugée contraire à la loi ; 5° exiger la réévaluation des offres et préciser les arguments qui ont motivé la décision ;

6° gutegeka kwishyura amafaranga yakoreshejwe mu gutegura no kujya mu ipiganwa iyo amasezerano y'isoko yamaze gushyirwaho umukono kandi akanama k'ubujurire kigenga kabona ko uwajuriye ari we wagombaga guhabwa isoko; 7° gutegeka ko itangwa ry'isoko riseswa. Icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga kigomba kubahirizwa. <u>Ingingo ya 51: Gutangaza icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga</u> Icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga gitangazwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta no ku rubuga rw'ikoranabuhanga rw'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano cyangwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga rw'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano gusa, ku masoko atangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga. Icyakora, nta makuru yerekeye icyo cyemezo agomba gushyirwa ahagaragara iyo kuyashyira ahagaragara binyuranyije n'amategeko, bibangamira ishyirwa mu	6° to recommend the payment of reasonable costs incurred in participating in the bidding process when a legally binding procurement contract has been awarded which in the opinion of the independent review panel should have been awarded to the complainant; 7° to order that the procurement proceedings be cancelled. The decision of the independent review panel is binding. <u>Article 51: Publication of the decision of the independent review panel</u> The decision of the independent review panel is published on the e-procurement portal and the website of the State organ in charge of public procurement or only on the website of the State organ in charge of public procurement for those tenders awarded out of e-procurement system. However, no information is published if its publication would be contrary to the laws, impede laws enforcement, not be in the public interest, jeopardize commercial interests of the	6° recommander le paiement d'un montant raisonnable dû à la participation au processus de soumission lorsque le contrat de marché a été signé alors que le comité indépendant de recours conclut que le marché aurait été attribué à la partie requérante ; 7° exiger que le processus de passation de marchés soit annulé. La décision du comité indépendant de recours est exécutoire. <u>Article 51 : Publication de la décision du comité indépendant de recours</u> La décision du comité indépendant de recours est publiée au site de passation électronique de marchés publics et au site-web de l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions, ou uniquement sur le site-web de l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions en ce qui concerne les offres attribuées en dehors du système de passation électronique de marchés. Toutefois, aucune information n'est publiée lorsque sa publicité serait contraire aux lois, entraverait l'application des lois, ne serait pas dans l'intérêt public, porterait préjudice aux
--	---	--

bikorwa ry'amategeko, bitari mu nyungu z'Igihugu, bibangamira inyungu zemewe z'ubucuruzi z'impande bireba cyangwa byatuma hataba ipiganwa nyaryo. <u>Akiciro ka 5: Amasezerano y'isoko</u> <u>Ingingo ya 52: Amasezerano y'isoko hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko</u> Uwatsindiye isoko n'urwego rutanga isoko bashyira umukono ku masezerano y'isoko yanditse ashingiye ku gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, ku nyandiko y'ipiganwa y'uwatsindiye isoko, ku bisobanuro byatanzwe no ku byanogejwe byose. Mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko, urwego rutanga isoko rusaba uwatsindiye isoko kurushyikiriza umwimerere w'inyandiko zose yatanzeho kopi mu nyandiko ye y'ipiganwa hagakorwa inyandiko yemeza ko urwego rutanga isoko ruzibonye, ko uwatsindiye isoko azisubiranye, kandi ko igihe cyose zakenerwa azazerekana. Inyandiko isaba kugemura yatanzwe nyuma y'itangwa ry'isoko ifatwa nk'amasezerano y'isoko hakurikijwe umubare w'amafaranga	parties or would inhibit fair competition. <u>Subsection 5: Procurement contract</u> <u>Article 52: Procurement contract between the procuring entity and the successful bidder</u> The successful bidder and the procuring entity enter into a written procurement contract based on the tender document, the successful bid, any clarifications received and any corrections provided. Before signing the procurement contract, the successful bidder provides the procuring entity with the originals of all the documents he or she submitted as copies and a written statement is made confirming that such documents are seen by the procuring entity, that the successful bidder receive them and that this bidder may exhibit to it at any time needed. A purchase order issued after the conduct of procurement proceedings is considered as a procurement contract according to a threshold	intérêts commerciaux légitimes des parties concernées ou s'opposerait à la concurrence juste et équitable. <u>Sous-section 5 : Contrat de marché</u> <u>Article 52 : Contrat de marché entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché</u> L'attributaire du marché et l'entité de passation de marché signent un contrat de marché en se basant sur le dossier d'appel d'offres, l'offre retenue, tout éclaircissement reçu et toute correction effectuée. Avant de signer le contrat de marché, le soumissionnaire retenu fournit à l'entité de passation de marché les originaux de tous les documents pour lesquels les copies ont été soumises et une déclaration écrite est faite pour confirmer que ces documents sont présentés à l'entité de passation de marché, que l'attributaire du marché les reçoit et qu'il peut les fournir à tout moment qu'il s'avère nécessaire. Un bon de commande émis à l'issue d'un processus d'attribution du marché est considéré comme contrat de marché selon le seuil établi par
--	---	---

wagenwe n'iteka rya Minisitiri. Iyo uwatsindiye isoko adashyize umukono ku masezerano y'isoko, urwego rutanga isoko rushobora kuriha ukurikiyeho wujuje ibisabwa. Urwego rutanga isoko ntirwemerewe gushyira umukono ku masezerano y'isoko igihe inyandiko z'ipiganwa zitagifite agaciro. <u>Ingingo ya 53: Ibigize amasezerano y'isoko</u> Amasezerano y'isoko agizwe nibura n'iby'ingenzi bikurikira: 1° imyirondoro y'impande zigirana amasezerano y'isoko n'abayashyiraho umukono; 2° icyo isoko rigamije; 3° ingingo z'iri tegeko zashingiweho mu itangwa ry'isoko; 4° urutonde rw'inyandiko zerekeye isoko hakurikijwe uko zigenda zisumbana;	established by an Order of the Minister. If the successful bidder fails to enter into a procurement contract, the procuring entity may award the tender to the next qualified bidder. The procuring entity is not authorised to sign a procurement contract if the bids validity period has expired. <u>Article 53: Contents of the procurement contract</u> The procurement contract includes at least the following major details: 1° identification of parties to the procurement contract and signatories; 2° the subject matter of the tender; 3° the provisions of this Law under which the tender was awarded; 4° contract documents depending on their priority;	l'arrêté du Ministre. Lorsque l'attributaire du marché ne parvient pas à signer le contrat de marché, l'entité de passation de marché peut attribuer le marché au second soumissionnaire qualifié. L'entité de passation de marché n'est pas autorisée à signer un contrat de marché lorsque le délai de validité des offres a expiré. <u>Article 53 : Contenu du contrat de marché</u> Le contrat de marché comporte au moins les mentions principales suivantes : 1° l'identification des parties contractantes et les signataires; 2° objet du marché ; 3° les dispositions de la présente loi sur lesquelles l'attribution du marché s'est basée ; 4° l'énumération par ordre d'importance des documents relatifs au marché ;
--	---	--

Official Gazette n° Special of 22/11/2022

5° igiciro n'uburyo bwakoreshejwe mu kukigena;	5° price and the pricing method used;	5° le prix et les critères de sa fixation ;
6° igihe cy'itangira n'igihe ntarengwa cy'irangira ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko n'ibihano biteganyijwe igihe kitubahirijwe;	6° time limits for the beginning and completion of contract implementation and delay penalties in case of failure to meet such time limits;	6° le délai pour le début et la fin de l'exécution du marché et les pénalités de retard en cas de non-respect de ce délai ;
7° uburyo bwo gukurikirana amasezerano y'isoko;	7° procurement contract progress monitoring mechanism;	7° les modalités de suivi d'exécution du contrat de marché;
8° igihe n'uburyo bwo kwakira imirimo, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa na serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke haba ku buryo bw'imbumbe cyangwa igice cy'ibimaze gukorwa;	8° time and conditions for partial or total acceptance of goods, supplies, works, consultancy and non-consultancy services;	8° le temps et les modalités de réception globale ou partielle des biens, des fournitures, des travaux, des services de consultance et de non-consultance;
9° uburyo bwo kwishyura, inkomoko y'ingengo y'imari n'umurongo w'ingengo y'imari bizakoreshwa;	9° payment modalities and type of funding as well as the budget line to be involved;	9° les modalités de paiement et le type de financement ainsi que la ligne budgétaire à utiliser ;
10° ubwishingizi, ingwate n'ibijyanye n'indishyi;	10° insurances, securities and compensation related matters;	10° l'assurance, les garanties ainsi que les dommages et intérêts ;
11° impamvu zatumye amasezerano y'isoko asubirwamo cyangwa aseswa;	11° provisions regarding procurement contract amendment or termination;	11° les motifs de modification ou de résiliation du contrat de marché;
12° kugaragaza uko byagenda iyo habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa;	12° modalities applicable to the case of force majeure;	12° modalités applicables en cas de force majeure ;

13° banki na konti uwatsindiye isoko azishyurirwaho; 14° uburyo bwo gukemura amakimbirane, inzego zitabazwa n'amategeko yifashishwa mu kuyakemura; 15° ingingo zerekeranye no kurwanya ruswa. <u>Ingingo ya 54: Impinduka ku masezerano y'isoko</u> Impinduka yose ibaye mu masezerano y'isoko ishyirwa mu nyandiko kandi igashyirwaho umukono n'impande zombi. Impinduka ku masezerano y'isoko ntihindura ireme n'imimerere y'amasezerano y'isoko ry'ibanze. Impinduka ku masezerano y'isoko y'ibanze zitarengeje gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko ariko zitarengeje miliyoni ijana z'amafaranga y'u Rwanda (100.000.000 FRW) zemezwa n'urwego rutanga isoko kandi zigakorera amasezerano y'inyongera. Iyo impinduka zirenze agaciro ntarengwa kavugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo,	13° the name of the bank and account number for effecting payment; 14° modalities for dispute settlement, review organs and applicable regulations; 15° provisions relating to the fight against corruption. <u>Article 54: Procurement contract amendment</u> Any amendment to the procurement contract is made in writing and signed by both parties. Procurement contract amendments do not affect the substance and the nature of the initial procurement contract. Any amendment to the initial procurement contract not exceeding five percent (5%) of the contract value but not exceeding one hundred million Rwanda francs (FRW 100,000,000) is approved by the procuring entity and is subject to additional contract. When the initial contract amendment exceeds the maximum value referred to Paragraph 3 of	13° le nom de la banque et le numéro de compte de l'attributaire ; 14° les modalités de règlement des litiges, les organes de recours et les lois applicables ; 15° les clauses anti-corruption. <u>Article 54 : Modification du contrat de marché</u> Toute modification apportée au contrat de marché est faite par écrit et est signée par les deux parties. Les modifications apportées au contrat de marché n'affectent pas le fond et la nature du contrat de marché initial. Toute modification au contrat de marché initial au-delà de cinq pourcent (5%) de la valeur du contrat mais n'excédant pas cent million de francs rwandais (100.000.000 FRW) est approuvée par l'entité de passation de marché et doit faire l'objet d'un contrat supplémentaire. Lorsque la modification du contrat initial dépasse la valeur maximale visée à l'alinéa 3 du
--	--	---

hatangwa isoko rishya. Icyakora, mu gihe impinduka zirenze inyongera irenze agaciro ntarengwa kavugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo ariko urwo rwego rutanga isoko rukabona bidashoboka ko iyo mirimo y'inyongera ikorwa biciye mu rindi soko mu rwego rwo kwirinda kuyitandukanya n'ibyamaze gukorwa kubera impamvu za tekiniiki cyangwa izindi mpamvu zigamije kumenya neza uwishingira ibyakozwe, guhindura amasezerano y'isoko bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa mu guhindura amasezerano y'isoko n'urwego rubyemeza. <u>Ingingo ya 55: Amasezerano asasiye</u> Amasezerano asasiye ashobora gushyirwaho umukono hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko umwe cyangwa benshi mu nyungu z'urwego rutanga isoko cyangwa z'izindi nzego zigira uruhare mu itangwa ry'isoko. Amasezerano asasiye akoreshwa iyo: 1° ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bikenerwa kenshi -ariko	this Article, a new tender is advertised. However, when the initial contract amendment exceeds the maximum value referred to Paragraph 3 of this Article and that the procuring entity realizes it is impossible to perform the additional work through a new tendering so as to ensure that such additional work is not separated from what was already achieved for technical reasons or other reasons linked with clearly identifying the party to be responsible for what is already achieved, an Order of the Minister determines modalities and requirements for procurement contract amendment as well as the approving body. <u>Article 55: Framework agreement</u> A framework agreement may be concluded between a procuring entity and one or more successful bidders for the interest of the procuring entity or other entities dealing with the procurement proceedings. The framework agreement is used: 1° where the goods, supplies, consultancy and non-consultancy services are needed frequently over a period of time	présent article, il est procédé à un nouvel appel d'offres. Toutefois, lorsque la modification du contrat initial dépasse la valeur maximale visée à l'alinéa 3 du présent article, et que l'entité de passation de marché trouve qu'il est impossible d'exécuter les travaux supplémentaires par voie d'un nouvel appel d'offres pour éviter de séparer ces travaux supplémentaires des réalisations déjà faites pour des raisons techniques ou autres raisons concernant l'identification précise de la partie qui sera responsable des travaux déjà réalisés, un arrêté du Ministre détermine les modalités et les conditions de modification du contrat de marché ainsi que l'organe d'approbation. <u>Article 55 : Contrat-cadre</u> Un contrat-cadre peut être conclu entre une entité de passation de marché et un ou plusieurs attributaires du marché pour l'intérêt de l'entité de passation de marché ou d'autres entités impliquées dans le processus de passation de marchés. Le contrat-cadre est utilisé : 1° lorsque des biens, des fournitures ou des services de consultance et de non-consultance sont constamment sollicités
--	--	---

ingano n'igihe bikenerwamo bikaba bidashobora guteganywa mbere; 2° hagamijwe kugabanya ikiguzi cyo gutegura isoko cyangwa igihe kuritegura bifata, ku masoko y'ibintu bikenerwa kenshi mu gihe runaka. Urwego rutanga isoko rushobora kugura ibyo rukeneye hagendewe ku masezerano asasiye yashyizweho umukono n'urwego rwa Leta rwemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yaryo izindi nzego za Leta. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gushyira mu bikorwa amasezerano asasiye. <u>Ingingo ya 56: Igihe amasezerano asasiye amara</u> Urwego rutanga isoko rushyira umukono ku masezerano asasiye amara igihe cy'umwaka umwe (1) ushobora kongerwa inshuro ebyiri (2). Icyakora, amasezerano asasiye ashobora kumara igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe ku isoko risaba uwaritsindiye gushora amafaranga menshi	but the quantity and timing cannot be defined in advance; 2° in order to reduce costs and time for preparation of tender which is needed repeatedly or continuously over a period of time. The procuring entity may purchase goods through a framework agreement between a central purchasing body and the successful bidder. An Order of the Minister determines modalities for the framework agreement execution. <u>Article 56: Duration of framework agreement</u> The framework agreement is concluded for a period of one (1) year that can be renewed twice (2). However, such a framework agreement may be concluded for a period of three (3) years renewable once for a tender that requires a successful bidder to make big investments in	alors que la quantité et le moment du besoin ne peuvent pas être définis en avance; 2° afin de réduire les coûts ou le délai de préparation d'un marché qu'on a besoin d'attribuer constamment ou continuellement sur une période donnée. L'entité de passation de marché peut acheter des biens par le biais d'un contrat-cadre conclu entre une institution gouvernementale autorisée à préparer les offres pour le compte pour les autres institutions publiques ainsi que les contrats de marché y relatifs. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de mise en exécution du contrat-cadre. <u>Article 56 : Durée du contrat-cadre</u> L'entité de passation de marché signe un contrat-cadre pour une (1) année renouvelable deux (2) fois. Toutefois, ce contrat peut être conclu pour une période de trois (3) ans renouvelable une seule fois, pour les marchés nécessitant des investissements préalables par les
--	---	--

kugira ngo abashe gukora ibyo urwego rutanga isoko rukeneye, ku buryo ayo mafaranga yagaruzwa mu gihe kirekire cyangwa ku yandi masoko afite imiterere yihariye ituma urwego rutanga isoko rukomeza kubona neza ibyo rukeneye. Amasezerano asasiye akorerwa isuzumwa rya buri mwaka n'urwego rutanga isoko. Ibivuye mu isuzumwa ry'amasezerano rya buri mwaka, bishobora gutuma urwego rutanga isoko rufata umwanzuro wo gukomeza amasezerano cyangwa wo kuyahagarika. Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu kwemeza ko isoko rifite imiterere yihariye cyangwa risaba uwaritsindiye gushora amafaranga menshi kugira ngo rikorwe.	order to meet the procuring entity's need, and the investments made is to be returned on a long-term basis or for tenders of specialised or complex nature to the fact that the needs of the procuring entity keep being met. The framework agreement is subject to an annual evaluation by the procuring entity. As a result of this annual evaluation, the procuring entity may decide to continue with the same agreement or to cancel it. An Order of the Minister determines requirements for specifying whether a tender is of specialised or complex nature or requires a successful bidder to make investments in order to be executed.	soumissionnaires afin de satisfaire aux besoins de l'entité de passation de marché et que les investissements doivent être recouverts à long terme ou pour les marchés de nature spéciale ou complexe de sorte que la satisfaction des besoins de l'entité de passation de marché continue à être assurée. Le contrat-cadre fait l'objet d'une évaluation annuelle par l'entité de passation de marché. Suite à cette évaluation annuelle, l'entité de passation de marché peut décider de maintenir le même contrat ou de le résilier. Un arrêté du ministre détermine les conditions permettant d'indiquer qu'un appel d'offres est de nature spécialisée ou complexe ou qu'il exige des investissements de la part de l'attributaire du marché pour être exécuté.
<u>Ingingo ya 57: Igiciro cy'isoko</u> Igiciro cy'isoko gishyirwa mu masezerano y'isoko kiba kigizwe n'igiteranyo cy'ibintu bitandukanye bikigize, iyo bidashoboka hakoreshewa igiciro mbumbe. Igiciro cy'isoko kibarirwamo ibikenewe byose ku mirimo, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari	<u>Article 57: Tender price</u> The tender price to be included in the procurement contract is a unit price, in case of impossibility to do so, the price is a lumpsum price. The tender price includes all the required expenses on works, goods, supplies or consultancy and non-consultancy services.	<u>Article 57 : Prix du marché</u> Le prix du marché à inclure dans le contrat de marché est un prix unitaire, dans le cas d'impossibilité de le faire, le prix est forfaitaire. Le prix du marché inclut la valeur des travaux, des biens, des fournitures, des services de consultance et de non-consultance. Le prix du

iz'impuguke. Igiciro cy'isoko kibarirwamo kandi imisoro n'amahoro uretse iyo bisonewe mu mategeko cyangwa mu masezerano mpuzamahanga. Igiciro cy'isoko kibarirwamo n'inyungu z'uwatsindiye isoko.	The tender price also includes taxes, duties, levies applicable, except when they are expressly subject to exemption in national legislation or by international agreements. The tender price also includes a profit margin to the successful bidder.	marché inclut aussi les droits, taxes et impôts applicables à ce marché sauf s'ils font expressément objet d'une exemption dans la législation nationale ou par des accords internationaux. Le prix inclut également les intérêts de l'attributaire du marché.
<u>Ingingo ya 58: Gusubiramo ibiciro mu masoko ya Leta</u>	<u>Article 58: Price adjustment in public procurement</u>	<u>Article 58: Révision des prix dans les marchés publics</u>
Isoko ryose riteganywa gukorwa mu gihe kitarenze amezi cumi n'umunani (18) ritangwa ku biciro ndakuka.	Any contract that is planned to be executed within a period of eighteen (18) months is awarded as a fixed-price contract.	Tout marché prévu pour être exécuté dans un délai de dix-huit (18) mois est attribué en tant que marché à prix fixe.
Icyakora, iyo habaye impamvu ishobora gutuma igiciro cyatangiweho isoko kizamuka mu buryo budasanzwe, Minisitiri atanga uburenganzira ku gusubiramo ibiciro.	However, in case a circumstance arises that leads to the exceptional rise in the prices quoted at the time of the bid, the Minister authorises the adjustment of prices.	Toutefois, en cas de survenance d'une circonstance entraînant la hausse exceptionnelle des prix indiqués lors de l'offre, le Ministre autorise la révision des prix.
Iyo habaye igabanuka ry'ibiciro, impande zombi zumvikana ku mpinduka ku masezerano y'isoko hashingiwe kuri ibyo biciro bishya.	In case of price reduction, the contracting parties negotiate modalities for revising the procurement contract on the basis of new prices.	En cas de baisse des prix, les deux parties négocient les modalités de révision du contrat de marché sur la base de ces nouveaux prix.
Ku isoko riteganywa gushyirwa mu bikorwa mu gihe kirenze amezi cumi n'umunani (18), igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya uburyo ibiciro bisubirwamo. Ubwo buryo busobanurwa mu mabwiriza rusange.	For a contract planned to be executed for a period which exceeds eighteen (18) months, the tender document determines modalities for price adjustment. Such modalities are defined in regulations.	Pour un marché prévu pour être exécuté dans un délai dépassant dix-huit mois (18) mois, le dossier d'appel d'offres prévoit les modalités de révision des prix. Ces modalités sont définies par des règlements.
Icyakora, ibiciro ntibisubirwamo ku mirimo	However, no price adjustment takes place for	Toutefois, les prix ne sont pas révisables pour les

yamaze gukorwa cyangwa iyo imirimo yatinze gukorwa biturutse ku burangare bw'uwatsindiye isoko, keretse mu gihe gusubiramo bigamije kumanura ibiciro. Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu gusubiramo ibiciro mu masoko ya Leta. <u>Ingingo ya 59:</u> Igiciro gishingiye ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe Amasezerano y'isoko ashobora guteganya serivisi z'impuguke zishyurwa hashingiwe ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe n'uwatsindiye isoko. Amasezerano y'isoko ateganya ikiguzi ntarengwa cya buri serivisi ibarirwa mu cyiciro cy'amafaranga asubizwa. <u>Akiciro ka 6:</u> Ingwate yo kurangiza isoko neza <u>Ingingo ya 60:</u> Gutanga ingwate yo kurangiza isoko neza Urwego rutanga isoko rusaba uwatsindiye isoko gutanga ingwate yo kurangiza isoko neza mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko. Iyo ngwate itangwa n'ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira.	completed works or works whose completion is delayed as a result of the successful bidder's negligence, except where the adjustment is meant for price reduction. An Order of the Minister determines modalities for price adjustment in public procurement. <u>Article 59:</u> Price based on reimbursable expenses The procurement contract may include consultancy services paid on the basis of reimbursable expenses of the successful bidder. The procurement contract indicates the maximum amount for each service rendered on the basis of reimbursable expenses. <u>Subsection 6:</u> Performance security <u>Article 60:</u> Furnishing performance security The procuring entity requests the successful bidder to furnish a performance security before signing the procurement contract. The performance security is issued by an authorised financial institution.	travaux déjà exécutés ou en retard d'exécution du fait de la négligence de l'attributaire du marché à moins que cette révision vise la réduction des prix. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de révision des prix dans les marchés publics. <u>Article 59:</u> Prix basé sur les frais remboursables Le contrat de marché peut inclure des services de consultance rémunérés sur la base du remboursement des frais engagés par l'attributaire du marché. Le contrat de marché indique le montant maximum de chaque service presté sur la base des frais remboursables. <u>Sous-section 6 :</u> Garantie de bonne exécution <u>Article 60 :</u> Fournir une garantie de bonne exécution L'entité de passation de marché demande à l'attributaire du marché de fournir une garantie de bonne exécution avant la signature du contrat de marché. La garantie de bonne exécution est émise par une institution financière autorisée.
---	--	--

Icyakora, iyo bibaye ngombwa ko uwatsindiye isoko ashyira umukono ku masezerano y'isoko adatanze ingwate yo kurangiza isoko neza kandi urwego rutanga isoko rubona ko nta bundi buryo bwakoreshwa kugira ngo rubone ibyo rukeneye, rushyira umukono ku masezerano y'isoko iyo ngwate idatanzwe ariko rubiherewe uburenganzira n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.	However, if it is considered necessary for the successful bidder to sign a procurement contract without furnishing a performance security and the procuring entity is of the opinion that there is no other way of meeting its needs, it signs the procurement contract without the performance security, but after being authorised to do so by the State organ in charge of public procurement.	Toutefois, s'il s'avère nécessaire pour l'attributaire du marché de signer le contrat de marché sans garantie de bonne exécution et que l'entité de passation de marché constate qu'il n'y a pas d'autre moyen de couvrir ses besoins, l'entité de passation de marché signe le contrat de marché sans cette garantie mais après avoir y être autorisé par l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions.
Agaciro k'ingwate yo kurangiza isoko neza gashingira ku gaciro k'amasezerano y'isoko n'imiterere y'ibigomba gukorwa.	The amount of performance security depends on the procurement contract value and nature of activities to be carried out.	Le montant de la garantie de bonne exécution dépend de la valeur du contrat de marché et de la nature des activités à réaliser.
Agaciro k'ingwate yo kurangiza isoko neza ntigashobora kujya munsi ya gatanu ku ijana (5%) cyangwa hejuru y'icumi ku ijana (10%) y'agaciro k'amasezerano y'isoko.	The performance security value cannot be less than five percent (5%) or more than ten percent (10%) of the procurement contract value.	La valeur de la garantie de bonne exécution ne peut être inférieure à cinq pourcent (5%) ou supérieure à dix-pour cent (10%) de la valeur du contrat de marché.
Ingwate yo kurangiza isoko neza ntibyara inyungu kandi ikurikiza icyitegererezo cyatanzwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.	The performance security does not generate interests and is determined in accordance with the form provided for in the tender document.	La garantie de bonne exécution ne produit pas d'intérêts et est constituée selon le modèle prévu dans le dossier d'appel d'offres.
Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku masoko ya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke, ay'imirimu, ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa atarengeje agaciro kagenwa n'iteka rya Minisitiri.	The provisions of Paragraph One of this Article do not apply to contracts for consultancy and non-consultancy services, works, goods or supplies where their estimated value does not exceed a threshold established by an Order of the Minister.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas aux marchés de services de consultance et de non-consultance, de travaux, de biens ou de fournitures dont la valeur n'excède pas le seuil fixé par arrêté du Ministre.

Iyo igihe cyo gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko cyongerewe cyangwa agaciro k'amasezerano y'isoko kakiyongera, uwatsindiye isoko yongera igihe ingwate yo kurangiza isoko neza izamara ndetse n'agaciro kayo. Iteka rya Minisitiri rigena ubwoko bw'ingwate zo kurangiza isoko neza n'uburyo zitangwamo. <u>Ingingo ya 61:</u> Gusubiza ingwate yo kurangiza isoko neza. Ku masoko y'imirimo, iyo uwatsindiye isoko asabye gusubizwa ingwate yo kurangiza isoko neza, ayisubizwa mu byiciro bibiri (2). icyiciro cya mbere hishyurwa kimwe cya kabiri (1/2) cyayo mu minsi itarenze mironko itatu (30) ibarwa uherye ku munsu wo kwakira by'agateganyo imirimo, icyiciro gisigaye kigasubizwa mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) uherye ku munsu w'iyakirwa rya burundu ry'imirimo. Ku yandi masoko atari ay'imirimo, ingwate yo kurangiza isoko neza isubizwa mu minsi itarenze irindwi (7) uherye ku munsu yasabiweho. Gusaba gusubizwa ingwate biherekezwa n'inyandiko isobanura isozwa ry'isoko.	If the procurement contract execution period is extended or the procurement contract value is increased, the successful bidder also extends the validity period of the performance security and increases its amount accordingly. An Order of the Minister determines the types of performance securities and modalities for the furnishing thereof. <u>Article 61:</u> Return of performance security For the contracts for works, when the successful bidder requests the return of the performance security, the return is done in two (2) instalments. The first instalment consists of return of half (1/2) of the security within thirty (30) days of the date of provisional acceptance of the works, whereas the remaining instalment is returned within fifteen (15) days of the date of final acceptance of the works. For contracts other than works, the performance security is returned within seven (7) days of the day of the request for return thereof. The request for return of a security is accompanied by the final statement of contract.	Lorsque l'exécution du contrat de marché est prolongée ou sa valeur augmente, l'attributaire du marché prolonge également la période de validité de la garantie de bonne exécution et augmente son montant en conséquence. Un arrêté du Ministre détermine les types de garanties de bonne exécution et les modalités de fourniture de ces garanties. <u>Article 61 :</u> Restitution d'une garantie de bonne exécution Pour les marchés de travaux, lorsque l'attributaire du marché demande la restitution de la garantie de bonne exécution, la restitution se fait en deux (2) tranches. La première tranche consiste en la restitution de la moitié (1/2) de la garantie dans les trente (30) jours suivant la date de réception provisoire des travaux alors que la restitution de la tranche restante se fait dans les quinze (15) jours suivant la date de réception définitive des travaux. Pour les marchés autres que ceux de travaux, la restitution de la garantie de bonne exécution se fait dans les sept (7) jours suivant le jour de la demande de restitution. La demande de restitution d'une garantie s'accompagne d'un décompte final du marché.
--	---	---

<u>Akiciro ka 7: Ingingo zihariye ku masoko ya serivisi z'impuguke</u> <u>Ingingo ya 62: Urutonde rw'abapiganwa no kugaragaza ubushake bwo gupiganwa</u> Urwego rutanga isoko ruhamagarira abapiganwa kugaragaza ubushake bwo gupiganwa binyuze ku rubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta kugira ngo hakorwe urutonde rw'abagaragaje ubushake bwo gupiganwa. Inyandiko ihamagarira ipiganwa ishobora kumenyeshwa impuguke ku giti cyayo cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi, ariko ibyo byiciro byombi ntibishobora guhurizwa mu isoko rimwe. Iteka rya Minisitiri rigena urugero rw'amasoko ya Leta atangwa bitanyuze mu guhamagarira abapiganwa kugaragaza ubushake bitewe n'imiterere yihariye n'iminsi ipiganwa ritegurwamo, ibigomba gushyirwa mu itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa, mu nyandiko ihamagarira gupiganira serivisi z'impuguke, mu nyandiko nsobanuramiterere y'isoko n'ibindi bigenderwaho mu gukoresha uburyo bw'urutonde rw'abapiganwa.	<u>Subsection 7: Specific provisions on contracts for consultancy services</u> <u>Article 62: Shortlisting and expression of interest</u> The procuring entity calls for expression of interest through e-procurement portal in order to establish the shortlist of interested bidders. A request for proposals may be addressed to an individual consultant or legal person, but not both under the same tender. An Order of the Minister determines the threshold for tenders that are not awarded through the call for expression of interest depending on their particularities and period for preparation of bids, the details to provide in the notice for expression of interest, in the request for proposals for the provision of consultancy services, in the terms of reference and other criteria for using the shortlisting of bidders.	<u>Sous-section 7 : Dispositions spécifiques sur les marchés de services de consultance</u> <u>Article 62 : Liste restreinte et manifestation d'intérêt</u> L'entité de passation de marché lance un appel à manifestation d'intérêt par le biais du portail de passation électronique de marchés publics pour établir une liste restreinte de soumissionnaires intéressés. Une demande de propositions peut être adressée à un consultant individuel ou à une personne morale, mais non aux deux pour le même marché. Un arrêté du Ministre détermine le seuil des marchés qui ne font pas l'objet d'appel à manifestation d'intérêt en fonction de leurs particularités et de la période de préparation des offres, les détails devant figurer dans l'avis d'appel à manifestation d'intérêt, dans la demande de propositions, dans les termes de référence et d'autres critères d'utilisation d'une liste restreinte de soumissionnaires.
--	---	---

<u>Ingingo ya 63:</u> Gutanga inyandiko y'ipiganwa ya tekiniki n'inyandiko y'ipiganwa y'ibiciro Mu masoko ya serivisi z'impuguke, inyandiko y'ipiganwa ya tekiniki n'inyandiko y'ipiganwa y'ibiciro zitangirwa rimwe ariko zitandukanye. <u>Ingingo ya 64:</u> Uburyo bukoreshwa n'ibigenderwaho mu guhitamo uhabwa isoko mu masoko ya serivisi z'impuguke Urwego rutanga isoko rukoresha bumwe mu buryo bukurikira kugira ngo rushobore guhitamo uhabwa isoko: 1° ihitamo rishingiye ku murimo unozwe n'igiciro cyawo bikomatanyije; 2° ihitamo rishingiye ku murimo unozwe; 3° ihitamo rishingiye ku mubare w'amafaranga ugenwe; 4° ihitamo rishingiye ku watanze igiciro gito; 5° ihitamo rishingiye ku bumenyi bwihariye impuguke ifite.	<u>Article 63:</u> Submission of technical and financial proposals In the case of tenders for consultancy services, the technical proposal is submitted at the same time as, but separately from, the financial proposal. <u>Article 64:</u> Selection method and criteria for tenders for consultancy services The procuring entity uses one of the following methods in order to select the successful proposal: 1° quality- and cost-based selection; 2° quality-based selection; 3° selection under a fixed budget; 4° least-cost selection; 5° selection based on consultant's specific qualifications.	<u>Article 63:</u> Soumission de propositions techniques et financières Dans le cas des marchés de services de consultance, la proposition technique et la proposition financière sont soumises en même temps, mais étant séparées. <u>Article 64 :</u> Méthode et critères de sélection dans les marchés de services de consultance L'entité de passation de marché utilise l'une des méthodes suivantes pour sélectionner la proposition à retenir : 1° la sélection fondée sur la qualité et le coût ; 2° la sélection fondée sur la qualité ; 3° la sélection dans le cadre d'un budget déterminé ; 4° la sélection au moindre coût ; 5° sélection fondée sur les qualifications spécifiques du consultant.
--	--	---

Ihitamo rishingiye ku murimo unoze w'ibyo upiganwa ateganya gukora mu rwego rwa tekini n'igiciro bikomatanyirijwe hamwe ni bwo buryo bw'ibanze bukoreshwa.	The quality- and cost-based selection is the default method.	La sélection fondée sur la qualité et le coût constitue une méthode par défaut.
Uburyo bukoreshwa nk'uko buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bumenyeshwa abapiganwa mu nyandiko ibahamagarira gupiganwa.	The method used as referred to in Paragraph One of this Article is notified to bidders in a request for proposals.	La méthode utilisée telle que visée à l'alinéa premier du présent article est notifiée aux soumissionnaires dans une demande de propositions.
Iteka rya Minisitiri rigena imikoreshereze y'uburyo bukoreshwa mu guhitamo uhabwa isoko mu masoko ya serivisi z'impuguke n'ibigenderwaho.	An Order of the Minister determines the application of the selection methods for tenders for consultancy services.	Un arrêté du Ministre détermine l'application des méthodes de sélection pour les marchés de services de consultance.
<u>Ingingo ya 65:</u> Gusesengura inyandiko z'ipiganwa za tekini	<u>Article 65:</u> Evaluation of technical proposals	<u>Article 65:</u> Évaluation de propositions techniques
Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gasesengura buri nyandiko y'ipiganwa gashingiye ku bisabwa mu nyandiko ihamagarira abapiganwa kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa. Inyandiko z'ipiganwa ziba zikubiyemo ibi bikurikira:	The tender committee evaluates each technical proposal on the basis of criteria disclosed in the request for proposals. The proposals include the following:	Le comité de passation de marchés évalue chaque proposition technique en fonction des critères définis dans la demande de propositions. Les propositions comprennent ce qui suit :
1° imirimo impuguke yakoze isa n'igomba gukorwa;	1° the consultant's relevant experience for the assignment;	1° l'expérience pertinente du consultant en rapport avec la mission ;
2° imiterere myiza y'uburyo bwagaragajwe imirimo izakorwamo;	2° the quality of the methodology presented;	2° la qualité de la méthodologie présentée ;
3° ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi	3° qualifications of the key staff proposed	3° les qualifications du personnel clé

bateganyijwe gukora ako kazi; 4° ibikorwa bigamije gusigira ubumenyi abakozi b'urwego rutanga isoko iyo byasabwe mu nyandiko nsobanuramiterere y'isoko; 5° urugero rw'uruhare rw'abenegihugu mu bakozi b'ingenzi iyo ari ipiganwa mpuzamahanga. Iteka rya Minisitiri rishyiraho ibigenderwaho mu kugena uburemere bw'ibisabwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. <u>Ingingo ya 66: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro</u> Inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro zifungurwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Ku masoko yatanze hadakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta, inyandiko z'ipiganwa zifungurirwa mu ruhamwe. Inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro zifungurwa kandi zigasesengurwa gusa ari uko ibijyanye n'isesengura rya tekini byarangiyeye. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo	for the assignment; 4° activities designed to transfer knowledge to staff members of the procuring entity where required in the terms of reference; 5° the extent of participation by nationals among key staff in the case of international tendering. An Order of the Minister establishes modalities for determining the importance of criteria referred to in Paragraph One of this Article. <u>Article 66: Evaluation of financial proposals</u> The financial proposals are opened through e-procurement. For the tenders published out of the e-procurement, proposals are opened in public. The financial proposals are opened and evaluated only after completion of the evaluation of technical proposals. An Order of the Minister determines	proposé pour la mission ; 4° les activités visant le transfert de connaissances aux membres du personnel de l'entité de passation de marché lorsque cela est requis dans les termes de référence ; 5° l'étendue de la participation de nationaux parmi le personnel clé dans le cas d'un appel à la concurrence internationale. Un arrêté du Ministre fixe les modalités de détermination de l'importance des critères visées à l'alinéa premier du présent article. <u>Article 66: Évaluation des propositions financières</u> L'ouverture des propositions financières se fait par le biais du système de passation électronique de marchés publics. Pour les marchés passés en dehors du système de passation électronique de marchés publics, l'ouverture des propositions est publique. L'ouverture et l'évaluation des propositions financières ne se font qu'à la fin de l'évaluation des propositions techniques. Un arrêté du Ministre détermine les modalités
---	---	--

bukorehwa mu gusesengura inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro n'igihe zitangirwa. <u>Ingingo ya 67:</u> Imishyikirano yerekeye amasezerano y'isoko hagati y'urwego rutanga isoko n'impuguke yatsindiye isoko Imishyikirano hagati y'urwego rutanga isoko n'impuguke yatsindiye isoko ishingira ku nyandiko nsobanuramiterere y'isoko, gutanga raporo z'aho imirimo igeze, ibigenwa n'urwego rutanga isoko mu gutuma impuguke irangiza akazi kayo n'inyandiko y'ibiciro. Mu gihe cy'imishyikirano ibihembo by'impuguke n'amafaranga asubizwa bikorwaho imishyikirano. Iyo imishyikirano ntacyo igezeho kugira ngo amasezerano y'isoko ashyirweho umukono, urwego rutanga isoko rugirana kandi rugakomeza imishyikirano n'impuguke yabonye amanota akurikiyeho mu batsinze. Imishyikirano ntikorera icyarimwe n'impuguke nyinshi zitandukanye kandi ku isoko rimwe.	procedures for the evaluation and deadlines for the submission of financial proposals. <u>Article 67:</u> Negotiations between the procuring entity and selected consultant Negotiations between the procuring entity and the selected consultant covers the terms of reference, progress reports, facilities to be provided by the procuring entity to allow the consultant to perform the assignment and the financial proposal. During negotiations, consultancy fees and reimbursable expenses are negotiated. If the negotiations fail to lead to a procurement contract being signed, the procuring entity proceeds to negotiate with the next-ranked consultant among those whose proposals are responsive, and so on. Negotiations do not take place simultaneously with several consultants.	d'évaluation et les délais de soumission des propositions financières. <u>Article 67:</u> Négociations entre l'entité de passation de marché et le consultant retenu Les négociations entre l'entité de passation de marché et le consultant retenu couvrent les termes de référence, les rapports sur l'état d'avancement, les facilités accordées par l'entité de passation de marché pour permettre au consultant de réaliser la mission et la proposition financière. Lors des négociations, les honoraires de consultance et les frais remboursables sont négociés. Si les négociations n'aboutissent pas à la signature du contrat de marché, l'entité de passation de marché procède à la négociation avec le consultant classé au rang suivant parmi ceux dont les propositions sont conformes et ainsi de suite Les négociations ne sont pas menées simultanément avec plusieurs consultants.
--	--	---

<u>Ingingo ya 68:</u> Imenyeshya ry’uwahawe isoko Upiganwa wagize amanota menshi, hakurikijwe ibyavuye mu isesengura ry’ibyasabwaga mu nyandiko ihamagarira abapiganwa kuzana inyandiko z’ipiganwa, ahabwa isoko iyo imishyikirano yageze ku myanzuro inyuze impande zombi. Urwego rutanga isoko rumenyeshya uwatsindiye isoko ko yatoranyijwe ngo ahabwe isoko kandi runamenyeshya icyo cyemezo izindi mpuguke zose ziri ku rutonde rw’abari basabwaga kuzana inyandiko zabo z’ipiganwa. Iyo mu minsi irindwi (7) uhereye igihe iryo menyekanisha ryabereye, ntawe ugize icyo avuga mu bitabiriye ipiganwa, amasezerano y’isoko n’uwatsindiye isoko ashyirwaho umukono n’impande zombi.	<u>Article 68:</u> Notification of tender award The bidder whose proposal attains the highest score in accordance with the evaluation criteria in the request for proposals is selected for award, subject to satisfactory conclusion of negotiations. The procuring entity notifies the successful bidder of its selection and at the same time inform all the shortlisted consultants of the decision. In the absence of a claim by any other bidder within seven (7) days from the date of that notice, the procurement contract with the successful bidder is signed by both parties.	<u>Article 68 :</u> Notification de l’attribution du marché Le soumissionnaire dont la proposition a atteint le score le plus élevé, conformément aux critères d’évaluation définis dans la demande de propositions est retenu, moyennant l’aboutissement satisfaisant des négociations. L’entité de passation de marché notifie l’attribution du marché à l’attributaire du marché et informe en même temps tous les autres consultants figurant sur la liste restreinte de cette décision. Si aucune réclamation de la part d’un quelconque soumissionnaire n’est faite dans les sept (7) jours suivant la notification, le contrat de marché avec l’attributaire du marché est signé par les deux parties.
<u>Ingingo ya 69:</u> Serivisi z’impuguke ku nyigo y’isoko ry’imirimo Iyo urwego rutanga isoko rudashobora kwikorera inyigo, rutanga isoko ryayo. Inyigo y’isoko ry’imirimo ikorwa n’impuguke ibyemererwa n’amategeko.	<u>Article 69:</u> Consultancy services for study of tender for works When the procuring entity has no capacity to conduct a study itself, it awards a contract for the conduct of such a study. The study of tender for works is entrusted to an authorised consultant.	<u>Article 69 :</u> Services de consultance pour l’étude d’un marché de travaux Lorsqu’une entité de passation de marché est dépourvue de capacité de réaliser lui-même une étude, elle procède à la passation d’un marché pour la réalisation de cette étude. L’étude d’un marché des travaux est confiée à un consultant agréé.

Inyigo y'isoko ry'imirimo igomba kuba yujuje ibyangombwa bituma igikenewe gikorwa neza, gitungana kandi kizaramba. Iteka rya Minisitiri rigena umubare ntarengwa w'agaciro n'imiterere by'isoko ry'imirimo risaba inyigo n'ibigomba kuba bikubiye mu nyigo. <u>Ingingo ya 70:</u> Kwishingira inyigo y'isoko ry'imirimo Impuguke yakoze inyigo y'isoko ry'imirimo yishingira ubuziranenge bw'inyigo kandi ikabazwa ibitameze neza kuri yo. Iyo imirimo yakorewe inyigo y'isoko idashyizwe mu bikorwa mu gihe cy'umwaka umwe (1) uherye umunsi inyigo yemerejweho, urwego rutanga isoko rusuzuma niba ari ngombwa ko iyo nyigo yahuzwa n'igihe mbere yo gutangaza isoko ry'imirimo. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kwishingira inyigo y'isoko ry'imirimo, igihe cyo kwishingira bitewe n'ubwoko bw'imirimo, n'ibishingirwaho kugira ngo inyigo ihuzwe n'igihe cyangwa isubirwemo.	The study of tender for works must meet all it takes to be feasible and durable. An Order of the Minister determines the threshold for the value and nature of a tender for works that requires the study and its contents. <u>Article 70:</u> Responsibility for a study of contract for works The consultant having performed a study of tender for works is responsible for its quality and is accountable for downsides thereof. If the works having been subject to a study are not executed within one year (1) from the date of the validation of the study, the procuring entity assesses if it is necessary to update the study before publication of tender notice for works. An Order of the Minister determines modalities for assuming responsibility for a study of tender for works, the period for such responsibility depending on the type of works, and the criteria to update or revise the study.	L'étude du marché de travaux doit répondre à tous les critères pour être réalisable et durable. Un arrêté du Ministre détermine le seuil de la valeur et la nature d'un marché des travaux nécessitant une étude ainsi que son contenu. <u>Article 70 :</u> Responsabilité pour une étude du marché de travaux Le consultant ayant réalisé l'étude est responsable de la qualité de cette étude et répond pour ses défections. Lorsque les travaux ayant fait l'objet d'étude ne sont pas exécutés dans un délai d'un (1) an à compter du jour de la validation de l'étude, l'entité de passation de marché évalue si cette étude nécessite d'être mise à jour avant la publication d'un avis de marché de travaux. Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'assumer la responsabilité d'une étude du marché de travaux, la période de cette responsabilité selon le type de travaux et les critères sur lesquels se base la mise à jour ou la révision de l'étude.
---	---	---

<u>Akiciro ka 8:</u> Ingingo zihuriweho mu itangwa ry'amasoko <u>Ingingo ya 71:</u> Ifatirwa ry'ingwate mu masoko ya Leta Ingwate zitangwa n'ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira zifatirwa n'urwego rutanga isoko iyo: 1° uwatanze ingwate y'ipiganwa adashyize umukono ku masezerano y'isoko nk'uko bisabwa cyangwa akananirwa kuzuza inshingano yo gutanga ingwate yo kwishingira ko azarangiza isoko neza; 2° uwatanze ingwate y'ipiganwa yisubiyeho nyuma y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa ariko igihe inyandiko z'ipiganwa zigomba kumara zigifite agaciro kitararangira; 3° uwatanze ingwate yo kurangiza isoko neza atubahirije amasezerano yose, ayubahirije igice cyangwa ananiwe kurangiza isoko neza; 4° uwatanze ingwate ya avansi akoresheje avansi yose cyangwa	<u>Subsection 8:</u> Common provisions applicable to tender award process <u>Article 71:</u> Seizure of performance security in public procurement contracts Securities issued by an authorized financial institution are subject to seizure by the contracting entity when: 1° the person having furnished the bid security fails to sign the contract as required or fails in his or her obligation to furnish a performance security; 2° the person having furnished the bid security withdraws his or her bid after the expiry of the deadline for submission of bids, while the validity period of the bids has not yet expired; 3° the person having furnished the performance security fails to perform all or part of the contract or to perform the contract satisfactorily; 4° the person having furnished the advance payment security uses all or	<u>Sous-section 8 :</u> Dispositions communes applicable à la procédure de passation de marchés <u>Article 71 :</u> Saisie d'une garantie de bonne exécution dans les marchés publics Les garanties émises par une institution financière autorisée font l'objet de saisie par l'entité de passation de marché lorsque : 1° la personne ayant fourni une garantie de soumission ne signe pas le contrat de marché tel que requis ou manque à l'obligation de fournir une garantie de bonne exécution ; 2° la personne ayant fourni une garantie de soumission rétracte sa soumission après l'échéance du délai de soumission des offres alors que le délai de validité des offres n'a pas encore expiré ; 3° la personne ayant fourni une garantie de bonne fin ne parvient pas à respecter le contrat en tout ou en partie ou à exécuter le marché de façon satisfaisante ; 4° la personne ayant fourni une garantie de paiement anticipé utilise, en tout ou en
---	---	---

igice cyayo mu bikorwa bidafite aho bihuriye n'isoko; 5° amasezerano y'isoko asheshwe uwatanze ingwate ya avansi atararangiza kwishyura amafaranga yose yahawe n'urwego rutanga isoko. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ifatirwa ry'ingwate mu masoko ya Leta rikorwa. <u>Ingingo ya 72:</u> Ingaruka zo gushyira amananiza ku gufatira ingwate mu masoko ya Leta Ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira giha urwego rutanga isoko ingwate yose mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi uherye ku muni urwandiko rubisaba rwakiriweho. Ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira cyishyura kandi inyungu y'inyongera ingana na rimwe ku ijana (1%) y'amafaranga agomba kwishyurwa kuri buri muni w'ubukererwe mu kwishyura. Iyo bibaye ngombwa kuregera urukiko, icyemezo cy'urukiko kikagaragaza ko urwego rutanga isoko rutsinze, inyungu	part of the advance payment in activities unrelated to the contract; 5° the procurement contract is terminated before the person having furnished the advance payment security makes full repayment of the payments received from the procuring entity. An Order of the Minister determine modalities for the seizure of security in public procurement contracts. <u>Article 72:</u> Effects of hindering the security seizure process in public procurement contracts The authorized financial institution pays the procuring entity the entire amount of the security within ten (10) working days from the day of receipt of a written request to that effect. The authorized financial institution also pays an additional interest in an amount equal to one percent (1%) of the amount due for each day of payment delay. In the event that it becomes necessary to refer the matter to the court, and the procuring entity receives favourable court's decision, the	partie, le paiement anticipé aux fins des activités non liées au marché ; 5° la résiliation du contrat de marché a lieu avant que la personne ayant fournie une garantie n'effectue le remboursement total des paiements reçus de l'entité de passation de marché. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de saisie d'une garantie dans les marchés publics. <u>Article 72 :</u> Effets d'entrave au processus de saisie d'une garantie dans les marchés publics L'institution financière autorisée verse à l'entité de passation de marché l'intégralité du montant de la garantie dans les dix (10) jours ouvrables suivant le jour de la réception d'une demande écrite à cet effet. L'institution financière autorisée paie également un intérêt supplémentaire d'un pour cent (1%) du montant dû pour chaque jour de retard. En cas de nécessité de saisir la juridiction et que l'entité de passation de marché obtient gain de cause par décision judiciaire, ces intérêts
--	--	--

zikomeza kubarwa kugeza igihe icyemezo cy'urukiko cyubahirijwe. Inyungu z'ubukererwe zivugwa mu gika cya kabiri (2) n'icya gatatu (3) by'iyi ngingo ntizirenga ingano y'agaciro k'ingwate yatanzwe. Iyo ikigo cy'imari kinaniye mu gikorwa cyo gufatira ingwate, urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rusaba inzego zitanga amasoko ya Leta kutakira ingwate z'icyo kigo mu gihe cy'imyaka ibiri (2). Iteka rya Minisitiri rigena uburyo urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rufata icyemezo cyo gusaba inzego zitanga amasoko ya Leta kutakira ingwate z'ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira kinaniye mu gikorwa cyo gufatira ingwate. <u>Ingingo ya 73: Amahirwe yihariye n'amahirwe yisumbuye</u> Urwego rutanga isoko binyuze mu ipiganwa, ruha amahirwe yihariye cyangwa amahirwe yisumbuye: 1° ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa	interests continue to accrue until the court's decision is executed. The late payment interests referred to in Paragraphs 2 and 3 of this Article cannot exceed the amount of the security furnished. If a financial institution hinders the process of seizing the security, the State organ in charge of public procurement decides to order the procuring entities to reject, for a period of two (2) years, securities issued by such an institution. An Order of the Minister determines modalities applied by the State organ in charge of public procurement while deciding to order procurement entities to reject securities issued by a financial institution hindering the security seizure process. <u>Article 73: Exclusive and local preference</u> The procuring entity, through competition, gives exclusive or local preference to: 1° supplies or goods produced or	continuent à courir jusqu'à l'exécution de la décision de la juridiction. Les intérêts de retard visés aux alinéas 2 et 3 du présent article ne peuvent excéder le montant de la garantie fournie. Lorsqu'une institution financière entrave le processus de saisie de la garantie, l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions décide d'enjoindre aux entités de passation de marchés de refuser, pour une période de deux (2) ans, les garanties émises par cette institution. Un arrêté du Ministre détermine les modalités suivies par l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions lors de la prise de décision d'enjoindre aux entités de passation de marchés de refuser les garanties de l'institution financière entravant le processus de saisie d'une garantie. <u>Article 73 : Préférence exclusive et locale</u> L'entité de passation de marché accorde, à travers la compétition, une préférence exclusive ou locale : 1° aux biens ou fournitures produits ou
---	---	--

bikorerwa mu Rwanda; 2° abatanga serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke banditswe nk'ikigo nyarwanda gifite ubuzimagatozi mu gihe hatangwa isoko rya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke; 3° ikigo gifite ubuzimagatozi cyanditswe mu Rwanda nk'ikigo gifite ubuzimagatozi nyarwanda mu gihe hatangwa amasoko y'imirimo; 4° impuguke ku giti cyayo ikorera mu Rwanda, igihe hatangwa isoko rya serivisi z'impuguke. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutanga amahirwe yihariye n'ayisumbuye. <u>Ingingo ya 74: Ifaranga rikoreshwa mu masoko ya Leta</u> Mu mitangire y'amasoko ya Leta, ifaranga ry'u Rwanda ni ryo rikoreshwa. Igihe hagomba gukoreshwa amafaranga y'amahanga bitangirwa uburenganzira na Minisitiri kandi hagakoreshwa ikigereranyo cy'ivunja ry'amafaranga cya Banki Nkuru y'u Rwanda.	manufactured in Rwanda; 2° consultancy and non-consultancy service providers registered as a domestic legal entity when procuring for consultancy and non-consultancy services; 3° a legal entity registered in Rwanda as a domestic legal entity when procuring for works; 4° an individual consultant operating in Rwanda, when procuring for consultancy services. An Order of the Minister determines modalities for applying the exclusive and local preference. <u>Article 74: Currency used in public procurement</u> In the tendering process for public procurement, the currency to be used is the Rwandan Franc. Where foreign currencies are to be used, it has to be authorised by the Minister, with the exchange rate applicable being that applied by the National Bank of Rwanda.	fabriqués au Rwanda ; 2° aux fournisseurs de services de consultance et de service de non-consultance enregistrés comme personne morale locale lors de la passation de marché de services de consultance et de services de non-consultance ; 3° à une personne morale enregistrée au Rwanda comme personne morale locale lors de la passation de marchés de travaux ; 4° à un consultant individuel qui réalise ses activités au Rwanda lors de la passation de marché de services de consultance. Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'application de la préférence exclusive et locale. <u>Article 74 : Monnaie utilisée dans la passation de marchés publics</u> Dans le processus d'appel d'offres pour les marchés publics, la monnaie utilisée est le Franc rwandais. Lorsqu'il faut utiliser des monnaies étrangères, cela est autorisé par le Ministre, le taux de change appliqué étant celui appliqué par la Banque nationale du Rwanda.
---	--	---

Umunsi w'ikigereranyo ngenderwaho mu kuvunja amafaranga y'amahanga ni uw'ifungura ry'inyandiko z'ipiganwa. <u>Ingingo ya 75: Kwishyira hamwe kw'amasosiyete y'ubucuruzi mu ipiganwa</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, amasosiyete y'ubucuruzi ashobora kwishyira hamwe mu ipiganwa kugira ngo yiyongerere amahirwe n'ubushobozi byo gupiganwa. Icyakora, imwe mu masosiyete iyobora abishyize hamwe kandi ikabahagararira mu bikorwa byose bijyanye n'iryo soko. Ukwishyira hamwe kw'amasosiyete y'ubucuruzi kwemezwa n'amasezerano akorewe imbere ya noteri w'urwego rufite kwandika amasosiyete y'ubucuruzi mu nshingano. Inyandiko y'ipiganwa iba ari imwe kandi igatangwa mu izina ry'abishyize hamwe. Isosiyete y'ubucuruzi imwe ntiyemerewe kujya mu mashyirahamwe arenze rimwe yapiganwe ku isoko rimwe. Isosiyete y'ubucuruzi ntiyemerewe kandi gupiganwa icyarimwe yonyine ku izina ryayo no mu itsinda ry'amasosiyete y'ubucuruzi ku isoko rimwe. Amasosiyete y'ubucuruzi yishyize hamwe	The date to be considered for the foreign currency exchange rate is the date of opening of bids. <u>Article 75: Joint venture</u> Without prejudice to other legal provisions, companies may enter into a joint venture to increase their capacity and competitiveness for tendering purposes. However, one of the companies is considered as the lead company and serves as their representative in all activities under the tender. The joint venture is evidenced by an agreement signed before the notary of the organ in charge of registration of companies. The bid is a single document bearing the name of the joint venture. A company is not allowed to participate in two different joint ventures for the same procurement contract. A company is also not allowed to submit a bid both in its own name and as part of a joint venture for the same tender. Companies participating in the joint venture	La date du taux de change de la monnaie étrangère appliqué est celle de l'ouverture des offres. <u>Article 75 : Groupement de sociétés</u> Sans préjudice d'autres dispositions légales, les sociétés peuvent former des groupements en vue d'accroître leurs chances et capacités à la concurrence. Toutefois, l'une des sociétés groupées est désignée comme représentante des autres dans toutes les opérations du marché. Le groupement des sociétés est constaté par l'accord signé devant le notaire de l'organe ayant l'enregistrement des sociétés commerciales dans ses attributions. La soumission est un document unique qui porte le nom du groupement de sociétés. Une société n'est pas autorisée à participer à deux groupements de sociétés différents pour un même marché. Une société n'est pas également autorisée à présenter une offre à la fois en son propre nom et dans le cadre d'un groupement des sociétés pour le même marché. Les sociétés participant au groupement des
--	--	--

mu ipiganwa ariyozwa inshingano z'itsinda buri yose ku giti cyayo no muri rusange ku rwego rutanga isoko. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo amasosiyete y'ubucuruzi yishyira hamwe mu ipiganwa n'ibikubiye mu masezerano yo kwishyira hamwe. <u>Ingingo ya 76: Gutanga isoko mu bice bitandukanye</u> Urwego rutanga isoko rushobora gutanga isoko mu bice bitandukanye birigize ku mpamvu zo kuzamura ubukungu, harimo guteza imbere amasosiyete matoya n'amasosiyete aciriritse, guteza imbere ibikorera mu Rwanda cyangwa kongera umubare w'abapiganwa. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutanga isoko mu bice bitandukanye. <u>Ingingo ya 77: Indimi zikoreshwa</u> Ku masoko apiganirwa ku rwego rw'Igihugu, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora gutegurwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda, urw'Igifaransa cyangwa urw'Icyongereza. Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa	are jointly and severally liable towards the procuring entity. An Order of the Minister determines modalities for the joint ventures to participate in the tendering process and the content of a joint venture agreement. <u>Article 76: Tender allotment</u> The procuring entity may use lots to promote economic interests, including the promotion of small companies and micro-enterprises, the promotion of made in Rwanda products or to ensure a large number of participants in the competition. An Order of the Minister determines modalities for tender allotment. <u>Article 77: Languages to be used</u> For local tenders, the tender document may be prepared in Ikinyarwanda, in French or in English. If the tender document is prepared in	sociétés sont collectivement et individuellement responsables envers l'entité de passation de marché. Un arrêté du Ministre détermine les modalités pour le groupement de sociétés de participer aux marchés publics et le contenu de l'accord de groupement. <u>Article 76 : Allotissement du marché</u> L'entité de passation de marché peut recourir à l'allotissement du marché pour promouvoir des intérêts économiques, y compris, la promotion des petites et micro-entreprises, la politique de promotion de <i>Made in Rwanda</i> ou pour s'assurer d'un grand nombre de participants à la compétition. Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'allotissement du marché. <u>Article 77 : Langues à être utilisées</u> Pour les appels d'offres nationaux, le dossier d'appel d'offres peut être rédigé en Ikinyarwanda, en français ou en anglais. Lorsque le dossier d'appel d'offres est rédigé en
---	--	---

rikorwa cyateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, urwego rutanga isoko rugihindura mu rurimi rw'Igifaransa cyangwa mu rw'Icyongereza.	Ikinyarwanda, the procuring entity translates it into French or English.	Ikinyarwanda, l'entité de passation de marché le traduit en français ou en anglais.
Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteguwe mu rurimi rw'Igifaransa cyangwa urw'Icyongereza, urwego rutanga isoko rugishyira mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	If the tender document is prepared in French or in English, the procuring entity translates it into Ikinyarwanda.	Lorsque le dossier d'appel d'offres est rédigé anglais ou en français, l'entité de passation des marchés doit le rendre disponible en Ikinyarwanda.
Ku masoko apiganirwa ku rwego mpuzamahanga, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gitegurwa mu rurimi rw'Igifaransa cyangwa urw'Icyongereza.	For international tenders, the tender document is prepared in French or English.	Pour les appels d'offres internationaux, le dossier d'appel d'offres est rédigé en français ou en anglais.
Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigaragaza ururimi rw'umwimerere cyateguwemo.	The tender document specifies the language in which it was prepared.	Le dossier d'appel d'offres précise la langue dans laquelle il a été préparé.
Iteka rya Minisitiri rigena ubwoko bw'amasoko ategurwa mu rurimi rumwe.	An Order of the Minister determines the types of tenders prepared in one language.	Un arrêté du Ministre détermine les types de marchés préparés en une seule langue.
<u>Ingingo ya 78: Gukumira ruswa</u>	<u>Article 78: Anti-corruption measures</u>	<u>Article 78 : Mesures anticorruption</u>
Birabujijwe kwemera kwakira cyangwa gusaba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, guha umukozi cyangwa uwiyeze kuba umukozi w'urwego rutanga isoko cyangwa w'urundi rwego rwa Leta ruswa, uko yaba iteye kose, yatuma abogama mu gikorwa cyangwa icyemezo kijyanye	It is prohibited to accept or solicit directly or indirectly, give an employee or a former employee of the procuring entity or other public institution, any form of bribe that is likely to influence his or her act or decision in connection with public procurement process.	Il est interdit d'accepter ou de demander directement ou indirectement, d'offrir à tout agent ou à un ancien employé de l'entité de passation de marché ou de toute autre institution publique, un pot-de-vin sous quelque forme que ce soit, susceptible d'influencer son acte ou sa décision dans le cadre de la procédure de

n'itangwa ry'amasoko ya Leta. Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gatesha agaciro inyandiko z'ipiganwa z'uwapiganwe mu gihe agaragaweho ibimenyetso bidashidikanywaho bya ruswa cyangwa by'uburiganya igihe yapiganiraga isoko. Urwego rutanga isoko rugomba kwihutira kumenyesha icyo cyemezo mu nyandiko uwapiganwe, inzego zifite ububasha bwo gukurikirana ibyaha n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano. <u>Ingingo ya 79: Abemerewe gupiganira amasoko ya Leta</u> Abemerewe gupiganira amasoko ya Leta ni aba bakurikira: 1° umuntu ku giti cye; 2° ikigo gifite ubuzimagatozi; 3° ukora umwuga ukorwa ku buryo bwigenga. Abashyizwe mu byiciro by'abapiganwa n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano bapiganwa mu masoko ya Leta ajyanye n'ibyiciro barimo.	The tender committee rejects any bidder's offer where there is conclusive evidence of the bidder engaging in any corrupt or fraudulent practice while bidding for a tender. The procuring entity must promptly give written notice thereof to the bidder, organs having competence for prosecuting offences and the State organ in charge of public procurement. <u>Article 79: Bidders eligible to bid for public tenders</u> Eligible bidders for public procurement are the following: 1° an individual; 2° a legal entity; 3° a person who practices a liberal profession. Bidders classified into categories by the State organ in charge of public procurement bid for public tenders falling under their respective categories.	passation des marchés publics. Le comité de passation des marchés publics rejette l'offre de tout soumissionnaire s'il existe des éléments de preuve irréfutables de son engagement dans des pratiques de corruption et frauduleuses lors de sa soumission pour un marché. L'entité de passation de marché doit en aviser promptement par écrit le soumissionnaire, les organes ayant compétence pour la poursuite des infractions et l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions. <u>Article 79: Soumissionnaires éligibles aux marchés publics</u> Les soumissionnaires éligibles aux marchés publics sont les suivants : 1° individu ; 2° entité juridique ; 3° personne exerçant une profession libérale. Les soumissionnaires classés en catégories par l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions soumissionnent aux marchés publics relevant de leurs catégories respectives.
--	---	---

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gushyira abapiganwa mu byiciro, abandi bashobora gupiganira amasoko ya Leta n'ibyo bagomba kuba bujuje.	An order of the Minister determines modalities for the classification of bidders into categories, others who can bid for the public tenders and requirements for their participation.	Un arrêté du Ministre détermine les modalités de classification des soumissionnaires en catégories, d'autres soumissionnaires pouvant soumissionner aux marchés publics et les conditions de leur participation.
<u>Ingingo ya 80: Igongana ry'inyungu</u>	<u>Article 80: Conflict of interests</u>	<u>Article 80 : Conflit d'intérêts</u>
Abantu n'ibigo bikurikira ntibemerewe gupiganira amasoko ya Leta:	The following persons and institutions are not allowed to bid for public procurement:	Les personnes et les institutions suivantes sont interdites à la soumission des marchés publics :
1° ugize Guverinoma, umuyobozi w'urwego rutanga isoko n'umukozi wa Leta ugengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta, umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo cyangwa ugengwa n'andi mategeko yihariye;	1° a member of the Cabinet, a head of the procuring entity and a civil servant governed by general statute governing public servants, a civil servant governed by employment contract or by other specific Laws;	1° un membre du Gouvernement, un responsable d'une entité de passation de marchés et un agent de l'État régi par le statut général de la fonction publique, un agent de l'État régi par un contrat de travail ou par d'autres lois particulières ;
2° ugize Inama Njyanama y'Akarere ku masoko yatangajwe n'Akarere abereye umujyanama;	2° a member of District Council for tenders advertised by the District of which he or she is member of the Council;	2° un membre du Conseil de District pour les offres publiées par le District dont il est membre du Conseil ;
3° ikigo gifite ubuzimagatozi, umukozi wa Leta, umubyeyi we, uwo bashyingiranywe cyangwa umwana we ari umunyamigabane cyangwa umufatanyabikorwa ufite imigabane myinshi, ahagarariye cyangwa abereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi ku masoko atangirwa	3° a legal person in which a civil servant, his or her parent, his or her spouse or his or her child is a controlling shareholder or partner is a representative or a member of the board of directors for tenders of the public entity employing that civil servant;	3° une personne morale dans laquelle un agent de l'État, son père ou sa mère, son conjoint ou son enfant est un actionnaire ou un associé majoritaire ou est un représentant ou un membre du conseil d'administration pour les marchés de l'institution dans laquelle cet agent travaille;

mu rwego rwa Leta uwo mukozzi akorera; 4° uwahoze ari umukozzi w'urwego rwa Leta ku masoko atangwa n'urwo rwego ataramara nibura igihe cy'imyaka itanu (5) aretse kuba umukozzi w'urwo rwego, keretse iyo ari urwego rutanga isoko rumukeneye mu masoko ya serivisi z'impuguke kubera ubumenyi bwihariye rumuziho. Icyakora, abakozi ba Leta babifitiye ubushobozi bashobora kwifashishwa mu masoko ya Leta. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo abakozi ba Leta bifashishwa mu masoko ya Leta. <u>Ingingo ya 81:</u> Ibibujijwe mu masoko ya Leta Birabujijwe ko: 1° upiganwa ufite isosiyete z'ubucuruzi zirenze imwe cyangwa akaba ari umunyamigabane ufite imigabane myinshi mu isosiyete z'ubucuruzi zirenze imwe, utanga inyandiko y'ipiganwa irenze imwe mu isoko rimwe;	4° a former employee of a procuring entity before a period of at least five (5) years or more after leaving the entity, except if it is the procuring entity that seeks his or her expertise with regard to tenders for consultancy services, due to his or her proven specialised knowledge. However, competent public servants may be used in public procurement. An Order of the Minister determines modalities for using the public servants in public procurement. <u>Article 81:</u> Prohibitions in public procurement It is prohibited for: 1° a bidder operating more than one company or who is a controlling shareholder in more than one company, to submit more than one bid for the same tender;	4° un ancien employé d'une entité de passation de marché avant l'expiration du délai d'au moins cinq (5) ans ou plus à partir du moment où il a cessé d'être son employé sauf si l'entité de passation de marché a besoin de son expertise dans les marchés de services de consultance grâce à sa spécialité reconnue. Toutefois, les agents de l'État compétents peuvent participer aux marchés publics. Un arrêté du Ministre détermine les modalités selon lesquelles les agents de l'État participent dans des marchés publics. <u>Article 81 :</u> Interdictions dans les marchés publics Il est interdit : 1° au soumissionnaire propriétaire de plus d'une société ou qui est actionnaire majoritaire dans plus d'une société, de déposer plus d'une soumission au même marché public;
--	---	--

2° upiganwa ahurira mu isoko rimwe n'umubyeyi we, uwo bashyingiranywe, umwana we, cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi aho ari abanyamigabane cyangwa abafatanyabikorwa bafite imigabane myinshi;	2° a bidder to participate in the same tender with his or her parent, spouse, child or a legal person in which they are controlling shareholders or partners;	2° au soumissionnaire de participer à la même soumission que son père ou sa mère, son conjoint, son enfant ou une personne morale dans laquelle ils sont des actionnaires ou associés majoritaires;
3° impuguke yahawe akazi n'urwego rutanga isoko ngo irufashe mu gutegura no gushyira mu bikorwa isoko cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ifite ibiyihuza n'iyi impuguke ijya mu ipiganwa ryo kugemura ibintu, gukora imirimo cyangwa serivisi y'impuguke ijyanye n'iryo soko;	3° a consultant who has been hired by a procuring entity to provide consulting services for the preparation or implementation of a tender or a company connected to the consultant, to bid for providing goods, works or consultant services related to that tender;	3° à un consultant qui a été recruté par l'entité de passation de marché pour fournir des services relatifs à la préparation ou à l'exécution du marché ou une société ayant une relation avec le consultant, de fournir des biens, des travaux ou des services de consultance ayant trait à ce marché ;
4° ukora inyigo apiganira isoko rijyanye no gushyira mu bikorwa imirimo y'isoko yakoreye inyigo igihe ayo masoko atandukanye, ariko yemerewe gusa gupiganira isoko rijyanye no gukurikirana imirimo;	4° a consultant who does a study to bid for a tender related to the execution of the tender for which the consultant did the study if both tenders are separate, but he or she is only allowed to bid for the tender related to the supervision of works;	4° à un consultant qui fait une étude de soumissionner à l'appel d'offres des travaux pour lequel il a fait l'étude si les deux appels d'offres sont distincts, mais il n'est autorisé qu'à soumissionner à l'appel d'offres relatif à la surveillance des travaux;
5° abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta cyangwa undi muntu ufite aho ahuriye n'itangwa cyangwa icungwa ry'amasezerano y'isoko bagira uruhare mu itangwa ry'isoko ryapiganiwe n'aba bakurikira:	5° members of the public tender committee or any other person involved in the procurement award process or the management of the procurement contract, to take part in tender award in which the following persons have participated:	5° aux membres du comité de passation des marchés publics ou à toute autre personne impliquée dans le processus de passation des marchés ou de gestion du contrat de marché de prendre part à l'attribution du marché dans lequel ont participé les personnes suivantes:

a) uwo bafitanye isano ishingiyeye ku buvandimwe kugera ku rwego rwa kabiri (2) rutaziguye no ku rwego rwa gatatu (3) ruziguye; b) uwahoze ari umukoresha we keretse iyo hashize imyaka itanu (5) uhereye umunsi yarekeyeho kuba umukozi we; c) uwo bafitanye inyungu z'amafaranga; d) uwapiganwe ufite amasezerano y'isoko na bo cyangwa uteganya kubona akazi cyangwa indi nyungu. Upiganira isoko amenyesha mu nyandiko ye y'ipiganwa, umuyobozi, umukozi cyangwa undi wese ufite imiziro yo kujya mu itangwa ry'isoko apiganira. Kutubahiriza ibiteganyijwe mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bituma amasezerano y'isoko aseswa n'urwego rutanga isoko. Icyakora, iryo seswa ry'amasezerano y'isoko ntirivanaho ibindi bihano biri mu bubasha bw'urwego rutanga	a) a person with whom he or she has kinship to the second degree in direct lineal kinship and to the third degree in collateral kinship; b) his or her former employer except after five (5) years from the date he or she ceased to be his or her employee; c) a person with whom they have a financial interest; d) the bidder having a procurement contract with them or expecting employment or any other benefit. The bidder mentions in his or her bid, a leader, an official or any other person who has incompatibilities to participate in the tender award he or she is bidding for. Any act contrary to the provisions of Paragraph One and 2 of this Article causes the cancellation of the procurement contract by the procuring entity. However, the cancellation of the procurement contract does not preclude other sanctions which are in competence of the	a) une personne avec laquelle il a des liens de parenté jusqu'au second degré en ligne directe et au troisième degré en ligne collatérale ; b) son ancien employeur sauf après cinq (5) ans à partir du jour où il a cessé d'être son employé; c) une personne avec laquelle il a un intérêt financier ; d) un soumissionnaire étant en contrat de marché avec eux ou auprès duquel ils sont en démarche pour un emploi ou pour tout autre intérêt. Le soumissionnaire mentionne dans l'offre toute autorité, fonctionnaire ou autre personne qui a des incompatibilités pour participer à l'attribution du marché auquel il soumissionne. Tout acte contraire aux dispositions de l'alinéa premier et 2 du présent article entraîne la résiliation du contrat de marché par l'entité de passation de marché. Toutefois, la résiliation du contrat de marché n'empêche pas l'application d'autres sanctions rentrant dans la compétence
--	--	---

isoko cyangwa bw'izindi nzego. UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AMASEZERANO Y'ISOKO <u>Icyiciro cya mbere:</u> Uburenganzira n'inshingano by'abagiranye amasezerano y'isoko <u>Akiciro ka mbere:</u> Uburenganzira n'inshingano by'urwego rutanga isoko <u>Ingingo ya 82:</u> Gukurikirana imirimo Isoko ry'imirimo rigira ushinzwe gukurikirana imirimo, ushobora kuba umukozi w'urwego rutanga isoko cyangwa uwahawe isoko ryo gukurikinana iyo mirimo. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo gukurikirana imirimo bikorwa. Urwego rutanga isoko ruhagararirwa n'umukozi umwe cyangwa itsinda ry'abakozi, harimo uturuka mu ishami rirebwa n'iryo soko bashinzwe gukurikirana imicungire n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko.	procuring entity or other institutions. CHAPTER III: PROCUREMENT CONTRACT EXECUTION <u>Section One:</u> Rights and obligations of the parties to procurement contract <u>Subsection One:</u> Rights and obligations of the procuring entity <u>Article 82:</u> Supervision of works A tender of works must have a supervising official, who may be an employee of the procuring entity or the one contracted to supervise the works. An Order of the Minister determines modalities for the supervision of works. The procuring entity is represented by an employee or a group of employees, including employees from the user department, in charge of procurement contract management and execution follow-up.	de l'entité de passation de marché ou d'autres institutions. CHAPITRE III: EXÉCUTION DU CONTRAT DE MARCHÉ <u>Section première :</u> Droits et obligations des parties au contrat de marché <u>Sous-section première :</u> Droits et obligations de l'entité de passation de marché <u>Article 82 :</u> Surveillance des travaux Un marché de travaux doit avoir un fonctionnaire dirigeant, qui peut être un employé de l'entité de passation de marché ou celui à qui le marché de surveillance des travaux a été attribué. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de surveillance des travaux. L'entité de passation de marché est représentée par un employé ou une équipe d'employés, y compris des employés provenant du service concerné par le marché, qui sont chargés du suivi de la gestion et la mise en exécution du contrat de marché.
--	---	--

Urwego rutanga isoko rushobora kwifashisha ibindi bigo bya Leta mu gukurikirana imicungire n'ishyirwa mu bikorwa by'amasezerano y'isoko. <u>Ingingo ya 83:</u> Uruhare rw'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage mu masoko ya Leta yatangiwe ku rwego rw'Igihugu Mu gihe isoko ritangirwa ku rwego rw'Igihugu ariko ibikorwa bikorerwa urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, urwego rutanga isoko rugomba guha urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rufite ubuzimagatozi rw'aho ibikorwa bizakorerwa amakuru ku mitegurire n'imiterere y'isoko kandi urwo rwego rwegerejwe abaturage rukagenerwa kopi y'amasezerano y'isoko kugira ngo rubashe kugira uruhare mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo. <u>Ingingo ya 84:</u> Gusesa amasezerano y'isoko biturutse ku ikoresha ry'inyandiko zinyuranye n'ukuri cyangwa igikorwa cy'uburiganya Igihe cyose mbere y'uko amasezerano y'isoko atangira gushyirwa mu bikorwa cyangwa arimo gushyirwa mu bikorwa, araseswa iyo bigaragaye ko amakuru	The procuring entity may resort to other public institutions for the supervision of procurement contract management and execution. <u>Article 83:</u> Role of a decentralized administrative entity in public procurement contracts awarded at the national level When a contract is awarded at the national level and its execution takes place at the level of a decentralized administrative entity, the procuring entity must provide the decentralized administrative entity with legal personality where the execution of the contract has to take place with information on the preparation and nature of the tender, and the decentralized administrative entity is provided with a copy of the procurement contract to be able to contribute to the follow-up of the execution of the contract. <u>Article 84:</u> Cancellation of the procurement contract due to forged or fraudulent practice At any time before or during the execution of the procurement contract, the procurement contract is cancelled if it is proved that any information or document submitted by the	L'entité de passation de marché peut recourir à d'autres entités publiques pour la surveillance de la gestion et de l'exécution du contrat de marché. <u>Article 83 :</u> Rôle d'une entité administrative décentralisée dans les marchés publics passés au niveau national Lorsqu'un marché est passé au niveau national alors que son exécution se fait au niveau d'une entité administrative décentralisée, l'entité de passation de marché doit fournir à l'entité administrative décentralisée dotée de la personnalité juridique du lieu d'exécution du marché des informations sur la préparation et la nature de l'appel d'offres, et l'entité administrative décentralisée se voit remettre une copie du contrat de marché pour être en mesure de contribuer au suivi de l'exécution de ce contrat. <u>Article 84 :</u> Résiliation du contrat de marché pour usage de faux documents ou d'une manœuvre frauduleuse Chaque fois avant ou pendant l'exécution du contrat de marché, le contrat de marché est résilié s'il est établi que les informations ou documents fournis par l'attributaire du marché
--	--	--

cyangwa inyandiko byatanzwe n'uwatsindiye isoko binyuranyije n'ukuri cyangwa isoko yararibonye mu buryo bw'uburiganya. Iyo amasezerano y'isoko asheshwe, isoko rihabwa uwari ukurikiyeho wujuje ibisabwa byaba bidashoboka rikongera gutangazwa. <u>Akiciro ka 2: Uburenganzira n'inshingano by'uwatsindiye isoko</u> <u>Ingingo ya 85: Gupatanisha igice cy'amasezerano y'isoko</u> Uwatsindiye isoko ashobora gupatanisha igice cy'amasezerano y'isoko keretse iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganywa ukundi. Icyakora, uwatsindiye isoko ntiyemerewe gupatanisha igice cy'amasezerano y'isoko urwego rutanga isoko rutabyemeye. Ushinzwe gushyira umukono ku masezerano y'isoko, asaba abapiganwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, kwerekana mu bitabo byabo by'ipiganwa ijanisha ry'amasezerano y'isoko bifuza gupatanisha ku bandi bantu kandi bakagaragaza abo bantu bifuza gupatanisha na bo.	successful bidder was forged or fraudulent. If the procurement contract is cancelled, the tender is awarded to the next-ranked bidder that is qualified or if not possible re-advertised. <u>Subsection 2: Rights and obligations of the successful bidder</u> <u>Article 85: Sub-contracting</u> The successful bidder may subcontract a part of the procurement contract, unless the tender document provides otherwise. However, the successful bidder cannot subcontract part of the procurement contract unless authorised to do so by the procuring entity. The signatory of public procurement contracts requires bidders, in the tender document, to indicate in their bids the percentage of the procurement contract they may wish to subcontract to third parties and any proposed sub-contractors.	sont falsifiés ou fondés sur des manœuvres frauduleuses. Lorsque le contrat de marché est résilié, le marché est attribué au soumissionnaire classé au rang suivant qui est qualifié ou si cela est impossible, publié de nouveau. <u>Sous-section 2 : Droits et obligations de l'attributaire du marché</u> <u>Article 85 : Sous-traitance</u> L'attributaire du marché peut recourir à la sous-traitance d'une partie du contrat de marché, sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres. Toutefois, l'attributaire du marché ne peut recourir à la sous-traitance d'une partie du marché à moins d'y être autorisé par l'entité de passation de marché. Le signataire des contrats de passation des marchés publics exige aux soumissionnaires, dans le dossier d'appel d'offres, d'indiquer dans leurs offres le pourcentage du marché qu'ils envisagent de sous-traiter à des tiers et les sous-traitants proposés.
--	--	--

Ipatanisha ntirikoranza n'umuntu ku giti cy'icyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi bahejwe mu masoko ya Leta cyangwa ngo rirenze makumyabiri ku ijana (20%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko. Uwapatanishijwe igice cy'amasezerano y'isoko agomba gukora ibijyanye n'icyiciro cy'abapiganwa arimo. Uwapatanishijwe ntiyemerewe gupatanisha igice cy'isoko yapatanye. Uwatsindiye isoko ni we ubazwa imbere y'amategeko ibijyanye n'isoko n'ubwo inshingano z'uwapatanishijwe zaba zarabanje kwemerwa n'urwego rutanga isoko. <u>Ingingo ya 86: Gutanga amasezerano y'isoko ho ingwate</u> Uwatsindiye isoko ashobora gutanga amasezerano y'isoko ho ingwate kugira ngo ahabwe inguzanyo. Iyo amasezerano y'isoko asheshwe, urwego rutanga isoko ntacyo ruryozwa ku bijyanye n'inguzanyo. <u>Ingingo ya 87: Gusaba indishyi</u> Uwatsindiye isoko yemerewe kwifashisha	Sub-contracting is not awarded to an individual or legal entity debarred or suspended from public procurement, and does not exceed twenty percent (20%) of the procurement contract value. The subcontractor must perform the work falling within the category of bidders to which the subcontractor belongs. The subcontractor is prohibited from subcontracting part of the procurement contract subcontracted to him or her. The successful bidder is the only one liable for contractual obligations even if the obligations of the sub-contractor have been agreed by the procuring entity. <u>Article 86: Use of procurement contract as a guarantee</u> The successful bidder may provide a procurement contract as a guarantee in order to secure a loan. If the procurement contract is cancelled, no claim whatsoever is made against the procuring entity. <u>Article 87: Claim for compensation</u> The successful bidder is allowed to use any	La sous-traitance ne peut être confiée à un individu ou une personne morale exclue ou suspendue de marchés publics, et ne dépasse pas vingt pourcent (20%) de la valeur du contrat de marché. Le sous-traitant doit réaliser les prestations relevant de la catégorie de soumissionnaires à laquelle il appartient. Il est interdit à un sous-traitant de confier à un autre sous-traitant une partie du contrat de marché qui lui a été confiée en sous-traitance. L'attributaire du marché reste seul responsable du marché quand bien même l'engagement du sous-traitant aurait été accepté par l'entité de passation de marché. <u>Article 86 : Nantissement d'un contrat de marché</u> L'attributaire du marché peut présenter en nantissement de créance le contrat de marché. En cas de résiliation du contrat de marché, l'entité de passation de marché ne peut être tenue responsable de cette créance. <u>Article 87 : Réclamation des indemnités</u> L'attributaire du marché est admis à se prévaloir
--	---	--

ibimenyetso byose kugira ngo agaragaze uruhare rw'urwego rutanga isoko asaba kwishyurwa indishyi iyo ari yo yose, yerekana impamvu atubahirije ibiteganywa n'amasezerano y'isoko cyangwa asaba gusubizwa igice cyangwa amafaranga yose yakoresheje. Iyo impaka zivutse hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko, uwatsindiye isoko agaragaza ibimenyetso mu nyandiko ashyikiriza urwego rutanga isoko mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ibarwa uherye ku munsu w'ivuka ryazo, kugira ngo adatakaza uburenganzira bwe, akagaragaza muri make ingaruka byagira ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko no ku giciro cy'isoko. <u>Ingingo ya 88: Igihe cy'ubwishingire ku mirimo</u> Igihe cy'ubwishingire ku mirimo kiba hagati y'amezi atandatu (6) n'imyaka ibiri (2) uherye ku munsu kwakira imirimo by'agateganyo byabereye, keretse igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganyije ukundi. Iteka rya Minisitiri rishyiraho uburyo bwo kugena igihe cy'ubwishingire bw'imirimo.	evidence to indicate the role of the procuring entity in order to make any claim or show the reasons why he or she did not respect provisions of the procurement contract or to request for refund of part of or the total amount of money he or she may have spent. If any disagreement arises between the procuring entity and the successful bidder, the successful bidder provides evidence in writing to the procuring entity within seven (7) days from the date of occurrence of such disagreement, in order not to lose his or her right to claim, showing in summary the impact of such disagreement on the procurement contract execution and the contract price. <u>Article 88: Duration of the guarantee for works</u> The guarantee period for works is six (6) months minimum and two (2) years maximum from the date of provisional acceptance of works, unless the tender document provides otherwise. An Order of the Minister establishes modalities for determining the duration of the guarantee for works.	des faits qu'il impute à l'entité de passation de marchés pour réclamer des indemnités ou des dommages et intérêts, soit pour justifier l'inexécution de ses obligations contractuelles, soit pour demander la remise de tout ou partie des fonds utilisés. En cas de litige entre l'entité de passation de marchés et l'attributaire du marché, l'attributaire du marché présente, sous peine de forclusion, les preuves par écrit à l'entité de passation de marché dans les sept (7) jours suivant la survenance du litige en signalant sommairement l'incidence que ce litige peut avoir sur l'exécution du contrat de marché et le prix du marché. <u>Article 88 : Délai de garantie des travaux</u> Le délai de garantie des travaux est de six (6) mois minimum et de deux (2) ans maximum à compter du jour de la réception provisoire des travaux, sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres. Un arrêté du Ministre établit les modalités de déterminer la durée de garantie des travaux.
--	---	---

<u>Ingingo ya 89: Ibigomba kubahirizwa</u> Mu gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko, uwatsindiye isoko n'abakozi be bubahiriza ibi bikurikira: 1° amategako n'amabwiriza ariho; 2° igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa; 3° amabwiriza y'akazi atangwa n'ushinzwe gukurikirana imirimo. Iyo uwatsindiye isoko abonye ko amabwiriza y'akazi ahabwa anyuranyije n'ingingo z'amasezerano y'isoko, abimenyesha mu nyandiko urwego rutanga isoko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku muni yaboneyeho ayo mabwiririza. Urwego rutanga isoko ntirwishyuzwa cyangwa ngo rukurikiranweho ibikomotse ku kutubahiriza ayo mategeko n'amabwiriza byakozwe n'uwatsindiye isoko cyangwa n'abakozi be. <u>Ingingo ya 90: Kwishyura imishahara y'abakozi</u> Uwatsindiye isoko yishyura imishahara	<u>Article 89: Compliance requirements</u> During the execution of the procurement contract, the successful bidder and his or her staff comply with the following: 1° laws and regulations in force; 2° the tender document; 3° operational instructions of the supervising official. If the successful bidder realises that the operational instructions he or she received are contrary to the provisions of the procurement contract, he or she presents his or her grievances in writing to the procuring entity within fifteen (15) days from the date of receiving such instructions. The procuring entity is not held responsible or prosecuted for any breach of any laws and regulations by the successful bidder or his or her staff. <u>Article 90: Paying workers</u> The successful bidder pays workers employed	<u>Article 89 : Exigences de conformité</u> Lors de l'exécution du contrat de marché, l'attributaire du marché et son personnel se conforment à ce qui suit : 1° lois et règlements en vigueur; 2° dossier d'appel d'offres ; 3° ordres de service du fonctionnaire dirigeant. Lorsque l'attributaire du marché constate que les ordres de service diffèrent des stipulations du contrat de marché, il adresse une notification écrite à l'entité de passation de marché dans un délai de quinze (15) jours à partir du jour de la réception de ces ordres. L'entité de passation de marché n'est pas responsable de toute réclamation ou poursuite résultant de la violation des lois et règlements commise par l'attributaire du marché lui-même ou par son personnel. <u>Article 90 : Payer la main d'œuvre</u> L'attributaire du marché paie les travailleurs
---	---	---

y'abakozi yakoresheje mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko akita no ku bindi biteganywa n'amategeko agenga umurimo harimo ibijyanye n'ubwiteganyirize n'imisoro by'abakozi. Urwego rutanga isoko rumwishyura inyemezabuguzi iyo agaragaje ko yubahirije ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Iyo uwatsindiye isoko atubahirije ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urwego rutanga isoko rufatira amafaranga angana n'imishahara abereyemo abo bakozi, kugeza igihe uwatsindiye isoko agaragarije ko yishyuye iyo mishahara. Icyakora, iyo birenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) uwatsindiye isoko atarishyura imishahara y'abakozi, urwego rutanga isoko rwishyura abakozi imishahara yabo ingana n'amafaranga rwafatiriye. Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho kugira ngo amafaranga yafatiriwe yishyurwe abakozi imishahara yabo.	in the execution of the procurement contract and complies with other provisions of the legislation regulating labour, including those relating to social security and taxes for workers. The procuring entity pays the successful bidder's invoice if the successful bidder proves that he or she has complied with the provisions of Paragraph One of this Article. If the successful bidder fails to comply with the provisions of Paragraph One of this Article, the procuring entity withholds from the successful bidder's payment an amount equal to the payments the successful bidder owes to workers and which cannot be released until the successful bidder proves to have made such payments. However, if a period of forty-five (45) days elapses without the successful bidder making payments owed to the workers, the procuring entity makes payments to such workers in an amount equivalent to the amounts withheld by it. An Order of the Minister determines conditions for the use of the amounts withheld to pay the amounts owed to workers.	qu'il a employés lors de l'exécution du contrat de marché et se conforme à d'autres dispositions de la législation portant réglementation du travail, y compris celles relatives à la sécurité sociale et aux impôts des travailleurs. L'entité de passation de marché paie la facture de l'attributaire du marché lorsque ce dernier prouve qu'il a respecté les dispositions de l'alinéa premier du présent article. Lorsque l'attributaire du marché ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'entité de passation de marché opère une retenue équivalente au montant des paiements que l'attributaire du marché doit aux travailleurs jusqu'à ce qu'il prouve avoir effectué ces paiements. Toutefois, lorsqu'un délai de quarante-cinq jours (45) vient de s'écouler sans que l'attributaire du marché ait effectué les paiements dus aux travailleurs, l'entité de passation de marché versent à ces travailleurs les paiements qui leur sont dus équivalents aux montants retenus par elle. Un arrêté du Ministre détermine les conditions d'affectation des montants retenus au paiement des sommes dues aux travailleurs.
---	--	---

<u>Ingingo ya 91:</u> Kwishyura uwagemuriye ibikoresho uwatsindiye isoko Uwatsindiye isoko yishyura uwagemuriye ibikoresho yakoresheje mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko hakurikijwe amasezerano bagiranye. Iyo uwagemuye ibikoresho agaragarije mu nyandiko urwego rutanga isoko ko atishyurwe, urwego rutanga isoko rufatira amafaranga rutarishyura rwiyekezamirimo kugeza ubwo akemuye icyo kibazo cyangwa gikemuwe n' urukiko.	<u>Article 91:</u> Payment to the Contractor's supplier of materials The successful bidder pays the supplier of the materials used in the performance of the procurement contract in accordance with an agreement between them. If the supplier of the materials notifies the procuring entity in writing of the successful bidder's failure to pay for the materials, the procuring entity withholds payments not yet made to the successful bidder until the latter resolves the payment issue or the issue is resolved by the court.	<u>Article 91 :</u> Paiement d'un fournisseur de matériels de l'attributaire du marché L'attributaire du marché effectue le paiement du fournisseur des matériels qu'il a utilisés dans l'exécution du contrat de marché conformément à un accord passé entre eux. Si le fournisseur des matériels notifie par écrit à l'entité de passation de marché qu'il n'a pas été payé, l'entité de passation de marché opère la retenue des paiements qu'elle n'a pas encore effectués à l'entrepreneur jusqu'à ce que ce dernier règle ce problème de paiement ou que ce dernier soit résolu par la juridiction.
<u>Ingingo ya 92:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko menshi Iyo uwatsindiye isoko ahawe irindi soko cyangwa amasoko menshi, buri soko ritandukanywa n'andi ku buryo ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo ijyana na ryo igomba gukomeza gukorwa. Ingorane zivutse mu ishyirwa mu bikorwa ry'amwe mu masezerano y'isoko ntiziba impamvu ituma uwatsindiye isoko ahindura cyangwa atinza ishyirwa mu bikorwa ry'andi masezerano y'isoko.	<u>Article 92:</u> Execution of multiple procurement contracts If a successful bidder is awarded another tender or several tenders, each tender is considered to be independent from the others and it continues to be executed. The problems that arise while executing one of the procurement contracts are not an excuse for the successful bidder to change or delay the execution of the other procurement contracts.	<u>Article 92 :</u> Exécution des contrats de marché multiples Lorsque l'attributaire d'un marché est déclaré attributaire d'un autre marché ou de plusieurs marchés, chaque marché est considéré indépendamment des autres de façon que l'exécution des travaux y relatifs continue à être exécutés. Les difficultés qui surviennent lors de l'exécution de l'un des contrats de marché ne constituent pas un motif pour l'attributaire du marché de modifier ou de retarder l'exécution des autres contrats de marché.

Urwego rutanga isoko na rwo ntirwitwaza izo ngorane kugira ngo ruhagarike amafaranga rwagombaga kwishyura ku yandi masezerano y'isoko, keretse igihe hashingiwe ku cyemezo cy'urukiko. Icyakora, ku masoko y'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, iyo uwatsindiye isoko atsindiye irindi soko ryo kugemura riteye kimwe nk'iryo yari yaratsindiye mbere ariko igihe cyo kugemuramo mu isoko rya mbere kikaba cyarangiye urwego rutanga isoko rutarabona ibyagombaga kugemurwa byose cyangwa igice cyabyo nta mpamvu zizwi, ibyagemuwe ku isoko rya kabiri bishyirwa ku isoko rya mbere kugeza ibyaburagaho byuzuye. Inyemezabuguzi ziherekeje ibigemurwa na zo zifatwa muri ubwo buryo. Icyakora, igihe cyo kugemura giteganyijwe mu isoko rya kabiri gikomeza kubahirizwa. <u>Icyiciro cya 2: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ry'imirimu</u> <u>Ingingo ya 93: Inshingano y'uwatsindiye isoko yo kwemeza inyigo</u> Nyuma yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko ry'imirimu, urwego rutanga isoko	The procuring entity also cannot rely on those problems as an excuse to suspend payment owed on another procurement contract, unless it is based on a court decision. However, for the contracts for goods and supplies, if a successful bidder was awarded a procurement contract for supplies which is similar to the procurement contract that he or she had earlier been awarded, but the delivery period for the first procurement contract expired before the delivery of all or part of the supplies of the first tender for reasons unknown, supplies delivered after being awarded the second procurement contract are assigned to the first procurement contract up to its completion. Invoices supporting such supplies are treated in the same manner. However, the delivery period for supplies that are the subject of the second tender continues to be respected. <u>Section 2: Execution of the procurement contract for tender of works</u> <u>Article 93: Responsibility of the successful bidder towards validation of the study</u> After signing the procurement contract for tender of works, the procuring entity gives the	L'entité de passation de marché, elle aussi, ne peut se prévaloir de ces difficultés pour suspendre les paiements dus sur un autre contrat de marché, sauf sur la base d'une décision judiciaire. Toutefois, pour les marchés des biens et des fournitures, lorsqu'un attributaire du marché est déclaré attributaire d'un marché de fournitures identique au précédent marché dont le délai de livraison a expiré avant la livraison totale ou partielle des fournitures pour des raisons inconnues, les fournitures livrées pour le second marché sont imputées sur le premier marché jusqu'au complet apurement de celui-ci. Les factures accompagnant les fournitures sont traitées de la même manière. Toutefois, le délai de fournitures prévu pour l'exécution du second marché reste valable. <u>Section 2 : Exécution du contrat de marché des travaux</u> <u>Article 93 : Responsabilité de l'attributaire de marché d'approuver l'étude</u> Après la signature du contrat de marché des travaux, l'entité de passation de marché donne à
--	---	---

ruha uwatsindiye isoko igihe cyo gusuzuma inyigo akayigira iye ku kiguzi cye. Iyo uwatsindiye isoko asanze inyigo irimo amakosa agomba gukosorwa cyangwa hari ibyibagiranye bigomba kwitabwaho mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'inyigo, abimenyesha urwego rutanga isoko kugira ngo rubisuzume runabifateho umwanzuro. Iyo urwego rutanga isoko rusanze ibyibagiranye cyangwa amakosa yagaragajwe n'uwatsindiye isoko akwiye gukosorwa bikaba byatera impinduka ku isoko hakurikizwa ibiteganywa mu ngingo ya 54 y'iri tegeko. Iteka rya Minisitiri rigena igihe ntarengwa cyo gukora isuzuma ry'inyigo n'icyo kwemeranywa ku mpinduka n'imicungire y'ingaruka zikomoka ku isuzuma ry'inyigo.	successful bidder the time to analyse the study to own it at his or her cost. Where the successful bidder spots flaws or significant missing details in the study, which need to be addressed prior to the execution of the study, he or she reports them to the procuring entity for analysis and decision. If the procuring entity finds the missing details or flaws by the successful bidder which need to be addressed and which, once addressed, may lead to an amendment to the contract, the provisions of Article 54 of this Law apply. An Order of the Minister determines the maximum period for analysing the study and agreeing on the change and management of effects of study analysis.	l'attributaire du marché un délai pour analyser l'étude du marché en vue d'appropriation de cette étude à ses frais. Lorsque l'attributaire du marché constate des défauts ou des détails manquants dans l'étude devant être réglés avant la mise en exécution de cette étude, il les signale à l'entité de passation de marché pour analyse et décision. Lorsque l'entité de passation de marché constate des détails manquants ou des défauts de la part de l'attributaire du marché devant être réglés et pouvant, une fois réglés, entraîner une modification au marché, il est fait application des dispositions de l'article 54 de la présente loi. Un arrêté du Ministre détermine le délai maximum d'analyse de l'étude et de se convenir sur les rectifications et la gestion des effets de l'analyse de l'étude.
<u>Ingingo ya 94: Itangira ry'imirimo</u> Itariki y'itangizwa ry'imirimo iteganywa mu masezerano y'isoko keretse iyo itangizwa ry'imirimo rishingiye ku miterere y'ibihe cyangwa ku zindi mpamvu zidaturutse ku rwego rutanga isoko rugatanga amabwiriza mu nyandiko y'igihe itangizwa rizabera.	<u>Article 94: Commencement of works</u> The date for the commencement of works is provided for in the procurement contract, unless the commencement of works depends on weather conditions or other factors beyond the procuring entity's control, which makes it necessary for the procuring entity to issue in writing instructions for the commencement of works.	<u>Article 94 : Démarrage des travaux</u> La date de démarrage des travaux est prévue dans le contrat de marché, à moins que le début des travaux dépende des conditions climatologiques ou d'autres facteurs indépendants de la volonté l'entité de passation de marché, ce qui oblige l'entité de passation de marché de donner par écrit l'ordre de démarrer les travaux.

Icyakora, iyo nta mabwiriza yo gutangira imirimo yatanze mu minsi mirongo itandatu (60) ikurikira umunsi amasezerano y'isoko yashyirweho umukono cyangwa itariki yo gutangira imirimo igashyirwa nyuma y'iminsi mirongo itandatu (60), uwatsindiye isoko afite uburenganzira bwo kwanga gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko no gusaba indishyi z'igihombo yatewe n'uko gutinda gutangira.	However, if no instructions for the commencement of works were issued within sixty (60) days from the date of signing of the procurement contract or if the date for the commencement of works is set beyond the period of sixty (60) days, the successful bidder has the right to refuse to execute the procurement contract and claim for compensations for loss caused by such a delay.	Toutefois, lorsque l'ordre de démarrer les travaux n'est pas donné endéans soixante (60) jours à partir du jour de la signature du contrat de marché ou si la date de démarrage des travaux est fixée au-delà de soixante (60) jours, l'attributaire du marché a le droit de refuser l'exécution du contrat de marché et de réclamer la réparation du préjudice causé par ce retard.
Uwatsindiye isoko atakaza ubwo burenganzira ku ndishyi iyo atazisabye mu minsi makumyabiri (20) ibarwa uherye ku munsi ukurikira irangira ry'iminsi mirongo itandatu (60) ivugwa muri iyi ngingo.	The successful bidder loses this right if he or she does not claim for it within twenty (20) days of the day following the expiry of the sixty (60) days mentioned in this Article.	L'attributaire du marché est déchu de ce droit s'il ne le réclame pas dans les vingt (20) jours suivant la date d'expiration des soixante (60) jours visés au présent article.
<u>Ingingo ya 95: Ubwishingizi bw'impanuka mu gihe imirimo ikorwa</u>	<u>Article 95: Accident insurance during works</u>	<u>Article 95: Assurance accidents lors des travaux</u>
Uwatsindiye isoko ageza ku rwego rutanga isoko, mu gihe cyagenwe n'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, inyandiko zigaragaza ko yafashe ubwishingizi, kuva imirimo igitangira, bwo kuriha uburyozwe bwaterwa n'impanuka zishobora kugwirira umuntu uwo ari we wese cyangwa umutungo we mu gihe imirimo ikorwa.	The successful bidder submits a documentary evidence to the procuring entity, within the period provided for by the tender document, to show that on the very onset of works, he or she has obtained an insurance cover for accidents that any person or their property may undergo during the process of the execution of the works.	L'attributaire du marché présente à l'entité de passation de marché, dans le délai fixé par le dossier d'appel d'offres, les documents établissant qu'il a contracté une assurance couvrant, dès le début des travaux, les accidents pouvant survenir à toute personne ou à ses biens pendant l'exécution des travaux.
Uwatsindiye isoko atanga gihamya y'uko yishyuye ubwishingizi buvugwa mu gika cya	The successful bidder provides proof of payment for the insurance referred to in	L'attributaire du marché fournit, chaque fois qu'il en est requis, la preuve de paiement de

mbere cy'iyi ngingo, igihe cyose abisabwe. <u>Ingingo ya 96:</u> Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo Mbere yo gutangira imirimo y'ibanze, uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko gahunda y'ibikorwa azakurikiza mu gushyira mu bikorwa imirimo nk'uko biteganywa mu masezerano y'isoko ry'imirimo. Gahunda y'imirimo igaragaza uburyo buzakoreshwa muri rusange, imikorere, umurongo ngenderwaho n'igihe buri gikorwa kizamara. <u>Ingingo ya 97:</u> Amabwiriza y'inyongera y'urwego rutanga isoko Igihe cyose ari ngombwa gutanga amabwiriza y'inyongera, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena igihe atangirwa. Iteka rya Minisitiri rigena igihe urwego rutanga isoko rutangira amabwiriza y'inyongera iyo nta gihe cyagenwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.	Paragraph One of this Article, whenever requested to do so. <u>Article 96:</u> Planning for the execution of works Before the commencement of preliminary works, the successful bidder submits to the procuring entity the plan of activities that he or she will follow for the execution of works in accordance with the procurement contract. The plan of activities contains the general methods, working arrangements, order and timing for all the activities in the works. <u>Article 97:</u> Procuring entity's additional instructions Whenever it is necessary to issue additional instructions, the tender document determines the deadline for issuance of such instructions. An Order of the Minister determines the deadline for the procuring entity to issue additional instructions in case no such a deadline is provided for in the tender document.	l'assurance visée à l'alinéa premier du présent article. <u>Article 96:</u> Planification de l'exécution des travaux Avant de démarrer les travaux préliminaires, l'attributaire du marché fournit à l'entité de passation de marché le programme des travaux qu'il se propose de suivre pour l'exécution des travaux selon le contrat de marché. Le programme des travaux contient les méthodes générales, les conditions de travail, l'ordre et le calendrier de toutes les activités dans les travaux. <u>Article 97 :</u> Instructions supplémentaires de l'entité de passation de marchés Chaque fois qu'il est nécessaire d'émettre des instructions supplémentaires, le dossier d'appel d'offres fixe le délai d'émission de ces instructions. Un arrêté du Ministre détermine le délai d'émission des instructions supplémentaires par l'entité de passation de marché lorsque ce délai n'est pas déterminé dans le dossier d'appel d'offres.
--	--	--

<u>Ingingo ya 98:</u> Kugaragaza aho imirimo izakorerwa Mbere yo gutangira imirimo, uwatsindiye isoko agaragaza imbago zerekana aho ibikorwa bye bizakorerwa kandi agashyiraho umubare uhagije w'ibimenyetso bibyerekanwa. Iyo imbago zagaragajwe, uwatsindiye isoko abimenyesha urwego rutanga isoko mu nyandiko. Urwego rutanga isoko rugenzura icyo gikorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsu rwabimenyesherejweho, byaba ngombwa rugasaba uwatsindiye isoko kugira ibyo akosora. Iyo nta cyo urwego rutanga isoko rubivuzeho mu gihe kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, imbago zerekanywe zifatwa nk'izemewe. Uwatsindiye isoko yubahiriza imbago yagaragaje. <u>Ingingo ya 99:</u> Ibiro by'ukurikirana imirimo Uwatsindiye isoko aha ukurikirana imirimo ibiro akoreramo, biri aho imirimo ikorerwa, keretse igitabo cyerekana uburyo ipiganwa	<u>Article 98:</u> Demarcating the site for works Before the commencement of works, the successful bidder establishes the demarcations showing the area where the works have to be executed and uses a sufficient number of landmarks to show such demarcations. When the demarcations have been established, the successful bidder notifies the procuring entity in writing. The procuring entity inspects the site demarcations within fifteen (15) days from the date of notification, and where necessary requests the successful bidder to make some corrections. If the procuring entity does not respond within the period referred to in Paragraph 2 of this Article, the demarcations are considered approved. The successful bidder respects the established demarcations. <u>Article 99:</u> Office of the supervising official The successful bidder provides an office to the supervising official at the place where the works are being executed, unless the tender	<u>Article 98:</u> Démarcation du site des travaux Avant de démarrer les travaux, l'attributaire du marché établit des démarcations montrant la zone où ses travaux vont être exécutés et utilise un nombre suffisant de points de repères. Lorsque les démarcations sont établies, l'attributaire du marché en notifie par écrit l'entité de passation de marché. L'entité de passation de marché procède à leur vérification dans un délai de quinze (15) jours à compter du jour de notification et, s'il y a lieu, demande à l'attributaire du marché de faire certaines rectifications. Lorsque l'entité de passation de marché n'y réagit pas dans le délai visé à l'alinéa 2 du présent article, les démarcations sont réputées approuvées. L'attributaire du marché respecte des démarcations établies. <u>Article 99:</u> Bureau du fonctionnaire dirigeant L'attributaire du marché met à la disposition du fonctionnaire dirigeant un local lui servant de bureau sur le site même de l'exécution des
---	---	---

rikorwa kibiteganya ukundi.	document provides otherwise.	travaux, sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres.
<u>Ingingo ya 100:</u> Gukurikirana imirimo buri muni	<u>Article 100:</u> Daily supervision of works	<u>Article 100 :</u> Surveillance quotidienne des travaux
Ukurikirana imirimo ayikurikirana buri muni kugira ngo hatagira ibikorwa bitangira atabibonye ngo abyemeze.	The supervising official monitors the works on a daily basis so that no works start without his or her approval.	Le fonctionnaire dirigeant assure la surveillance quotidienne des travaux afin qu'aucun acte ne démarre sans son accord.
<u>Ingingo ya 101:</u> Umutekano w'aho imirimo ikorerwa	<u>Article 101:</u> Security at the site	<u>Article 101 :</u> Sécurité sur le chantier
Uwatsindiye isoko acunga umutekano w'aho imirimo ikorerwa mu gihe cyose imirimo igomba kumara.	The successful bidder ensures the security of the site at all times during the period of execution of works.	L'attributaire du marché assure la sécurité du chantier pendant toute la durée des travaux.
Icyakora, iyo hari umuntu ugize impanuka cyangwa imitungo yononekaye kubera ibibazo bikomoka ku myigire y'umushinga cyangwa uburyo urwego rutanga isoko rwahatiye uwatsindiye isoko gukoresha mu mirimo y'isoko, uburyozwe bw'ibyononekaye bubazwa urwego rutanga isoko igihe cyose icyo kibazo cyagaragajwe n'uwatsindiye isoko hakurikijwe uburyo buteganywa n'iri tegeko.	However, if a person is involved in an accident or property is damaged due to factors resulting from project design or due to instructions imposed on the successful bidder by the procuring entity, the liability resulting from the accident or damage is borne by the procuring entity as long as such a problem was reported by the successful bidder in accordance with the provisions of this Law.	Toutefois, lorsqu'une personne est impliquée dans un accident ou que les biens sont endommagés en raison des facteurs résultant de la conception du projet ou des instructions imposées par l'entité de passation de marché à l'attributaire du marché, la responsabilité résultant de l'accident ou du dommage incombe à l'entité de passation de marché aussi longtemps que ce problème a été signalé conformément aux dispositions de la présente loi.
<u>Ingingo ya 102:</u> Igitabo cyandikwamo ibikozwe buri muni	<u>Article 102:</u> Daily site log book	<u>Article 102:</u> Journal de chantier
Iyo imirimo ikorwa igice cyangwa yose	Where works are executed in part or wholly on	Lorsque les travaux s'exécutent partiellement ou

hashingiwe ku giciro cya buri murimo cyangwa amafaranga ayigendaho ashingira ku bugenzuzi bwakozwe, cyangwa ari ku biciro by'agateganyo, mu biro by'ukurikirana imirimo huzuzwa igitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsu. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganywa ibikubiye mu gitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsu n'ibigomba kubahirizwa. Uwatsindiye isoko ashyira umukono mu gitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsu kiri mu biro by'ukurikirana imirimo bitarenze iminsi itanu (5) uherye ku munsu byandikiwe n'iyi yaba atabyemera ariko ibyo atemera akabigaragaza. Iyo uwatsindiye isoko atabashije gushyira umukono ku byanditswe mu gitabo cyandikwamo ibyakozwe buri munsu mu gihe cyagenwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, bifatwa nk'aho yemeye ibikubiye mu gitabo. <u>Ingingo ya 103: Raporo y'ibyakozwe buri munsu</u> Uwatsindiye isoko ry'imirimo ashyikiriza buri munsu ukurikirana imirimo ibi bikurikira:	the basis of the price of each type of the work or payment for such works is made on the basis of inspections carried out, or on the basis of provisional prices, the supervising official maintains in his or her office a daily site log book. The tender document provides for the content and requirements of the daily site log book. The successful bidder signs the daily site log book kept in the office of the supervising official within five (5) days from the date the records were written, even if he or she does not agree with the content, but specifies which points he or she disagrees with. If the successful bidder fails to sign the daily site log book within the period provided for under Paragraph 3 of this Article, he or she is considered to have accepted the content of the log book. <u>Article 103: Daily statement of the work done</u> The successful bidder submits on a daily basis the following, to the supervising official:	totalément à prix unitaires, en dépenses contrôlées ou à prix provisoires, le fonctionnaire dirigeant tient dans son bureau un journal de chantier. Le dossier d'appel d'offres prévoit le contenu et les exigences du journal de chantier. L'attributaire du marché appose sa signature dans le journal de chantier tenu dans le bureau du fonctionnaire dirigeant dans un délai de cinq (5) jours à compter de la date des inscriptions, même s'il ne les accepte pas, mais précise les points sur lesquels porte son désaccord. Lorsque l'attributaire du marché ne parvient pas à apposer sa signature dans le journal de chantier dans le délai prévu à l'alinéa 3 du présent article, il est réputé avoir accepté le contenu du journal de chantier. <u>Article 103 : Rapport journalier des travaux exécutés</u> L'attributaire du marché remet quotidiennement au fonctionnaire dirigeant ce qui suit :
---	--	--

1° raporo igaragaza imirimo yakozwe; 2° ibikoresho byakiriwe; 3° umubare w’abakozi ba buri cyiciro bari mu kazi n’imirimo bashinzwe. Nyuma yo gushyira umukono kuri iyo raporo, ukurikirana imirimo ahita ayishyikiriza umukozi umwe cyangwa itsinda ry’abakozi bashyizweho n’urwego rutanga isoko bashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano y’isoko. Mbere yo kwakira raporo y’ibyakozwe buri muni, ushinze gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano y’isoko, abanza kugenzura niba umubare w’abakozi uvugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo uhura n’urutonde rw’abakozi banditse mu gitabo cyandikwamo abakozi buri muni kandi urwo rutonde rukaba rwagaragarizwa uwo ari we wese ubifite mu nshingano. <u>Ingingo ya 104:</u> Iyarara n’ibikoresho byasenywe Iyo mu mirimo ikorwa harimo no gusenya, iyarara n’ibikoresho byasenywe biba umutungo w’uwatsindiye isoko, keretse iyo	1° a report of the work done; 2° materials delivered; 3° the number of workers of each category who reported to the site and the work assigned to them. Upon signing the report, the supervising official immediately submits it to the employee or a group of employees appointed by the procuring entity who are responsible for the procurement contract execution. Before receiving the daily statement of work, the supervising official checks in advance whether the number of workers referred to in Paragraph One of this Article corresponds to the number provided on the register of daily attendance for workers, which register is made available to any person entitled to have access thereto. <u>Article 104:</u> Rubbles and materials from demolition If works to be executed include demolitions, the rubbles and materials from demolition become the property of the successful bidder,	1° rapport des travaux exécutés ; 2° matériaux fournis ; 3° nombre d’ouvriers pour chaque catégorie présente au chantier et les ouvrages auxquels ils sont employés. Après signature du rapport, le fonctionnaire dirigeant le soumet immédiatement à l’un des employés ou à un groupe d’employés désignés par l’entité de passation de marché qui sont chargés de la gestion de l’exécution du contrat de marché. Avant de recevoir le rapport journalier des travaux exécutés, le fonctionnaire dirigeant vérifie au préalable si le nombre d’ouvriers visé à l’alinéa premier du présent article correspond à celui figurant sur la fiche de pointage journalier des ouvriers, laquelle fiche est mise à la disposition de toute personne habilitée à y avoir accès. <u>Article 104 :</u> Débris et matériaux provenant de la démolition Lorsque les travaux à exécuter comportent des démolitions, les débris et les matériaux provenant de la démolition deviennent la
--	---	---

igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyabigennye ukundi. Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganywa ko iyarara n'ibikoresho byasenywe byose cyangwa igice cyabyo biba umutungo w'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko afata ingamba za ngombwa kugira ngo bitangirika kandi akita ku kubungabunga ibidukikije. Yirengera kandi ingaruka zose z'iyangizwa ryabyo bitewe n'ibikorwa bye cyangwa iby'abakozi akoresha.	unless otherwise stipulated in the tender document. If the tender document stipulates that part of or all the rubbles and materials from demolition become the property of the procuring entity, the successful bidder takes all the necessary measures to ensure that such materials and rubbles are not damaged and takes care of the environment. He or she is held responsible for any damage to the materials or rubbles resulting from his or her activities or that of his or her employees.	propriété de l'attributaire du marché, sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres. Lorsque le dossier d'appel d'offres prévoit que l'entité de passation de marché conserve la propriété d'une partie ou l'ensemble des débris et des matériaux provenant de la démolition, l'attributaire du marché prend toutes les précautions nécessaires pour empêcher toute destruction ou dégradation de ces matériaux ou débris et prend soin de l'environnement. Il est responsable de toute destruction ou dégradation de ces matériaux ou débris causée par son fait ou par le fait de ses employés.
<u>Ingingo ya 105:</u> Inshingano yo gutwara iyarara n'ibikoresho byasenywe Hatitawe ku cyo urwego rutanga isoko ruteganywa gukoresha iyarara n'ibikoresho byasenywe, uwatsindiye isoko abitwara ku mafaranga ye akabigeza aho bigomba gushyirwa hagenwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Uko imirimo igenda irangira, uwatsindiye isoko avanaho iyarara, imyanda, ibikomoka ku byasenywe n'ibindi bisigazwa by'ibikoresho akurikije amabwiriza yahawe n'urwego rutanga isoko, uretse igihe igitabo	<u>Article 105:</u> Responsibility to transport rubbles and materials from demolition Whatever the procuring entity plans to do with the rubbles and materials from the demolition, the successful bidder bears the cost related to their movement to the place where they must be stored that is specified in the tender document. The successful bidder, as works progress, removes the product of demolition and rubbles and debris and other materials from the demolition in compliance with the instructions of the procuring entity, unless the tender	<u>Article 105:</u> Obligation de transport des débris et matériaux provenant de la démolition Quelle que soit la destination que l'entité de passation de marché entend donner aux débris et aux matériaux provenant de la démolition, tous les frais relatifs à leur transport vers le lieu de leur mise en dépôt indiqué dans le dossier d'appel d'offres sont à la charge de l'attributaire du marché. L'attributaire du marché enlève, au fur et à mesure que les travaux évoluent, les produits de démolitions, les gravats, les débris et d'autres matériaux issus de la démolition en se conformant aux instructions de l'entité de

cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganywa ukundi. <u>Ingingo ya 106:</u> Ibivumbuwe mu ikorwa ry'imirimu Ikintu cyose cy'agaciro kivumbuwe igihe hakorwa imirimu yo gucukura cyangwa gusenya gihita kimenyeshwa urwego rutanga isoko, na rwo rukabimenyesha urwego bireba kugira ngo hafatwe icyemezo. Ibikorwa by'ubugeni, ibiranga umuco wa kera, ibisigaratongo, imidari, ibiceri bya kera n'ibindi bikoresho byose by'agaciro mu rwego rw'ubuhanga n'ikoranabuhanga kimwe n'ibikoresho by'imbonekarimwe cyangwa bikoze mu mabuye y'agaciro bivumbuwe mu gihe cy'icukura cyangwa isenywa, biba umutungo bwite w'urwego rutanga isoko kandi ugakorerwa ihererekanya hagati y'uwatsindiye isoko n'ukurikirana imirimu cyangwa n'uhagarariye urwego rutanga isoko. <u>Ingingo ya 107:</u> Kwemeza ibikoresho bigomba gukoreshwa Uwatsindiye isoko akoresha gusa ibikoresho byagenwe kandi bibanje kwemezwa n'ukurikirana imirimu.	document provides otherwise. <u>Article 106:</u> Discoveries during the execution of works Anything of value discovered during the excavation or demolition is immediately notified to the procuring entity which informs the relevant authority for decision. Artworks, antiquities, archaeological objects, medals, ancient coins and any other valuable objects in the area of science and technology as well as rare or objects made from precious materials, discovered during excavation or demolition, become the property of the procuring entity and are subject to handover between the successful bidder and the supervising official or the representative of the procuring entity. <u>Article 107:</u> Approval of materials to be used The successful bidder uses only the designated materials and with prior approval by the supervising official.	passation de marché, sauf dispositions contraires du dossier d'appel d'offres. <u>Article 106:</u> Découvertes au cours des travaux Toute découverte de valeur faite dans les fouilles ou dans les démolitions est immédiatement notifiée à l'entité de passation de marché qui, à son tour, le communique à l'organe concerné pour décision. Les objets d'art, d'antiquités, archéologiques, numismatiques ou autres, présentant un intérêt scientifique et technologique, de même que les objets rares ou en matière précieuse, trouvés dans les fouilles ou dans les démolitions, restent la propriété de l'entité de passation de marché et sont soumis à la remise et reprise entre l'attributaire du marché et le fonctionnaire dirigeant ou le représentant de l'entité de passation de marché. <u>Article 107:</u> Approbation des matériaux à utiliser L'attributaire du marché n'utilise que les matériaux désignés et préalablement approuvés par le fonctionnaire dirigeant.
--	--	--

Urwego rutanga isoko rukoresha uburyo bwose bwemewe mu kugenzura ubwiza n'ingano y'ibikoresho. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganywa igenzura rikubiyemo isuzuma rya tekini ry'ibikoresho n'ibindi bicuruzwa cyangwa ibigemurwa. Iyo umwe mu bagiranye amasezerano y'isoko anenze ibyavuye muri iryo suzuma rya tekini, afite uburenganzira bwo gukoresha isuzuma mpinyuza. Isuzuma mpinyuza rikorwa n'urwego rwumvikanyweho n'impande zombi, ariko ikiguzi cyaryo cyishyurwa n'uruhande rwasabye ko rikorwa. <u>Ingingo ya 108: Uburiganya cyangwa inenge</u> Iyo habayeho gukeka ko imirimo yakoranywe uburiganya cyangwa inenge, urwego rutanga isoko ruhagarika imirimo by'agateganyo hagarishyirwaho itsinda rihuriweho kugira ngo risuzume ibijyanye n'uburiganya cyangwa inenge. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo itsinda rihuriweho rishyirwaho, abarigize n'imikorere yaryo.	The procuring entity uses any lawful means useful to determine the quality and quantity of materials. The tender document provides for inspection that includes technical verification of materials and other goods or supplies. If anyone of the contracting parties disagrees with the results of the technical verification, he or she has the right to sanction a counter verification. The counter verification is conducted by an institution agreed upon between the two parties but the cost is borne by the party that requests for such counter verification. <u>Article 108: Fraud and defect</u> Upon suspicion of fraud or defect of works, the procuring entity suspends the works to establish a joint team in order to investigate the fraud and defect. An Order of the Minister determines modalities for the designation of a joint team, its members and its functioning.	L'entité de passation de marché utilise tous les moyens légaux qui sont utiles au contrôle de la qualité et de la quantité des matériaux. Le dossier d'appel d'offres prévoit l'inspection comportant la vérification technique des matériaux et autres biens ou fournitures. Lorsque l'une des parties contractantes conteste les résultats de la vérification, elle a le droit de demander une contre-vérification. La contre-vérification est effectuée par une institution convenue par les deux parties mais ce aux frais de la partie requérante. <u>Article 108 : Fraudes et malfaçons</u> En cas de soupçon de fraude ou de malfaçon des travaux, l'entité de passation de marché suspend les travaux pour la mise en place d'un comité conjoint pour faire des investigations sur la fraude ou la malfaçon. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de mise en place du comité conjoint, ses membres et son fonctionnement.
---	--	---

<u>Ingingo ya 109: Guhagarika imirimo by'agateganyo</u> Icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo gishobora gufatwa na: 1° urwego rutanga isoko ku nyungu rusange z'Igihugu; 2° uwatsindiye isoko ashingiye ku biteganywa n'iri tegeko. Guhagarika imirimo by'agateganyo ntibirenza iminsi mirongo itatu (30) ikurikirana, uretse igihe biteganyijwe ukundi mu masezerano y'isoko. Iyo birenze iyo minsi, amasezerano y'isoko ahita aseswa nta mpaka. Icyakora, iyo urwego rutanga isoko rufashe icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo mu gihe kirenze iminsi mirongo itatu (30), impande zombi zumvikana ku ngamba zafatwa mu rwego rwo kwirinda igihombo cyaturuka kuri iryo hagarikwa. Igihe cy'ihagarikwa ry'imirimo ry'agateganyo cyongerwa ku cyo kurangiza imirimo giteganyijwe mu masezerano y'isoko uretse iyo irangira ry'igihe cy'amasezerano y'isoko rihuriranye n'igihe	<u>Article 109: Suspension of works</u> The decision to suspend the works may be made by: 1° the procuring entity for public interests; 2° the successful bidder in accordance with the provisions of this Law. The suspension of works does not exceed a period of thirty (30) days, unless otherwise provided in the procurement contract. If it exceeds that period, the procurement contract is automatically terminated. However, if the procuring entity takes a decision to suspend the works for a period exceeding thirty (30) days, both parties agree on measures to be put in place in order to avoid any loss which may results from such a suspension. The period of suspension of works results into the extension of that period to the period of the procurement contract execution unless the end of the contractual period coincides with the date on which the decision to suspend the	<u>Article 109: Suspension des travaux</u> La décision de suspendre les travaux peut être prise par : 1° l'entité de passation de marché, pour cause d'intérêt public ; 2° l'attributaire du marché conformément aux dispositions de la présente loi. La suspension des travaux ne dépasse pas un délai de trente (30) jours, sauf stipulation contraire dans le contrat de marché. Passé ce délai, le contrat de marché est résilié d'office. Toutefois, lorsque l'entité de passation décide la suspension des travaux pour un délai de plus de trente (30) jours, les deux parties se conviennent des mesures à prendre afin d'éviter le préjudice éventuel de cette suspension. Le délai de suspension des travaux entraîne la prolongation de ce délai à la durée d'exécution du contrat de marché à moins que la fin de la durée du contrat de marché n'expire au même jour de la décision de suspension.
--	--	---

hafatiwe icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo. <u>Ingingo ya 110:</u> Ingamba zifatwa igihe imirimo ihagaze by'agateganyo Iyo imirimo ihagaze by'agateganyo, uwatsindiye isoko afata ingamba za ngombwa zigamije kurinda no kwita ku mutekano w'ibimaze gukorwa n'uw'ibikoresho no kubirinda kononekara akoresheje amafaranga ye bwite. Iyo imirimo ihagaze by'agateganyo, urwego rutanga isoko ruhita ruhagarika by'agateganyo uwatsindiye isoko ryo gukurikirana iyo mirimo. <u>Ingingo ya 111:</u> Imirimo ishobora guteganywa Uwatsindiye isoko agomba kuba azi ubwoko bw'ubutaka n'imiterere by'aho ibikorwa bikorerwa kandi akaba yarateguye inyandiko y'ipiganwa akurikije ibyavuye mu isuzuma ndetse n'imibare ubwe yakoze, hakurikijwe ibikubiye muri iri tegeko. Imirimo yose ikozwe, ingamba uwatsindiye isoko afata n'amafaranga ajyanye no gushyira mu bikorwa imirimo, harimo iyerekeye gutuma ubutaka butariduka,	works is taken. <u>Article 110:</u> Measures to be taken in case of suspension of works During the suspension of works, the successful bidder, at his or her own costs, takes sufficient measures to ensure the security of works already executed and materials and to protect them from degradation. When works are suspended, the procuring entity suspends immediately the successful bidder for the supervision of works. <u>Article 111:</u> Foreseeable works The successful bidder must know the nature of the soil at the site and must have prepared his or her bid in accordance with findings of the analysis and his or her own calculations, in accordance with the provisions of this Law. All works executed, measures taken successful bidder and costs inherent in the execution of works, including those intended to prevent the subsidence of the ground, displacement and	<u>Article 110:</u> Mesures à prendre en cas de suspension des travaux Durant la suspension des travaux, l'attributaire du marché prend, à ses frais, toutes les mesures nécessaires pour assurer la sécurité des travaux déjà exécutés et des matériaux et les protéger contre toute dégradation. Lorsque l'exécution des travaux est suspendue, l'entité de passation de marché suspend immédiatement l'attributaire du marché de supervision des travaux. <u>Article 111:</u> Travaux prévisibles L'attributaire du marché doit connaître la nature du sol du lieu d'exécution des travaux et avoir établi son offre sur la base des résultats d'analyses et de ses propres calculs, conformément aux dispositions de la présente loi. Tous les travaux exécutés, mesures prise par l'attributaire du marché et frais inhérents à l'exécution des travaux, y compris les travaux visant à empêcher l'affaissement de sol, le
--	--	---

kuvanaho no gusubizaho insinga n'ibitembo, byose byishingirwa n'uwatsindiye isoko. <u>Ingingo ya 112:</u> Impamvu zitunguranye n'imenyesha ryazo Iyo mu gihe cyo gukora imirimo, uwatsindiye isoko ahuye n'imbogamizi zo mu rwego rwa tekini cyangwa izo mu rwego rw'imiterere y'ubutaka bw'aho akorera imirimo ye, harimo ibisigarira by'inyubako za kera cyangwa ikidendezi cy'amazi atakekaga ko bihari kandi uwatsindiye isoko akaba atarashoboraga kubiteganya n'ubwo byari bihasanzwe mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko, ndetse akaba asanga bizasaba andi mafaranga y'inyongera, cyangwa iyongerwa ry'igihe cyo gukora imirimo ijyanye n'isoko, abimenyesha mu nyandiko urwego rutanga isoko nk'uko biteganywa n'iri tegeko. Mu kubimenyesha urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko asobanura neza iyo mbogamizi, yerekana ku buryo burambuye ingaruka zishobora kuzabaho, ingamba ateganya gufata cyangwa yifuza gufata hamwe n'ingano y'igihe cy'ubukererwe bishobora gutera cyangwa ibindi atekereza ko byabangamira ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo.	reinstallation of cables and pipes into their original locations, are borne by the successful bidder. <u>Article 112:</u> Unexpected circumstances and notification thereof Where in the course of the execution of the procurement contract, the successful bidder encounters technical or geological obstacles, including the remains of old buildings or an unforeseen pond of water, which could not have been reasonably anticipated even though they existed before the signing of the procurement contract, and if he or she believes such obstacles would result into additional costs or extension of the execution period of the procurement contract, he or she notifies in writing the procuring entity in accordance with the provisions of this Law. In its notification to the procuring entity, the successful bidder explains in full the obstacle in question, indicating in detail the impact such obstacles may have, the measures he or she plans or intends to take, as well as the length of delay that this is likely to cause and any other hindrance that may create a negative impact on the execution of works.	déplacement et la remise en place des câbles et des tuyaux de canalisations, sont à la charge de l'attributaire du marché. <u>Article 112 :</u> Circonstances inattendues et leur notification Si au cours de l'exécution des travaux, l'attributaire du marché rencontre des obstacles d'ordre technique ou géologique, y compris des vestiges de constructions anciennes ou une nappe d'eau insoupçonnée, lesquels ne pouvaient raisonnablement pas être prévus bien qu'ils fussent préexistants à la signature du contrat de marché et s'il estime que cette situation nécessite des frais supplémentaires ou une prolongation du délai d'exécution du contrat de marché, il les notifie par écrit à l'entité de passation de marché conformément aux dispositions de la présente loi. Dans sa notification à l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché précise l'obstacle en question, en indiquant en détail les effets prévisibles, les mesures prises ou à prendre ainsi que l'ampleur du retard que cela est susceptible d'occasionner et tout autre obstacle pouvant avoir un impact négatif sur l'exécution des travaux.
--	--	---

<u>Ingingo ya 113:</u> Uburenganzira bw'urwego rutanga isoko mu gihe cy'impamvu zitunguranye Iyo urwego rutanga isoko rumenyeshajwe impamvu zitunguranye, ruba rufite uburenganzira bwo: 1° kongera igihe cyo gukora iyo mirimo; 2° gusubira ku ngingo zerekeye amafaranga yagenewe isoko rukoresheje amasezerano y'isoko y'inyongera; 3° gusesa amasezerano y'isoko; 4° kwanga ibyo rusabwa n'uwatsindiye isoko iyo rubona ko bidafite ishingiro.	<u>Article 113:</u> Rights of the procuring entity in case of unexpected circumstances When the procuring entity is notified of the unexpected circumstances, it has the right: 1° to extend the period of the execution of works; 2° to revise Articles concerning the pricing by means of an additional procurement contract; 3° to terminate the procurement contract; 4° reject the claims of the successful bidder if he or she believes such claims are not relevant.	<u>Article 113 :</u> Droits de l'entité de passation de marché en cas de circonstances inattendues Lorsque l'entité de passation de marché est notifiée des circonstances inattendues, il a le droit de : 1° prolonger le délai d'exécution des travaux ; 2° réviser par avenant les articles concernant les prix ; 3° résilier le contrat de marché ; 4° rejeter les réclamations de l'attributaire du marché s'il les estime non fondées.
<u>Ingingo ya 114:</u> Kunanirwa kurangiza amasezerano y'isoko ry'imirimo Uwatsindiye isoko afatwa nk'uwaniwe kurangiza amasezerano y'isoko ry'imirimo yatsindiye iyo: 1° imirimo itararangira neza mu gihe giteganyijwe mu masezerano y'isoko;	<u>Article 114:</u> Failure to execute the procurement contract of works The successful bidder is regarded as having failed to execute the procurement contract of works if: 1° the works are not fully completed within the period provided for by the procurement contract;	<u>Article 114 :</u> Défaut d'exécuter le contrat de marché des travaux L'attributaire du marché est considéré comme ayant manqué à l'exécution du contrat de marché lorsque : 1° les travaux ne sont pas complètement achevés dans le délai prévu dans le contrat de marché ;

2° imirimo isubitswe ku buryo bugaragaza ko izaba itararangira mu gihe giteganyijwe mu masezerano y'isoko; 3° atubahirije amabwiriza yanditse yahawe n'urwego rutanga isoko mu buryo bwemewe n'amategeko. Icyakora, uwatsindiye isoko ntafatwa nk'uwaniye kurangiza amasezerano y'isoko iyo impamvu zatumye abinaniwa zaturutse ku rwego rutanga isoko. <u>Ingingo ya 115: Raporo yo kunanirwa kurangiza amasezerano y'isoko ry'imirimo</u> Kunanirwa kurangiza amasezerano y'isoko ry'imirimo k'uwatsindiye isoko bigaragazwa muri raporo yanditse ikorwa n'ukurikirana imirimo nk'uko biteganywa n'iri tegeko. Iyo raporo ishikiriye uwatsindiye isoko, urwego rutanga isoko rukagenerwa kopi. Uwatsindiye isoko ahabwa iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhaye igihe yabonye raporo igaragaza ko yananiye kurangiza amasezerano y'isoko ry'imirimo kugira ngo akosore ibitarubahirijwe cyangwa agaragaze mu nyandiko impamvu yireguza. Iyo atagize	2° the works are suspended in a manner that they cannot be completed within the period provided for by the procurement contract; 3° he or she contravenes the written instructions lawfully received from the procuring entity. However, the successful bidder is not considered as having failed to execute the procurement contract if such failure results from the procuring entity. <u>Article 115: Report of failure to execute the procurement contract of works</u> The failure by the successful bidder to execute the procurement contract is communicated in a written report by the supervising official as provided for by this Law. Such a report is submitted to the successful bidder with a copy to the procuring entity. The successful bidder is given fifteen (15) working days from the date of receipt of the report showing his or her failure to execute the procurement contract so that he or she corrects his or her failure or otherwise defend himself or herself in writing. Failure to react to the	2° les travaux sont suspendus de façon qu'ils ne peuvent pas être achevés dans les délais prévus dans le contrat de marché; 3° il ne respecte pas les instructions écrites légalement reçues de l'entité de passation de marché. Toutefois, l'attributaire du marché n'est pas réputé avoir manqué à l'exécution du contrat de marché lorsque ce manquement est entraîné par l'entité de passation de marché. <u>Article 115 : Rapport du défaut d'exécuter le contrat de marché de travaux</u> Le défaut par l'attributaire du marché d'exécuter le marché de travaux est communiqué dans un rapport écrit par le fonctionnaire dirigeant tel que prévu par la présente loi. Ce rapport est soumis à l'attributaire du marché, avec copie à l'entité de passation de marché. L'attributaire du marché dispose d'un délai de quinze (15) jours ouvrables à partir de la date de réception du rapport indiquant le défaut d'exécution du contrat de marché de travaux pour corriger ses manquements ou présenter par écrit ses moyens de défense. Passé ce délai sans
---	---	---

icyo ayivugaho mu gihe yahawe, bifatwa nk'aho yemeye ibikubiye muri raporo.	report within the given time, it is assumed that he or she has accepted the content of the report.	sa réaction sur le rapport, il est réputé avoir reconnu le contenu du rapport.
<u>Ingingo ya 116:</u> Ingaruka zo kunanirwa kurangiza imirimo	<u>Article 116:</u> Effects of inability to complete works	<u>Article 116 :</u> Effets de l'incapacité d'achever les travaux
Haseguriwe ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa n'iri tegeko, iyo uwatsindiye isoko arengeje iminsi cumi n'itanu (15) atarakosora ibyo atubahirije cyangwa ngo agaragaze mu nyandiko impamvu yireguza, urwego rutanga isoko rushobora gufata icyemezo cyo:	Subject to administrative sanctions provided for in this Law, if the successful bidder goes beyond the period of fifteen (15) days without correcting his or her failures or otherwise defending himself or herself in writing, the procuring entity may decide to:	Sous réserve des sanctions administratives prévues dans la présente loi, lorsque l'attributaire du marché dépasse le délai de quinze (15) jours sans corriger ses manquements ou sans présenter par écrit ses moyens de défense, l'entité de passation de marché peut décider de :
1° kurangiza imirimo hakoreshejwe uburyo bwa reji; 2° kugirana amasezerano y'isoko n'undi muntu iyo urwego rutanga isoko rusanze ari byo bihendutse.	1° complete the works by force account; 2° sign a procurement contract with another person, if it finds it more economical.	1° d'achever l'exécution des travaux en régie ; 2° signer un nouveau contrat de marché avec une autre personne, si elle le juge plus économique.
Ikiguzi cyo kurangiza imirimo cyishyurwa n'uwari watsindiye isoko wananiwe kurangiza imirimo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	The cost for the completion of the works is borne by the successful bidder who failed to complete the works as provided for by this Law.	Le coût d'achèvement des travaux est supporté par l'attributaire du marché défaillant conformément aux dispositions de la présente loi.
Mbere y'uko ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa, urwego rutanga isoko rutumira uwatsindiye isoko kandi rugakora raporo igaragaza aho imirimo yari igeze n'ibikoresheho bihari. Iyo raporo ishyingirwaho umukono n'urwego rutanga	Before the implementation of the provisions of Paragraph One of this Article, the procuring entity invites the successful bidder and make a report showing the progress of the works and the materials at the site. The report is signed by the procuring entity and the successful bidder,	Avant la mise en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'entité de passation de marché invite l'attributaire du marché et fait un rapport sur l'état des travaux réalisés ainsi que sur les matériaux se trouvant sur le chantier. Le rapport est signé par l'entité

isoko n'uwari watsindiye isoko iyo ahari. <u>Ingingo ya 117:</u> Ibyiciro by'iyakirwa ku mugaragaro ry'imirimo Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'amasezerano y'isoko ry'imirimo biteganywa iyakirwa ku mugaragaro ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo, iyakirwa ry'agateganyo n'iyakirwa rya burundu ry'imirimo yose. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'igihe iyakirwa ry'imirimo rikorwamo. <u>Ingingo ya 118:</u> Gusukura aho imirimo yakorewe Nyuma yo kwakira igice cy'imirimo by'agateganyo cyangwa kwakira imirimo by'agateganyo, uwatsindiye isoko avanaho inyubako z'igihe gito n'ibikoresho bitagikenewe mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko, hubahirizwa amategeko n'amabwiriza yo kubungabunga ibidukikije. Mu gihe cyo kwakira imirimo burundu, uwatsindiye isoko avanaho kandi imyanda yose akanatunganya aho imirimo yakorewe, ibyari byarahinduwe byose bitewe n'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko	if present. <u>Article 117:</u> Types of official acceptance of works The tender document and procurement contract for works provide for an official partial provisional acceptance, a provisional acceptance and a final acceptance of the entire works. An Order of the Minister determines modalities and time limit for works acceptance. <u>Article 118:</u> Cleaning the site After partial provisional acceptance of works or provisional acceptance of works, the successful bidder removes temporary installations and all the materials that are no longer necessary for the execution of the tender, in complying with the laws and regulations on environment protection. At the final acceptance of works, the successful bidder removes further all rubbish and tidy up the site, notably by restoring into their original position any things that had been dislocated due to the execution of the tender.	de passation de marché et l'attributaire s'il est présent. <u>Article 117 :</u> Types de réceptions officielles des travaux Le dossier d'appel d'offres et le contrat de marché des travaux prévoient une réception provisoire partielle officielle, une réception provisoire et une réception définitive de tous les travaux. Un arrêté du Ministre détermine les modalités et le délai de réception des travaux. <u>Article 118 :</u> Nettoyage du chantier Après la réception provisoire partielle des travaux ou la réception provisoire des travaux, l'attributaire du marché procède à l'enlèvement des installations temporaires ainsi que des matériaux qui ne sont plus nécessaires à l'exécution du marché, en respectant les lois et règlements sur la protection de l'environnement. À la réception définitive des travaux, l'attributaire du marché enlève en outre tous les encombrements et remet les lieux en état, notamment en faisant disparaître toute modification que les besoins d'exécution du
---	--	---

bigasubizwa uko byari bimeze. <u>Ingingo ya 119: Inyandiko isobanura isozwa ry'imirimo</u> Mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90) uhereye ku munsu kwakira burundu imirimo byabereyeho, uwatsindiye isoko akorera urwego rutanga isoko inyandiko igaragaza inshingano za buri ruhande hagamijwe kurangiza ishyingira mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ry'imirimo. Inyandiko isobanura isozwa ry'imirimo ishyingiraho umukono n'ukurikirana imirimo igashyikirizwa urwego rutanga isoko. <u>Ingingo ya 120: Kwishingira ibyakozwe mu gihe cy'imyaka icumi</u> Uwatsindiye isoko agira inshingano ku burambe bw'imirimo yakoze imbere y'urwego rutanga isoko. Uhereye ku munsu kwakira burundu byabereye, uwatsindiye isoko n'uwakoze inyigo, bakomeza kugira inshingano ku makosa yaba yarakozwe mu nyigo cyangwa mu kuyishyira mu bikorwa mu gihe cy'imyaka icumi (10).	<u>Article 119: Final statement of works</u> Within ninety (90) days from the date of the final acceptance of works, the successful bidder presents to the procuring entity, a statement of each party's obligations with a view to completing the execution of procurement contract for works. The final statement of works is signed by the supervising official and submitted to the procuring entity. <u>Article 120: Ten-year accountability</u> The successful bidder is accountable before the procuring entity for the durability of all works he or she carried out. From the date of the final acceptance of works, the successful bidder, jointly with the study consultant or the company which carried out the study of works are held accountable for any mistakes that were made in the study or execution of the works for a period of ten (10) years.	marché ont apportée sur le site. <u>Article 119: Décompte final des travaux</u> Dans les quatre-vingt-dix (90) jours suivant la réception définitive des travaux, l'attributaire du marché soumet à l'entité de passation de marché un décompte final des obligations de chacune des parties en vue de marquer la fin de l'exécution du contrat de marché des travaux. Le décompte final des travaux est signé par le fonctionnaire dirigeant et soumis à l'entité de passation de marché. <u>Article 120: Responsabilité décennale</u> L'attributaire du marché est responsable devant l'entité de passation de marché de la solidité des travaux qu'il a exécutés. Dès la réception définitive des travaux, l'attributaire du marché, conjointement avec le consultant de l'étude ou une société qui a fait l'étude des travaux sont responsables de toute erreur commise dans l'étude ou dans l'exécution des travaux pour une période de dix (10) ans.
---	--	---

Iteka rya Minisitiri rigena imirimo irebwa n'ubwishingire bw'ibyakozwe mu gihe cy'imyaka icumi (10). <u>Icyiciro cya 3:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa <u>Ingingo ya 121:</u> Igihe cyo kugemura Igihe cyo kugemura giteganywa mu masezerano y'isoko. <u>Ingingo ya 122:</u> Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ryo kugemura Ku masoko manini yo kugemura, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gisaba ko uwatsindiye isoko atanga gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko mbere y'uko atangira kuyashyira mu bikorwa. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganywa igihe uwatsindiye isoko atangamo iyo gahunda n'igihe urwego rutanga isoko ruhabwa ngo rugire icyo ruyivugaho.	An Order of the Minister determines the works concerned by the ten-year accountability period. <u>Section 3:</u> Execution of the procurement contract for goods or supplies <u>Article 121:</u> Delivery period The delivery period is determined by the procurement contract. <u>Article 122:</u> Planning for the execution of the procurement contract for supplies For large tenders of supplies, the tender document requires the successful bidder to submit, prior to the execution of the procurement contract, a planning for the execution of the procurement contract. The tender document provides for the period within which the successful bidder submits such planning and the period within which the procuring entity gives its opinion thereon.	Un arrêté du Ministre détermine des travaux qui sont concernés par la responsabilité décennale. <u>Section 3 :</u> Exécution du contrat de marché de biens ou de fournitures <u>Article 121 :</u> Délai de livraison Le délai de livraison est prévu au contrat de marché. <u>Article 122:</u> Plan d'exécution du contrat de marché de fournitures Pour des marchés complexes de fourniture, le dossier d'appel d'offres requiert à l'attributaire du marché de soumettre, avant l'exécution du contrat de marché, un plan d'exécution du contrat de marché. Le dossier d'appel d'offres prévoit la période pendant laquelle l'attributaire du marché soumet le plan et la période pendant laquelle l'entité de passation de marché s'y prononce.
--	---	--

<u>Ingingo ya 123: Gusubika amasezerano y'isoko ryo kugemura n'igihe bimara</u> Urwego rutanga isoko rushobora gutegeka, igihe cyose kandi hakoreshejwe inyandiko, uwatsindiye isoko gusubika amasezerano y'isoko. Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gusubika amasezerano y'isoko ryo kugemura. Rigena kandi amafaranga y'inyongera aturuka kuri iryo subika ry'amasezerano y'isoko. <u>Ingingo ya 124: Inyandiko iherekeza ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa</u> Uwatsindiye isoko ategura, kuri buri gemura, inyandiko iherekeza ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa igashyikirizwa urwego rutanga isoko igihe cyo kugemura kugira ngo yifashishwe mu kugenzura niba ibyagemuwe bihuye n'ibyasabwe mu masezerano y'isoko. Inyandiko iherekeza ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa igaragaza imiterere, ingano, ubwoko, umubare, uburemere bw'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa na numero z'ikinyabiziga cyakoreshejwe mu igemura.	<u>Article 123: Suspension of the procurement contract for supplies and its duration</u> The procuring entity may, at any time, in writing, order the successful bidder to suspend the procurement contract. An Order of the Minister determines modalities for the suspension of procurement contract for supplies. It also determines additional costs caused by the suspension of the procurement contract. <u>Article 124: Delivery note for goods or supplies</u> The successful bidder prepares, for each delivery, a delivery note for goods or supplies which is submitted to the procuring entity upon delivery in order to help check conformity of delivered items with those specified in the procurement contract. The delivery note for goods or supplies describes the supplies indicating their specifications, quantities, type, number, weight of goods or supplies as well as the identification number of the mode of transport used in the delivery.	<u>Article 123: Suspension du contrat de marché de fournitures et sa durée</u> L'entité de passation de marché peut ordonner, à tout moment, par écrit, à l'attributaire du marché de suspendre le contrat de marché. Un arrêté du Ministre détermine les modalités de suspension du contrat de marché de fournitures. Il détermine également le coût additionnel résultant de la suspension du contrat de marché. <u>Article 124 : Bordereau de livraison de biens ou de fournitures</u> L'attributaire du marché dresse, pour chaque livraison, un bordereau de livraison de biens ou de fournitures soumis à l'entité de passation de marché le jour même de la remise des biens ou fournitures en vue de vérifier la conformité des articles livrés avec ceux requis dans le contrat de marché. Le bordereau de livraison de biens ou de fournitures indique les spécifications, la quantité, le type, le nombre, le poids des biens ou des fournitures ainsi que le numéro d'immatriculation du moyen de transport utilisé pour la livraison.
--	---	--

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo kwakira ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorwa, harimo aho byakirirwa, uko byakirwa by'agateganyo cyangwa uko byakirwa burundu.	An order of the Minister determines modalities for the acceptance of goods or supplies, including the place of their acceptance and procedures for their provisional or final acceptance.	Un arrêté du Ministre détermine les modalités de réception des biens ou des fournitures, y compris le lieu de leur réception et les procédures de leur réception provisoire ou définitive.
<u>Ingingo ya 125</u> Kugenzura ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa	<u>Article 125:</u> Verification of goods or supplies	<u>Article 125:</u> Vérification des biens ou des fournitures
Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gisobanura uburyo kugenzura ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorwa haba mu ruganda aho bikorerwa cyangwa igihe cyo kubigemura. Urwego rutanga isoko rushyiraho itsinda rishinzwe kugenzura, kwemeza no kwakira ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa. Uwatsindiye isoko akomeza kugira inshingano ku byo agemuye kugeza igihe raporo yo kubyakira ishyiriweho umukono n'urwego rutanga isoko.	The tender document defines modalities for the verification of goods or supplies either at the place where they are manufactured or during the time of delivery. The procuring entity establishes a team responsible for verifying, approving and receiving goods or supplies. The successful bidder continues to be responsible for the supplies he or she delivered until supplies reception report is signed by the procuring entity.	Le dossier d'appel d'offres prescrit les modalités de vérification des biens ou des fournitures soit au lieu de fabrication soit pendant la livraison. L'entité de passation de marché met en place une équipe chargée de vérifier, d'approuver et de réceptionner les biens ou fournitures. L'attributaire du marché reste responsable de ses fournitures délivrées jusqu' à la signature d'un rapport de réception des fournitures par l'entité de passation de marché.
<u>Ingingo ya 126:</u> Kwanga kwakira ibyagemuwe	<u>Article 126:</u> Rejection of delivered items	<u>Article 126:</u> Rejet des articles livrés
Iyo igenzura ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa rigaragaje ibidahuye n'ibisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, urwego rutanga isoko ntirubyakira kandi rugena igihe ntarengwa uwatsindiye isoko agomba kuba yabisubiranye rukabimumenyesha mu nyandiko.	If the verification of goods or supplies shows that they do not conform to the provisions of the tender document, the procuring entity rejects them and fixes a deadline for the successful bidder to retake them and inform him or her by a written notice.	Lorsque la vérification des biens ou fournitures révèle la non-conformité aux stipulations du dossier d'appel d'offres, l'entité de passation de marché doit refuser de les recevoir et fixer une date limite pour leur enlèvement en le signifiant à l'attributaire du marché par écrit.

Icyo gihe kingana nibura n'iminsi makumyabiri (20) ibarwa uhereye igihe uwatsindiye isoko yamenyesherejweho ko ibigemurwa byanzwe. Iyo igihe ntarengwa kirangiye uwatsindiye isoko atarubahiriza ibyo yasabwe, urwego rutanga isoko rwemerewe gukora ibyo rwasanga bikwiye, harimo no guteza cyamunara ibyo bicuruzwa.	Such a period must be at least twenty (20) days from the date the successful bidder was informed of the rejection of delivered items. If the deadline expires before the successful bidder does what he or she was required to do, the procuring entity is allowed to take all measures deemed necessary, including selling the goods by public auction.	Ce délai doit être d'au moins vingt (20) jours, prenant cours à partir de la date à laquelle l'attributaire a reçu la notification du rejet des articles livrés. Si le délai expire avant que l'attributaire du marché ne n'ait fait ce qu'il est tenu de faire, l'entité de passation de marché est autorisée à prendre toute mesure qu'elle juge appropriée, y compris la vente aux enchères publiques des biens.
Iyo ibyo bicuruzwa cyangwa ibigemurwa bitejwe cyamunara, amafaranga avuyemo yishyura ikiguzi cy'imirimo yakozwe mu igurishwa ryabyo n'imyenda uwatsindiye isoko yafashe mu kurishyira mu bikorwa.	If the goods or supplies are sold by public auction, the proceeds of the sale are used to cover all the expenses related to the public auction and any debt incurred by the successful bidder in the execution of the tender.	Lorsque les biens ou fournitures sont vendus aux enchères publiques, le produit de la vente sert à apurer tous les frais engagés dans l'opération de vente aux enchères publiques et toute créance sur l'attributaire du marché encourue dans l'exécution du marché.
Iyo hagize amafaranga asaguka, urwego rutanga isoko ruyashyira kuri konti y'uwasindiye isoko, iyo konti itabonetse urwego rutanga isoko ruyabikira uwatsindiye isoko mu gihe kitarenze imyaka itanu (5). Iyo icyo gihe kirenze, ayo mafaranga aba umutungo wa Leta.	In case there is a balance, the procuring entity deposits it on the successful bidder's account. If the procuring entity fails to obtain the successful bidder's account, it keeps the balance on its account within five (5) years. If that period expires, the money becomes the property of the public treasury.	En cas de solde créditeur, ce solde est transféré au compte de l'attributaire du marché par l'entité de passation de marché, en cas d'impossibilité d'accéder à ce compte, ce solde est tenu à sa disposition par l'entité de passation de marchés endéans cinq (5) ans. Passé ce délai, la somme devient la propriété de l'État.
Iyo amafaranga avuye muri cyamunara adahagije, ibisigaye biryozwa uwatsindiye isoko.	If the money from the public auction is not sufficient the balance is borne by the successful bidder.	L'attributaire du marché reste tenu du solde débiteur au cas où le produit de la vente aux enchères publiques n'est pas suffisant.

<u>Ingingo ya 127:</u> Inshingano z’uwatsindiye isoko nyuma y’igemura Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganywa inshingano z’uwatsindiye isoko nyuma y’igemura, zishyirwa mu masezerano y’isoko. <u>Ingingo ya 128:</u> Inyandiko isobanura isozwa ry’amasezerano y’isoko ry’ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe raporo yo kwakira burundu ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa yasinyiweho, uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko umushinga w’inyandiko isobanura isozwa ry’amasezerano y’isoko ry’ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa yemejwe n’umukozi ushinze kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano y’isoko. <u>Icyiciro cya 4:</u> Gushyira mu bikorwa isoko rya serivisi z’impuguke <u>Ingingo ya 129:</u> Imyitwarire y’uwatsindiye isoko rya serivisi z’impuguke Uwatsindiye isoko rya serivisi z’impuguke igihe cyose aba umujyanama nyawe	<u>Article 127:</u> After sale service by the successful bidder If the tender document provides for after sale services by the successful bidder, such services are included in the procurement contract. <u>Article 128:</u> Final statement of the execution of a procurement contract for goods or supplies Within thirty (30) days from the signing of the report for the final reception of goods or supplies, the successful bidder submits to the procuring entity a proposal of the final statement of the procurement contract for goods or supplies duly approved by the supervising official. <u>Section 4:</u> Execution of tender for consultancy services <u>Article 129:</u> Code of conduct for the successful bidder for consultancy services The successful bidder for consultancy services, at all times, is a reliable adviser to the	<u>Article 127 :</u> Service après-vente par l’attributaire du marché Lorsque le dossier d’appel d’offres le prévoit un service après-vente assuré par l’attributaire du marché, ce service est inclus dans le contrat de marché. <u>Article 128:</u> Décompte final de l’exécution du contrat de marché de biens ou de fournitures Dans un délai de trente (30) jours à compter de la signature du rapport de réception définitive des biens ou fournitures, l’attributaire du marché soumet à l’entité de passation de marché, un projet de décompte final du contrat de marché de biens ou de fournitures approuvé par le fonctionnaire dirigeant. <u>Section 4 :</u> Exécution du marché de services de consultance <u>Article 129:</u> Éthique de l’attributaire du marché de services de consultance L’attributaire du marché de services de consultance, à tout moment, agit comme un
--	--	---

w'urwego rutanga isoko hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko cyangwa imyitwarire igenga umwuga we kandi agomba kugira ibanga ry'akazi. Ibanga ry'akazi rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntiribangamira igenzura ry'itangwa ry'isoko cyangwa iperereza ku cyaha cyaba cyakozwe. Iteka rya Minisitiri rigena imyitwarire y'uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke mu buryo burambuye. Rigena kandi uburyo isoko rya serivisi z'impuguke rishyirwa mu bikorwa, rikanagena inshingano n'uburyozwe by'uwatsindiye isoko. <u>Ingingo ya 130: Raporo cyangwa inyandiko zigomba gukorwa</u> Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena raporo n'inyandiko zitandukanye zikorwa n'igihe zikorwa, hakurikijwe ubwoko bwa serivisi irebwa n'amasezerano y'isoko. Urwego rutanga isoko rugira icyo ruvuga kuri raporo cyangwa inyandiko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhaye ku munsu zakiriweho, keretse iyo igitabo	procuring entity in accordance with the laws or with professional ethics and is bound by professional secrecy. The professional secrecy referred to under Paragraph One of this Article cannot obstruct an audit of the procurement contract awarding process, or an investigation of a suspected offence. An Order of the Minister determines the code of conduct for successful bidder for consultancy services in detail. It also determines modalities for the execution of tender for consultancy services as well as obligations and liabilities of the successful bidder. <u>Article 130: Reports or documents to be produced</u> The tender document determines the different reports and documents that are produced as well as the period they are produced, depending on the type of service being the subject of the procurement contract. The procuring entity is required to react to reports or documents within fifteen (15) days from the date of their reception unless the tender document provides for a shorter period.	conseiller fiable de l'entité de passation de marché conformément aux lois ou à la déontologie professionnelle et est tenu au secret professionnel. Le secret professionnel visé à l'alinéa premier du présent article ne peut pas faire obstruction à une vérification du processus de passation de marché ou une enquête sur une infraction présumée. Un arrêté du Ministre détermine l'éthique de l'attributaire du marché de services de consultance en détail. Il détermine également les modalités de la mise en œuvre du marché de services de consultance ainsi que les obligations et les responsabilités de l'attributaire du marché. <u>Article 130: Rapports ou documents à produire</u> Le dossier d'appel d'offres détermine les différents rapports et documents à produire ainsi que le délai dans lequel ils sont produits, suivant le type de service qui fait l'objet du contrat de marché. L'entité de passation de marché réagit aux rapports ou documents dans un délai de quinze (15) jours à compter de leur réception. Lorsque l'entité de passation de marché ne réagit pas dans
--	---	---

cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gitanga igihe gito kuri icyo. Iyo urwego rutanga isoko rutagize icyo rukora mu gihe cyagenwe, bifatwa nk'aho rwemeye raporo cyangwa inyandiko zarugejejweho. Icyo gihe, uwatsindiye isoko ashobora gukomeza intambwe ikurikira y'akazi ke. Iyo raporo cyangwa inyandiko, cyangwa kimwe mu bice byazo bitakiriwe, urwego rutanga isoko ruha uwatsindiye isoko igihe cyo kuba yarangije gukosora no gutanga raporo cyangwa inyandiko bishya kugira ngo byemezwe. <u>Ingingo ya 131:</u> Inyandiko isobanura isozwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko rya serivisi z'impuguke Mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uherye ku munsu raporo y'iyemerwa rya burundu rya serivisi z'impuguke ishyiriweho umukono, uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko umushinga w'inyandiko isobanura isozwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko wemejwe n'umukozi ushinze kugenzura uko amasezerano y'isoko ashyirwa mu bikorwa.	If the procuring entity does not react within the specified period, the reports or documents are considered approved. In that case, the successful bidder may proceed with the next step of his or her work. If the report or document or part of them is not accepted, the procuring entity gives the successful bidder a period to finish making the corrections and to submit the new report or document for approval. <u>Article 131:</u> Final statement of the execution of the procurement contract for consultancy services Within thirty (30) days from the date of signing the report for the final approval of consultancy services, the successful bidder submits to the procuring entity, a proposal of the final statement of the execution of the procurement contract duly approved by the supervising official.	ce délai, ces rapports et documents sont considérés approuvés. Dans ce cas, l'attributaire du marché peut passer à la phase suivante de son travail. Lorsque le rapport ou le document, ou l'une de ses parties n'est pas acceptée, l'entité de passation de marché accorde à l'attributaire du marché un délai pour terminer les corrections et soumettre le nouveau rapport ou document pour approbation. <u>Article 131:</u> Décompte final de l'exécution du contrat de marché de services de consultance Dans un délai de trente (30) jours à compter du jour de signature du rapport d'approbation des services de consultance, l'attributaire du marché soumet à l'entité de passation de marché, un projet de décompte final de l'exécution du contrat de marché dûment approuvé par le fonctionnaire dirigeant.
---	---	---

<u>Icyiciro cya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko igihe habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa</u> <u>Ingingo ya 132: Isonerwa ku buryozwe</u> Iyo uruhande mu zashyize umukono ku masezerano y'isoko rwabujijwe kuyubahiriza n'impamvu itunguranye kandi ntarengwa, harimo imyigaragambyo, intambara zeruye n'iziteruye, ikomanyirizwa, imyivumbagatanyo, kwivumbura kw'abaturage, indwara z'ibyorezo, inkangu, imitingito y'isi, ibihe by'ishuheri, inkuba, imyuzure, intambara zishingiye ku isubiranamo ry'abaturage, iturika ry'ibisasu n'ikindi kintu kimeze nka byo bitunguranye, bidatwe n'ubushake bw'impande zombi kandi zikaba zitabyikuramo n'ubwo zakora uko zishoboye kose, nta ruhande na rumwe mu zashyize umukono ku masezerano y'isoko rufatwa nk'aho rutujuje cyangwa rwabangamiye ibyo rwiyeje kubahiriza mu masezerano y'isoko. Icyakora, buri ruhande rushobora kwitwaza ibikubiye muri iyi ngingo gusa iyo impamvu itunguranye kandi ntarengwa ibaye mu gihe cyateganyirijwe ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko cyangwa mu gihe cy'inyongera cy'amasezerano y'isoko.	<u>Section 5: Procurement contract execution in case of force majeure</u> <u>Article 132: Exemption from liability</u> If a party to the procurement contract failed to respect its provisions due to a situation of force majeure, including demonstrations, lock-out, declared and undeclared wars, embargo, riots, uprisings, epidemics, landslides, earthquakes, hurricanes, thunder, floods, civil wars, explosions and any other similar phenomenon that is unforeseeable and beyond the contracting parties' control, and irresistible in spite of their due diligence, none of the contracting parties is considered to have contravened the provisions of the procurement contract. However, either party may refer to the provisions of this Article only if the force majeure occurs during the period planned for the execution of the procurement contract or during the period of extension of the procurement contract.	<u>Section 5: Exécution du contrat de marché en cas de force majeure</u> <u>Article 132: Exonération de responsabilité</u> Lorsque l'une des parties contractantes a manqué à ses obligations suite à une situation de force majeure, y compris les manifestations, les <i>lock-out</i>, les guerres déclarées et non déclarées, l'embargo, les émeutes, les insurrections, les épidémies, les glissements de terrain, les tremblements de terre, les vents violents, la foudre, les inondations, les guerres civiles, les explosions et tout autre événement similaire imprévisible indépendant de la volonté des parties et qu'elles ne peuvent surmonter en dépit de leur diligence, aucune des parties au contrat de marché n'est considérée comme ayant manqué à ses obligations contractuelles ou comme les ayant violées. Toutefois, l'une des parties ne peut se prévaloir des dispositions du présent article que lorsque la force majeure est survenue durant le délai prévu pour l'exécution du contrat de marché ou durant sa prolongation.
---	--	---

<u>Ingingo ya 133:</u> Igihombo, kononekara cyangwa kwangirika bitewe n'impamvu itunguranye kandi ntarengwa Iyo hagize ibintu birebwa n'amasezerano y'isoko bibura, byononekara cyangwa byangirika bitewe n'impamvu itunguranye kandi ntarengwa, urwego rutanga isoko rwishyura inyemezabuguzi kuri ibyo byabuze cyangwa ibyangiritse iyo impamvu itunguranye kandi ntarengwa yabaye: 1° nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo cyangwa rya burundu igihe yakirwa ry'agateganyo ritateganyijwe; 2° nyuma y'isuzumabikorwa ryemejwe na raporo y'ubifitiye ububasha.	<u>Article 133:</u> Loss, damage or destruction due to force majeure If there is loss, damage or destruction of property covered by the procurement contract due to force majeure, the procuring entity pays the invoices for the lost, damaged or destroyed property if the force majeure occurred: 1° after the provisional acceptance or final acceptance in the event that the provisional acceptance is not provided for; 2° after the evaluation of the achievements approved by a report from an authorised person.	<u>Article 133:</u> Perte, dommage ou destruction résultant de la force majeure Lorsqu'il y a perte, dommage ou destruction des biens faisant l'objet du contrat de marché à cause de la force majeure, l'entité de passation de marché paie les factures se rapportant aux biens perdus, endommagés ou détruits lorsque la force majeure s'est produite : 1° après la réception provisoire ou définitive au cas où la réception provisoire n'est pas prévue ; 2° après l'évaluation des réalisations approuvée par un rapport d'une personne habilitée.
<u>Ingingo ya 134:</u> Imenyesha ry'impamvu itunguranye kandi ntarengwa Iyo rumwe mu mpande zagiranye amasezerano y'isoko rusanga hari impamvu itunguranye kandi ntarengwa ishobora kugira ingaruka ku kubahiriza inshingano rwiyejeje, urwo ruhande rubimenyesha urundi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) ibarwa uherye ku munsu iyo mpamvu itunguranye kandi ntarengwa igaragariyeho,	<u>Article 134:</u> Communication of force majeure If one of the contracting parties believes that there is force majeure likely to result into negative effects in the execution of any obligations of the procurement contract, it informs the other party within a period of five (5) days from the date of the occurrence of the force majeure or from the day it becomes possible for it to do so; explaining the case of	<u>Article 134:</u> Communication sur le cas de force majeure Lorsque l'une des parties contractantes estime qu'un cas de force majeure survenu est susceptible d'affecter l'exécution de ses obligations, elle en avise l'autre partie dans un délai de cinq (5) jours à compter du jour de la survenance de la force majeure ou du jour où elle en a la possibilité ; en précisant la nature, la durée probable et les effets envisagés de ce cas

rugasobanura neza imiterere y'iyi mpamvu, igihe ishobora kumara n'ingaruka zabyo. Iyo mpamvu itunguranye kandi ntarengwa irebana n'isoko ry'imirimu, byandikwa mu gitabo cyandikwamo buri muni uko imirimu yagenze. <u>Ingingo ya 135: Gukomeza ibikorwa mu gihe cy'impamvu itunguranye kandi ntarengwa</u> Uwatsindiye isoko akomeza kuzuzanya inshingano ze zerekanye amasezerano y'isoko iyo impamvu itunguranye kandi ntarengwa itamubuza kuzuzanya, keretse igihe urwego rutanga isoko rutanze amabwiriza abigena ukundi mu nyandiko. Iyo kuzuzanya inshingano zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo bisaba amafaranga y'inyongera, ayo mafaranga yishyurwa n'urwego rutanga isoko impande zombi zimaze kubyumvikana. <u>Ingingo ya 136: Kongera igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko cyangwa guseza amasezerano y'isoko</u> Iyo habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa, urwego rutanga isoko rushobora kongera igihe cy'ishyirwa mu bikorwa	force majeure, its possible duration and its impact. If such force majeure concerns the tender for works, it is recorded in the daily site logbook. <u>Article 135: Continuation of activities in case of force majeure</u> The successful bidder continues to respect the obligations of the procurement contract if the force majeure so permits, unless otherwise provided by the procuring entity through written instructions. If respecting the obligations referred to in Paragraph One of this Article requires additional funds, such funds are paid by the procuring entity upon mutual agreement of both parties. <u>Article 136: Extension of the period of procurement contract execution or cancellation of the procurement contract</u> If there is force majeure, the procuring entity may extend the period for the execution of the procurement contract after consultation with	de force majeure. Lorsque ce cas de force majeure concerne le marché de travaux, il est relaté dans le journal de chantier. <u>Article 135: Continuation des activités en cas de force majeure</u> L'attributaire du marché continue à exécuter ses obligations au titre du contrat de marché dans la mesure où le cas de force majeure le permet, sauf instruction contraire donnée par écrit par l'entité de passation de marché. Lorsque l'exécution des obligations spécifiées à l'alinéa premier du présent article requiert des frais supplémentaires, ces frais sont supportés par l'entité de passation de marché après un commun accord entre les deux parties. <u>Article 136: Prolongation du délai d'exécution du contrat de marché ou résiliation du contrat de marché</u> Lorsqu'il y a la force majeure, l'entité de passation de marché peut prolonger le délai d'exécution du contrat de marché après
--	---	---

ry'amasezerano y'isoko rumaze kubijyaho inama n'uwatsindiye isoko. Iyo impamvu itunguranye kandi ntarengwa imaze igihe cy'amezi atandatu (6), amasezerano y'isoko ahita aseswa ku munsu ukurikira irangira ry'amezi atandatu (6), keretse impande zombi zibyumvikanye ukundi. <u>Ingingo ya 137: icyemezo gifashwe n'ubuyobozi</u> Iyo itegeko, iteka, amabwiriza cyangwa icyemezo bishyizweho n'urwego rubifitiye ububasha bihindura ibyateganyijwe mu masezerano y'isoko, urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko bumvikana ku byemezo bikwiriye gufatwa hagamijwe: 1° guhindura ingingo z'amasezerano y'isoko kugira ngo ibikorwa bijyana na ryo bikomeze gukorwa; 2° kugena indishyi yababwa uruhande rubangamiwe n'iryo hinduka; 3° gusesa amasezerano y'isoko. Iyo izo mpande zagiranye amasezerano	the successful bidder. If the force majeure persists for a period of six (6) months, the procurement contract is automatically cancelled on the day following the expiry of the six-months (6) period, unless both parties agree otherwise. <u>Article 137: Act of Government</u> If a law, an order, regulations, instructions or a decision issued by the competent authority change the provisions of the procurement contract, the procuring entity and the successful bidder agree on the decisions to be taken with a view to: 1° modifying the provisions of the procurement contract so that the related activities continue; 2° determining the compensation that may be granted to the party prejudiced by such a change; 3° cancelling the procurement contract. If the contracting parties do not agree,	consultation avec l'attributaire du marché. Lorsque le cas de force majeure persiste pendant six (6) mois, le contrat de marché est résilié d'office au lendemain de l'expiration des six (6) mois, à moins que les parties n'en conviennent autrement. <u>Article 137: Fait du prince</u> Lorsqu'une loi, un arrêté, un règlement, une instruction ou une décision émanant de l'autorité compétente entraînent la modification des dispositions du contrat de marché, l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché s'entendent sur les mesures à prendre dans le but de : 1° modifier les termes du contrat de marché afin que les activités y relatives se poursuivent; 2° déterminer une compensation pouvant être accordée à la partie lésée par une telle modification; 3° résilier le contrat de marché. En cas de désaccord des parties contractantes, la
--	--	---

y'isoko zitumvikanye, hitabazwa uburyo bwo gukemura impaka buteganywa n'amasezerano y'isoko. <u>Ingingo ya 138:</u> Impamvu z'irangira ry'amasezerano y'isoko Amasezerano y'isoko ashobora kurangira kubera imwe mu mpamvu zikurikira: 1° urupfu rw'uwatsindiye isoko cyangwa iseswa ry'ikigo gifite ubuzimagatozi; 2° asheshwe; 3° arangiye neza; 4° arangiye kubera impamvu itunguranye kandi ntarengwa. Urwego rutanga isoko rushobora kurangiza amasezerano y'isoko bitewe n'impamvu yaje nyuma yo kuyashyiraho umukono, rugasanga kuyubahiriza bidashoboka. Muri icyo gihe, urwego rutanga isoko ruriha uwatsindiye isoko igihombo yatewe no gushyira umukono kuri ayo masezerano y'isoko.	procedures for dispute resolution provided by the procurement contract apply. <u>Article 138:</u> Reasons for the termination of the procurement contract A procurement contract may be terminated by one of the following reasons: 1° the death of the successful bidder or dissolution of an entity with legal personality; 2° cancellation; 3° completion of the procurement contract execution; 4° termination due to force majeure. The procuring entity may terminate a procurement contract if it is not in a position to perform the obligations thereof, as a result of circumstances which have occurred after the signing of the said procurement contract. In such a case, the procuring entity is liable to the successful bidder for damages incurred as a result of the signing of the procurement contract.	procédure de règlement des litiges prévue par le contrat de marché est d'application. <u>Article 138:</u> Motifs de fin du contrat de marché Un contrat de marché peut prendre fin par l'un des motifs suivants : 1° décès de l'attributaire du marché ou dissolution d'une entité dotée de personnalité juridique; 2° résiliation ; 3° exécution complète du contrat de marché ; 4° résiliation due à la force majeure. L'entité de passation de marché peut résilier le contrat de marché si, par suite de circonstances survenues après la signature de ce contrat de marché, elle n'est pas en mesure d'exécuter les obligations de celui-ci. Dans un tel cas, l'entité de passation de marché est responsable envers l'attributaire du marché des dommages résultant de la signature du contrat de marché.
---	---	---

<u>Ingingo ya 139: Urupfu rw’uwatsindiye isoko</u> Iyo uwatsindiye isoko apfuye, isoko riseswa nta mpaka. Icyakora, urwego rutanga isoko rusuzuma ubusabe rujejejeheho n’abazungura be cyangwa abandibabifitiye uburenganzira iyo barugejejeheho ubusabe bwo gukomeza ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano y’isoko mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) uhereye ku munsu uwatsindiye isoko yapfiriyeheho. Icyemezo cy’urwego rutanga isoko kimenyeshwa abo bireba mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsu rwaboneyeho ubusabe bwabo. <u>Icyiciro cya 6: Kwishyura</u> <u>Ingingo ya 140: Igihe avansi itangirwa</u> Isoko ry’imirimo, iry’ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, irya serivisi z’impuguke n’izitari iz’impuguke ntirishobora kwishyurwa mbere yo gushyirwa mu bikorwa no kwakirwa n’urwego rutanga isoko cyangwa umuntu ufite ububasha bwo kuruhagararira.	<u>Article 139: Successful bidder’s death</u> If the successful bidder dies, the tender is automatically terminated. However, the procuring entity considers any request to continue the execution of the procurement contract by the heirs of the deceased person or any other rightful persons, within fifteen (15) days from the date of the death of the successful bidder. The procuring entity’s decision is communicated to those who are concerned within thirty (30) days from the date of receipt of their request. <u>Section 6: Payment</u> <u>Article 140: Time for effecting advance payment</u> A tender for works, for goods or supplies, or for consultancy or non-consultancy services cannot be paid for before it is executed or delivered and accepted by the procuring entity or its duly authorised representative.	<u>Article 139: Décès de l’attributaire du marché</u> Lorsque l’attributaire du marché est décédé, le marché est résilié d’office. Toutefois, l’entité de passation de marché examine toute proposition des héritiers ou des ayants droit si ceux-ci ont exprimé, dans les quinze (15) jours suivant le jour de décès de l’attributaire du marché, leur intention de continuer l’exécution du contrat de marché. La décision de l’entité de passation de marché est notifiée aux intéressés dans les trente (30) jours suivant la réception de leur requête. <u>Section 6: Paiement</u> <u>Article 140: Délai de paiement d’une avance</u> Le marché de travaux, de biens ou fournitures, de services de consultance ou de non consultance ne peut pas donner lieu au paiement avant l’exécution et la réception par l’entité de passation de marché ou son représentant habilité.
---	--	--

Icyakora, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya avansi ku isoko. Iyo avansi ntishobora kwishyurwa mbere yo kwemeza gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimu no gushyira umukono ku masezerano y'isoko. Iteka rya Minisitiri rigena ubwoko bw'amasoko ashobora kwishyurwaho avansi mbere yo gushyirwa mu bikorwa no kwakirwa n'urwego rutanga isoko. Rigena kandi igihe isoko rishobora kwishyurwa ryose mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko. <u>Ingingo ya 141: Ingano ya avansi yo gutangira isoko n'ingwate yayo</u> Avansi yo gutangira isoko ntirenga makumyabiri ku ijana (20%) by'igiciro cyose cy'isoko kandi yishyurwa ari uko uwatsindiye isoko abanje guha urwego rutanga isoko ingwate ya avansi yo gutangira isoko ingana n'amafaranga asabirwa avansi. Iyo ngwate igomba gutangwa n'ikigo cy'imari kibifitiye uburenganzira. Iyo avansi igomba kongerwa ikarenga makumyabiri ku ijana (20%), urwego rutanga isoko rusaba uburenganzira urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.	However, the tender document may provide for an advance payment. Such an advance cannot be paid before the approval of the planning for the execution of works and the signature of the procurement contract. An Order of the Minister determines the types of tenders eligible to advance payments before the execution and acceptance by the procuring entity. It also determines circumstances under which the entire value of the tender is paid off before the execution of the contract. <u>Article 141: Amount of advance payment and its security</u> The advance payment does not exceed twenty percent (20 %) of the entire price of the tender and is paid if the successful bidder gives to the procuring entity an advance payment security equivalent to the advance itself. The security must be provided by an authorised financial institution. Where there is a need to raise the amount of advance above twenty per cent (20%), the procuring entity requires prior authorisation from the public organ in charge of public procurement.	Toutefois, le dossier d'appel d'offres peut prévoir le paiement d'une avance. Cette avance ne peut être payée avant l'approbation du plan d'exécution des travaux et la signature du contrat de marché. Un arrêté du Ministre détermine les types de marchés éligibles aux paiements d'une avance avant l'exécution et la réception par l'entité de passation de marché. Il détermine également les circonstances dans lesquelles la valeur totale du marché est payée avant l'exécution du contrat. <u>Article 141: Montant de l'avance de démarrage et sa garantie</u> L'avance de démarrage ne dépasse pas vingt pour cent (20 %) du prix du marché et ne peut être payée que lorsque l'attributaire du marché produit à l'entité de passation de marché une garantie de l'avance de démarrage équivalente. Cette garantie doit être émise par une institution financière autorisée. En cas de besoin d'augmenter l'avance de démarrage au-dessus de vingt pour cent (20 %), l'entité de passation de marché demande une autorisation préalable auprès de l'organe public chargé des marchés publics.
---	---	--

<u>Ingingo ya 142: Iyishyurwa rya avansi yo gutangira isoko n’uko isubizwa</u> Avansi yahawe uwatsindiye isoko isubizwa hakoreshejwe ikatwa ry’umubare w’amafaranga ku nyemezabuguzi zatanzwe kandi zemejwe. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya ijanisha ry’amafaranga azagenda akatwa kugeza igihe avansi yose yishyuriwe. Ingwate ya avansi isubizwa uwatsindiye isoko mu minsi mironko itatu (30) uhereye ku muni avansi yose yatanzwe yishyuriwe.	<u>Article 142: Refund of the advance payment and return of its security</u> The advance received by the successful bidder is refunded by deducting a certain amount from submitted and approved invoices. The tender document determines the percentage to be deducted until the whole amount of the advance is refunded. The advance security is returned to the successful bidder within thirty (30) days starting from the day of payment of the entire advance received.	<u>Article 142 : Remboursement de l’avance de démarrage et restitution de sa garantie</u> L’avance payée à l’attributaire du marché est remboursée par retenue sur les factures dûment présentées et approuvées. Le dossier d’appel d’offres fixe le pourcentage de ces retenues jusqu’au remboursement de l’intégralité de l’avance. La garantie de l’avance est remise à l’attributaire du marché dans les trente (30) jours à compter de la date de remboursement intégral de l’avance.
<u>Ingingo ya 143: Kwishyura mu byiciro</u> Iyo ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano y’isoko ritangiye, kwishyura mu byiciro ibikorwa byarangiye na byo biratangira. icyakora, kwishyura mu byiciro bishobora gukorwa cyangwa ntibikorwe ku masoko agomba kurangira mu gihe kiri muni y’amezi atatu (3). Umubare w’amafaranga yishyurwa mu byiciro kimwe nturenga agaciro k’ibikorwa byarangiye nyuma y’ikatwa ry’igice cya avansi. Mu gihe hatanzwe avansi ku masoko ya	<u>Article 143: Payment in instalments</u> If the procurement contract execution commences, payment in instalments for the executed activities are also effected. However, payment in instalments may or may not be made for tenders which are to be completed within a period of less than three (3) months. The amount paid in one instalment does not exceed the value of the executed activities after deducting the part of the advance. In case of advance payment for consultancy	<u>Article 143 : Paiement par tranches</u> Lorsque l’exécution du contrat de marché commence, le paiement par tranches aussi commence. Toutefois, le paiement par tranches peut être effectué ou non pour les marchés qui doivent être exécutés dans un délai inférieur à trois (3) mois. Le montant d’une seule tranche ne dépasse pas la valeur des prestations exécutées après avoir retenu le montant prévu pour l’avance. En cas de versement d’avance de démarrage sur

serivisi z'impuguke, raporo igaragaza uko isoko rya serivisi z'impuguke rizakorwa ntishyirwa mu byiciro byo kwishyura. Ingingo rusange z'amasezerano y'isoko ziteganywa kuri buri bwoko bw'isoko, imiterere y'ibikorwa bizishyurwa mu byiciro n'umubare w'ibyiciro. <u>Ingingo ya 144:</u> Kwishyura inyemezabuguzi Kwishyura bikorwa iyo uwatsindiye isoko atanze inyemezabuguzi yemewe yerekana umubare w'amafaranga yishyura. Inyemezabuguzi yemezwa kandi igashyirwaho umukono n'umukozi ushinzwe kugenzura uko amasezerano y'isoko ashirwa mu bikorwa. Kwishyura inyemezabuguzi yose igomba kwishyurwa ntibigomba kurenga iminsi mirongo ine n'itanu (45) uherye ku munsu uwatsindiye isoko yayitangiyeho iherekejwe n'izindi nyandiko zose zisabwa. Iteka rya Minisitiri rigena ibindi bisabwa mu kwishyura inyemezabuguzi.	services, the inception report is not included in deliverables payable in instalments. The general conditions of the procurement contract determine for each type of tender, the type of activities to be paid in instalments and the number of such instalments. <u>Article 144:</u> Payment of invoices Payment is made if the successful bidder presents an official invoice indicating the amount of money due for payment. The invoice is approved and signed by the supervising official. The payment of any invoice to be paid must not exceed forty-five (45) days from the day the successful bidder submits it together with all required supporting documents. An Order of the Minister determines additional rules applicable in the payment of invoices.	les services de consultance, le rapport initial ne fait l'objet des prestations à payer en tranches. Les dispositions générales du contrat de marché fixent pour chaque catégorie de marché, les types de prestations à payer par tranches et le nombre de tranches. <u>Article 144:</u> Paiement de factures Le paiement est effectué lorsque l'attributaire du marché présente une facture officielle justifiant le paiement demandé. La facture est approuvée et signée par le fonctionnaire dirigeant. Le paiement de toute facture devant être payée ne peut dépasser quarante-cinq (45) jours à compter du jour de son dépôt par l'attributaire du marché, accompagnée de toutes autres pièces justificatives exigées. Un arrêté du Ministre détermine les règles additionnelles applicables au paiement de factures.
---	---	---

UMUTWE WA IV: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI <u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa ahanishwa guhezwa mu masoko ya Leta cyangwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'uburyo bw'imihanire <u>Akicro ka mbere:</u> Amakosa ahanishwa guhezwa mu masoko ya Leta cyangwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi <u>Ingingo ya 145:</u> Gushyira mu bikorwa isoko uko bidateganyijwe cyangwa kudashyira mu bikorwa amasezerano y'isoko Uwatsindiye isoko ushyira mu bikorwa isoko uko bidateganyijwe, utubahiriza ibipimo by'ubuziranenge byumvikanyweho cyangwa udashyira mu bikorwa inshingano z'amasezerano y'isoko ku mpamvu zidaturutse ku rwego rutanga isoko abakoze ikosa. Ahanishwa guhezwa mu masoko ya Leta mu gihe cy'umwaka umwe (1) n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na gatanu ku ijana (5%) by'igicro cy'isoko giteganywa mu masezerano kandi amasezerano y'iryo soko agaseswa. Icyakora, iyo uwatsindiye isoko uvugwa mu	CHAPTER IV: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS <u>Section One:</u> Faults punishable by debarment from participation in public procurement or administrative fine and modalities for imposing sanctions <u>Subsection One:</u> Faults punishable by debarment from participation in public procurement or administrative fine <u>Article 145:</u> Poor execution or non-execution of a procurement contract A successful bidder who poorly executes, does not comply with defined quality standards or does not execute a procurement contract for reasons that are not connected to the procuring entity commits a fault. He or she is liable to debarment from participation in public procurement for a period of one (1) year and an administrative fine of five per cent (5%) of the value of the procurement contract, and the procurement contract is terminated. However, if the successful bidder referred to in	CHAPITRE IV : FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES <u>Section première:</u> Fautes punissables par l'exclusion de participation aux marchés publics ou amende administrative et modalités d'application des sanctions <u>Sous-section première :</u> Fautes punissables par l'exclusion de participation aux marchés publics ou par l'amende administrative <u>Article 145 :</u> Mauvaise exécution ou non-exécution du contrat de marché Un attributaire d'un marché qui fait la mauvaise exécution, ne respecte pas les normes de qualité définies ou l'inexécution du contrat de marché pour des raisons indépendantes de l'entité de passation de marché commet une faute. Il est passible d'exclusion de la participation aux marchés publics pour une période d'un (1) an et d'une amende administrative de cinq pourcent (5%) de la valeur du contrat de marché, et le contrat de cc marché est résilié. Toutefois, si l'attributaire du marché visé à
---	--	--

gika cya mbere cy'iyi ngingo, yahanishijwe igihano cyo gukatwa gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko kubera ubukererwe, ahanishwa gusa igihano cyo guhezwa mu masoko ya Leta mu gihe cy'umwaka umwe (1). Igihe cyose uwatsindiye isoko atarishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsiniyemerewe guhabwa irindi soko rya Leta. <u>Ingingo ya 146: Gutanga amakuru atari yo, gukoresha uburiganya mu gushaka amasezerano y'isoko, guteza Leta igihombo no kugambana</u> Upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko ukora kimwe mu bikorwa bikurikira: 1° kugaragaza ibintu uko bitari cyangwa gutanga amakuru atari yo arebana n'ikigo gifite ubuzimagatozi, inyandiko zayo cyangwa ubushobozi bwayo mu ipiganwa ry'isoko; 2° gukoresha ibikorwa byo kugambana, ibyo guhishira, iby'uburiganya cyangwa ibikorwa bya ruswa hagamijwe gushaka amasezerano y'isoko;	Paragraph One of this Article has been subject to a deduction of five per cent (5%) of the value of the procurement contract due to delay in contract execution, he or she is only liable to debarment from public procurement for a period of one year. A successful bidder is not entitled to a new public procurement contract as long as he or she has an administrative fine unpaid. <u>Article 146: Provision of false information, use of fraudulent means to obtain a procurement contract, causing a loss to the State and collusion</u> A bidder or a successful bidder who commits any of the following acts: 1° making misrepresentation of facts or providing false information regarding the entity with legal personality, its documents or its capacity in tendering process; 2° using collusive, obstructive, fraudulent or corrupt practices to obtain a procurement contract;	l'alinéa premier du présent article, a été l'objet de déduction de cinq pour cent (5%) de la valeur du contrat de marché suite à un retard dans l'exécution du contrat, il n'est sanctionné que de la sanction d'exclusion de participation aux marchés publics pendant une période d'un an. Un attributaire du marché n'a pas droit à un nouveau contrat de marché public aussi longtemps qu'il a encore une amende administrative impayée. <u>Article 146 : Fournir de fausses informations, recours aux moyens frauduleux pour obtenir un contrat de marché, causer une perte pour l'État, et connivence</u> Un soumissionnaire ou un attributaire du marché qui pose l'un des actes suivants : 1° faire une représentation inexacte des faits ou fournir des informations fausses concernant l'entité dotée de personnalité juridique, ses documents ou sa capacité dans la procédure d'appel d'offres ; 2° faire recours aux pratiques collusoires, obstructives, frauduleuses ou pratiques de corruption en vue d'obtention d'un contrat de marché ;
--	---	---

3° gukora amakosa ku isuzumwa ry'inyigo yatuma mu gihe cyo gushyira mu bikorwa isoko cyangwa nyuma y'ishyirwa mu bikorwa ryaryo biteza Leta igihombo; 4° guteza igihombo Leta mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko ry'imirimo, mu ikurikirana ry'ishyirwa mu bikorwa ryayo, mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa no mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke; 5° kugambana n'abandi bapiganwa hagamijwe kuburizamo ipiganwa hagati yabo; 6° kugambana n'abakozi ba Leta mu gutegura isoko cyangwa ibitabo bigaragaza uburyo ipiganwa rikorwa; aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na gatanu ku ijana (5%) by'igiciro yatanze mu nyandiko ye y'ipiganwa, kandi amasezerano y'iryo soko agaseswa.	3° making errors in the study review, during tender implementation and after the execution considered to cause loss to the State; 4° causing loss to the State during the execution of procurement contract for works, supervision of the execution of the related contract, during execution of procurement contract for goods or supplies, consultancy services and non-consultancy services; 5° making collusion with other bidders with the intention to interfere with the fair competition of bidders; 6° making collusion with public servants concerning the preparation of a tender or tender documents; commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of five percent (5%) of his or her bidding price, and the procurement contract is terminated.	3° commettre des erreurs dans la révision d'une étude du marché qui, lors de son exécution ou après la fin de l'exécution, peuvent entraîner une perte pour l'État ; 4° causer une perte à l'État lors de l'exécution d'un contrat de marché de travaux, supervision de l'exécution du contrat y afférent, lors de l'exécution d'un contrat de marché de biens ou fournitures, de services de consultance ou de non-consultance ; 5° entrer en connivence avec d'autres soumissionnaires en vue de faire obstacle à la concurrence entre les soumissionnaires ; 6° entrer en connivence avec des agents de l'État dans la préparation du marché ou dans l'élaboration des dossiers d'appel d'offres ; commet une faute. Il est passible d'une amende administrative de cinq pourcent (5%) du prix indiqué dans sa soumission, et le contrat de ce marché est résilié.
--	---	--

Igihe cyose upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko atarishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ntiyemerewe guhabwa irindi soko rya Leta. <u>Ingingo ya 147: Isubirakosa</u> Iyo upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko yongeye gukora amakosa avugwa mu ngingo ya 145 n'ya 146 z'iri tegeko, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'igihe cy'ihazwa bivugwa muri izo ngingo byikuba kabiri (2). <u>Ingingo ya 148: Gukoresha amasezerano y'isoko atari yo, kugira uruhare mu masoko ya Leta warahajwe cyangwa akagambane mu gufasha uwahejwe</u> Ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira: 1° gushyira umukono ku masezerano y'isoko rishya kandi upiganwa akiri mu gihe cy'ihazwa; 2° gukoresha amasezerano y'isoko atari yo hakakwa inguzanyo muri banki; 3° kongera gukora ikosa k'uwahanishijwe igihano giteganywa mu ngingo ya 146 y'iri tegeko;	A bidder or a successful bidder is not entitled to a new public procurement contract as long as he or she has an unsettled administrative fine. <u>Article 147: Recidivism</u> In case a bidder or a successful bidder commits a recidivism in respect to the faults referred to in Articles 145 and 146 of this Law, the administrative fine and debarment period provided for in the same Articles are doubled. <u>Article 148: Using false procurement contract, participating in public procurement during debarment period or collusion in helping a debarred person</u> A person who commits any of the following acts: 1° entering into a new procurement contract while he or she is debarred; 2° using false procurement contract to apply for a bank loan; 3° recidivism in respect to the fault sanctioned with the sanction prescribed in Article 146 of this law;	Un soumissionnaire ou un attributaire du marché n'a pas droit à un nouveau contrat de marché public aussi longtemps qu'il a encore une amende administrative impayée. <u>Article 147 : Récidive</u> Lorsque le soumissionnaire ou l'attributaire du marché commet en récidive les fautes visées aux articles 145 et 146 de la présente loi, l'amende administrative et la période d'exclusion prévues à ces mêmes articles sont portées au double. <u>Article 148: Utilisation d'un faux contrat de marché, participation aux marchés publics pendant la période l'exclusion ou connivence visant à aider une personne sous exclusion</u> Une personne qui pose l'un des actes suivants : 1° signer un nouveau contrat de marché alors qu'il est exclu de la participation aux marchés publics ; 2° utiliser un faux contrat de marché pour obtenir un crédit bancaire ; 3° récidive de la part de la personne sanctionnée pour une sanction prévue à l'article 146 de la présente loi ;
--	---	---

4° gukoresha uburiganya bugamije kuburizamo igihano cyafatiwe ikigo gifite ubuzimagatozi cyahejwe kugira ngo gikomeze gupiganira amasoko ya Leta muri icyo gihe cy'ihzwa, harimo: a) guhindura amazina y'isosiye mu gihe cy'ihzwa kandi igakomeza gupiganira amasoko ya Leta; b) kugaragara mu buryo buziguye cyangwa butaziguye mu gupiganira amasoko ya Leta mu gihe cy'ihzwa; c) gushyiraho ikigo gifite ubuzimagatozi gishya bikozwe na nyir'ikigo cyahejwe mu masoko ya Leta agakomeza gupiganira amasoko ya Leta; d) kugaragara mu gihe cy'ihzwa mu buyobozi bw'ikigo gifite ubuzimagatozi gupiganira amasoko ya Leta;	4° using fraudulent means to evade sanctions imposed to an entity with legal personality in order to continue participate in public procurement in the debarment period, including: a) to change the names of the company in the debarment period and continue to participate in public procurement; b) to participate directly or indirectly in the public procurement during the debarment period; c) to establish a new company by the owner of a debarred company and continue to participate in public procurement; d) to appear, in the debarment period in the management of an entity with legal personality participating in public procurement;	4° utiliser des moyens frauduleux pour faire échec à la sanction d'exclusion prise à l'encontre d'une entité dotée de personnalité juridique en vue de continuer à participer aux marchés publics pendant la période d'exclusion, y compris : a) changer les noms de la société pendant la période d'exclusion et continuer à participer aux marchés publics ; b) apparaître d'une manière directe ou indirecte dans la participation aux marchés publics pendant la période d'exclusion ; c) créer une nouvelle société par le propriétaire de la société exclue et continuer à participer aux marchés publics ; ou d) apparaître, dans la période d'exclusion, dans l'administration d'une entité dotée de personnalité juridique en compétition pour les marchés publics ;
---	--	--

5° ikigo gifite ubuzimagatozi gishya cyangwa gisanzweho gifasha ikigo gifite ubuzimagatozi cyahejwe mu gukomeza gupiganira amasoko ya Leta; aba akoze ikosa. Ahezwa burundu mu masoko ya Leta. <u>Ingingo ya 149:</u> Uhejwe arimo gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko Uwatsindiye isoko rya Leta uhejwe mu masoko ya Leta mu gihe arimo gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko, akomeza kuyashyira mu bikorwa kugeza arangiye. Iyo habaye impinduka ku gihe cyangwa ku bindi birebwa n'amasezerano y'isoko y'uwahejwe, urwego rutanga isoko rubisabira uburenganzira urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano. Icyakora, amasezerano asasiye y'uwahejwe ntashobora kongerwa. <u>Akicro ka 2:</u> Uburyo bw'imihaniye y'amakosa ahanishwa guhezwa mu masoko ya Leta	5° an entity with legal personality, either new or existing one that helps a debarred company to continue competing in public procurement. commits a fault. He or she is definitively debarred from participation in public procurement. <u>Article 149:</u> A debarred person during the execution of the procurement contract The successful bidder who is debarred from participation in the public procurement while he or she is executing a procurement contract, continues to execute it until the end. If there is a modification on the time and conditions of the procurement contract with a debarred person, the procuring entity requests an authorisation of the State organ in charge of public procurement. However, a framework contract with a debarred person cannot be renewed. <u>Subsection 2:</u> Procedure for imposing sanctions against faults punishable by debarment from participation in public procurement	5° une entité dotée de personnalité juridique, qu'elle soit nouvelle ou préexistante qui facilite une société exclue à continuer à participer aux marchés publics. commet une faute. Elle est définitivement exclue de la participation aux marchés publics. <u>Article 149:</u> Personne exclue lors de l'exécution du contrat L'attributaire du marché qui est exclu de la participation aux marchés publics alors qu'il exécute un contrat de marché, continue à l'exécuter jusqu'à la fin. En cas de modification des délais et des conditions du contrat de marché avec une personne exclue, l'entité de passation de marché demande une autorisation à l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions. Toutefois, un accord-cadre avec une personne exclue ne peut être renouvelé. <u>Sous-section 2 :</u> Procédure d'application des sanctions contre les fautes punissables d'exclusion de la participation aux marchés publics
---	---	--

<u>Ingingo ya 150: Abahanwa</u>	<u>Article 150: Persons subject to sanctions</u>	<u>Article 150: Personnes sujettes aux sanctions</u>
Iyo upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko akoze ikosa mu masoko ya Leta, aba bakurikira bahabwa ibihano: 1° uwapiganwe cyangwa uwatsindiye isoko mu izina ryapiganwe; 2° umunyamigabane cyangwa umufatanyabikorwa w'ikigo gifite ubuzimagatozi cyapiganwe wivanze mu micungire yacyo; 3° umuyobozi mukuru w'ikigo gifite ubuzimagatozi; 4° umuyobozi nshingwabikorwa w'ikigo gifite ubuzimagatozi; 5° ibigo bifite ubuzimagatozi byishyize hamwe mu gupiganira isoko. Icyakora, abavugwa mu gace ka 2°, aka 3° n'aka 4° tw'iyi ngingo bahanishwa igihano cyo guhezwa igihe cy'umwaka umwe (1) iyo ikosa rikozwe ku nshuro ya mbere. Iyo habaye isubirakosa bahabwa igihano cyo	Where a bidder or a successful bidder commits a fault in the public procurement process, the following individuals are subject to sanctions: 1° the bidder or the successful bidder in the name of the bid; 2° a shareholder or a partner of a bidding entity with legal personality who interferes with its management; 3° the managing director of an entity with legal personality; 4° the executive director of an entity with legal personality; 5° joint venture entities with legal personality for bidding purposes. However, persons referred to under items 2°, 3° and 4° of this Article are liable to debarment from participating in public procurement for one year where the fault is committed for the first time. In case of recidivism, they are liable	Lorsqu'un soumissionnaire ou attributaire du marché commet une faute dans le processus de marchés publics, les personnes suivantes sont sanctionnées : 1° le soumissionnaire ou l'attributaire de marché sous le nom de la soumission ; 2° un actionnaire ou partenaire d'une entité dotée de personnalité juridique qui s'est ingéré dans la gestion de cette entité; 3° le directeur général d'une entité dotée de la personnalité juridique; 4° le directeur exécutif d'une entité dotée de la personnalité juridique; 5° groupement des entités dotées de la personnalité juridique lors de soumission au marché. Toutefois, les personnes visées aux points 2°, 3° et 4° du présent article sont passibles d'une interdiction de participer aux marchés publics pendant un an, lorsque la faute est commise pour la première fois. En cas de récidive, elles sont

guhezwa imyaka ibiri (2), ikosa ryakorwa ku nshuro ya gatatu (3) bagahezwa burundu mu masoko ya Leta. Iyo kimwe mu bigo bifite ubuzimagatozi byishyize hamwe kigaragayeho ikosa rituma gihanwa, buri kigo kigize ibigo bifite ubuzimagatozi byishyize hamwe gihanwa kimwe n'icyakoze ikosa. Uwapiganwe cyangwa uwatsindiye isoko, ntiyakwitwaza ko ikosa ryakozwe n'umukozi cyangwa uwo ari we wese yakoresheje, kugira ngo adahabwa igihano, igihe cyose bakora mu izina no mu nyungu z'uwapiganwe cyangwa uwatsindiye isoko. <u>Ingingo ya 151: Uburyo bwo guhana</u> Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rumenyeshya mu nyandiko upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko: 1° impamvu zose z'ibyo akurikiranyweho; 2° umunsi, itariki, isaha n'aho kwiregura bizabera.	to debarment for two (2) years, while for the third commission of the fault, they are definitively debarred from participating in public procurement. If one of the joint venture entities with legal personality is found responsible for a fault resulting in sanction, every entity with legal personality is jointly punished with the defaulting entity. The bidder cannot cite the fact that a fault was committed by the staff or any other person employed by him or her to avoid sanctions, as long as the concerned employee acted on behalf and for the benefit of the bidder or the successful bidder. <u>Article 151: Procedure for imposing sanction</u> The State organ in charge of public procurement gives a written notice to the bidder or the successful bidder of: 1° all the charges against him or her; 2° the day, date, hour and place where the hearing will take place.	passibles d'une exclusion de deux (2) ans, et si la même faute se produit pour la troisième fois, elles sont définitivement exclues des marchés publics. Lorsque l'une des entités dotées de personnalité juridique en groupement est reconnue responsable d'une faute entraînant une sanction, chaque entité dotée de personnalité juridique est punie solidairement avec l'entité défaillante. Le soumissionnaire ne peut pas se prévaloir du fait que la faute a été commise par l'employé ou par toute autre personne qui était à son service en vue d'éviter des sanctions, aussi longtemps que cette personne agissait pour le compte et dans l'intérêt du soumissionnaire ou de l'attributaire du marché. <u>Article 151: Procédures d'application des sanctions</u> L'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions notifie par écrit le soumissionnaire ou l'attributaire du marché : 1° des faits qui lui sont reprochés ; 2° du jour, de la date, de l'heure et du lieu d'audition.
---	---	---

Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rumenyeshya upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko rukoresheje urubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta cyangwa aderesi y'ikoranabuhanga yatanze mu nyandiko ye y'ipiganwa. Upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko ubarizwa mu Rwanda ahamagazwa bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku munsu yamenyesherejweho ibyo akurikiranyweho, naho upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko ubarizwa mu mahanga agahamagazwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye ku munsu yamenyesherejweho. Iyo icyo gihe kirenze uwahamagawe ataritaba, urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rufata icyemezo. Iyo upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko uhamagawe mu gihe giteganywa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo amenyeshereje ko atazaboneka kubera impamvu yumvikana, yongererwa: 1° iminsi irindwi (7) uherye ku munsu yagombaga kwitabiraho iyo abarizwa mu Rwanda; 2° iminsi cumi n'ine (14) uherye ku munsu yagombaga kwitabiraho iyo abarizwa mu mahanga.	The State organ in charge of public procurement notifies the bidder or the successful bidder through the e-procurement system or through the electronic address he or she provided in his or her bid. The national bidder or the successful bidder is summoned within fifteen (15) days from the day he or she was notified of charges against him or her, while the foreign bidder or the successful bidder is summoned within thirty (30) days from the day of notification. Once this period has elapsed and the bidder has not appeared, the State organ in charge of public procurement takes a decision. If a bidder or a successful bidder summoned within the period provided for in Paragraph 3 of this Article notifies his or her non-appearance due to valid reasons, the bidder is granted an extension of : 1° seven (7) days from the day of appearance if he or she resides in Rwanda; 2° fourteen (14) days from the day of appearance if he or she resides abroad.	L'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions notifie le soumissionnaire ou l'attributaire du marché à travers le système de passation électronique de marchés ou à l'adresse électronique fournie pendant la soumission. Le soumissionnaire ou l'attributaire du marché national est convoqué dans un délai de quinze (15) jours à compter du jour auquel il est notifié des faits qui lui sont reprochés, tandis que le soumissionnaire ou l'attributaire du marché étranger est convoqué dans un délai de trente (30) jours à compter du jour de notification. Passé ce délai sans que le soumissionnaire se présente, l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions prend une décision. Si le soumissionnaire ou l'attributaire du marché convoqué dans le délai prévu à l'alinéa 3 du présent article communique sa non-comparution pour des motifs valables, il lui est accordé une prolongation de : 1° sept (7) jours à compter du jour de comparution, lorsqu'il réside au Rwanda ; 2° quatorze (14) jours à compter du jour de comparution, lorsqu'il réside à l'étranger.
---	---	---

Guhera ku munsu amenyesherejweho ibyo akurikiranyweho, upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko bireba abujijwe guhindura izina, ubuyobozi n'ibijyanye n'imigabane. Upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko mu izina ryapiganwe, umuyobozi mukuru, umuyobozi nshingwabikorwa, abanyamigabane cyangwa abafatanyabikorwa bafite aho bahuriye n'ubuyobozi bukuru bw'ikigo gifite ubuzimagatozi gipiganira isoko mu gihe cy'ikorwa ry'ikosa, banyuranyije n'ibiteganywa n'igika cya 5 cy'iyi ngingo, bahanwa hashingiwe ku izina rishya n'irya kera hakurikijwe igihano giteganywa kuri iryo kosa. <u>Ingingo ya 152: Uburyo bwo kwisobanura</u> Mu gihe cyo kwisobanura, upiganwa cyangwa uwatsindiye isoko wahamagajwe afite uburenganzira bwo guhagararirwa cyangwa kunganirwa mu by'amategeko, kandi kwisobanura kwe gukorerwa inyandikomvugo ishyirwaho umukono. Mu gihe uwahamagajwe adahagarariwe cyangwa ngo yunganirwe, inyandikomvugo y'ibazwa ishyirwaho umukono na nyir'ubwite n'uwamubajije.	Upon notification of charges, the concerned bidder or successful bidder is prohibited from changing its name, management and shareholding. In case of violation of the provision of Paragraph 5 of this Article, the bidder or successful bidder, the managing director, the executive director and shareholders or partners involved in the management of the bidding entity with legal personality at the time when the fault was committed are sanctioned under the new and former names in accordance with the sanction provided for the committed fault. <u>Article 152: Hearing modalities</u> During the hearing, the bidder or successful bidder has the right to be represented or to be assisted by a lawyer and this hearing is recorded in a signed affidavit. When the person interviewed is not represented or assisted, the report is signed by the person interviewed and by the investigator.	Dès notification des faits lui reprochés et de la date d'audience, il est interdit au soumissionnaire ou l'attributaire du marché concerné de changer de nom, de direction et d'actionnariat. En cas de violation des dispositions de l'alinéa 5 du présent article, le soumissionnaire ou l'attributaire du marché, le directeur général, le directeur exécutif et les actionnaires ou partenaires impliqués dans la gestion de la société soumissionnaire au moment où la faute a été commise sont sanctionnés sous le nouvel et l'ancien noms conformément à la sanction prévue pour la faute commise. <u>Article 152 : Modalités de l'audition</u> Lors de l'audition, le soumissionnaire ou l'attributaire du marché a le droit de se faire représenter ou d'être assisté par un avocat et l'audition est consignée dans un procès-verbal signé. Lorsque la personne auditionnée n'est pas représentée ou assistée, le procès-verbal est signé par la personne auditionnée et par l'enquêteur.
--	--	---

Mu gihe uwahamagajwe ahagarariwe, inyandikomvugo y'ibazwa ishyirwaho umukono n'uwamubajije n'uwamuhagarariye. Iyo uwahamagajwe yunganiwe n'umwunganizi mu by'amategeko, inyandikomvugo y'ibazwa ishyirwaho umukono na we ubwe, n'umwunganizi mu by'amategeko, n'uwamubajije. Inyandikomvugo n'ibimenyetso bibikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubutari ubw'ikoranabuhanga. <u>Ingingo ya 153: Ifatwa ry'icyemezo</u> Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) uherye ku muni ibazwa ryabereyeho. Icyo cyemezo kigira agaciro guhera ku muni gitangarijweho kugeza gisheshwe n'urukiko rubifitiye ububasha cyangwa igihe igihano cyatanzwe cyarangije gushyirwa mu bikorwa. Icyakora, icyemezo cyo guhezwa mu masoko ya Leta gishobora kubanzirizwa no guhagarikwa by'agateganyo ku burenganzira bwo gupiganira amasoko ya Leta kubera impamvu z'iperereza kandi mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90)	When the interviewed person is represented by a lawyer, the report is signed by the lawyer and by the investigator. If the interviewee is assisted, the report is signed by the interviewee, his lawyer and the investigator. The statement and the proofs are kept electronically or non-electronically. <u>Article 153: Decision-making</u> The State organ in charge of public procurement takes a decision within forty-five (45) days from the date of bidder's explanation. Such a decision takes effect from its issuance to its annulment by a competent court or after the sanction imposed has been served. However, the decision to be debarred from participation in public procurement may be preceded by a suspension of the right to participate in public procurement for investigation reasons and within a period not exceeding ninety (90) days with possibility to	Lorsque la personne auditionnée est représentée par un avocat, le procès-verbal est signé par l'avocat et par l'enquêteur. Lorsque la personne auditionnée est assistée, le procès-verbal est signé par la personne auditionnée, son avocat et l'enquêteur. Le procès-verbal et les preuves sont conservés d'une manière électronique ou non-électronique. <u>Article 153 : Prise de décision</u> L'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions prend une décision dans un délai de quarante-cinq jours (45) à compter du jour de l'audition. Cette décision prend effet à partir de la date de sa publication jusqu'à son annulation par une juridiction compétente ou après l'exécution de la sanction imposée. Toutefois, la décision d'exclure un soumissionnaire de participer aux marchés publics peut être précédée par une suspension des droits de participer aux marchés publics pour des raisons d'enquête et pour une période ne dépassant pas quatre-vingt-dix (90) jours avec
--	--	--

ishobora kongerwa inshuro imwe (1). Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rukora kandi urutonde rw'abahejwe mu masoko ya Leta, rukarutangaza ku rubuga rw'ikoranabuhanga rukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta no ku rubuga rw'ikoranabuhanga rw'urwo rwego. <u>Ingingo ya 154: Gutakamba</u> Uwahanwe utishimiye icyemezo cyafashwe n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano atakambira urwo rwego mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye ku muni yamenyesherejweho icyo cyemezo kiriho umukono w'abagifashe, mbere yo kuregera urukiko rubifitiye ububasha. Urwego rwatakambiwe rufata icyemezo ku gutakamba mu gihe kitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) uherye ku muni rwakiriyeho itakamba. <u>Ingingo ya 155: Kuregera urukiko</u> Uwahanwe ashobora kuregera urukiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye ku muni yamenyesherejweho icyemezo ku itakamba rye.	renew it once. The State organ in charge of public procurement also establishes a list of bidders debarred from public procurement and publishes it through e-procurement portal and on its website. <u>Article 154: Appeal for reconsideration</u> The sanctioned person who is not pleased with the decision made the public organ in charge of public procurement, appeals for reconsideration to the same organ within a period not exceeding seven (7) days from the day of notification of the decision signed by signatories, before bringing the case before a competent court. The organ to which the appeal is referred takes a decision on the appeal for reconsideration within a period not exceeding forty-five (45) days from the date of reception of appeal. <u>Article 155: File a case in a court</u> A sanctioned person may file a case with a court within a period not exceeding thirty (30) days from the day he was informed of the decision of his appeal.	possibilité de renouvellement une seule fois. L'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions dresse également une liste de soumissionnaires exclus des marchés publics et publie cette liste sur le site web de passation de marchés et sur le site web de cet organe. <u>Article 154: Recours gracieux</u> La personne sanctionnée qui n'est pas satisfaite de la décision de l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions, fait un recours gracieux à cet organe dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter du jour de notification de cette décision signée par les personnes qui l'ont prise, avant d'intenter une action devant une juridiction compétente. L'organe saisi du recours gracieux prend une décision sur ce recours gracieux dans un délai ne dépassant pas quarante-cinq (45) jours à partir de la date de réception de recours. <u>Article 155 : Saisir la juridiction</u> La personne sanctionnée peut saisir la juridiction dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de notification de la décision ayant entraîné son recours.
--	---	--

<u>Icyiciro cya 2: Amakosa ahanishwa amande y'ubukererwe</u> <u>Ingingo ya 156: Gutinda kurangiza isoko</u> Uwatsindiye isoko utinda kurangiza isoko aba akoze ikosa, kandi ahanishwa gukatwa rimwe ku gihumbi (1‰) by'agaciro kose k'amasezerano y'isoko, kuri buri muni w'ubukererwe ku gihe cyateganyirijwe gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko, uretse igihe bitewe n'impamvu ziteganywa n'iri tegeko. Icyakora, igihano kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntigishobora kurenza gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko. Iyo birenze gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko, amasezerano y'isoko ashobora guseswa. Ku masezerano asasiye, ikigero cy'iryo janisha ry'igihano gishingira ku gaciro kari mu nyandiko isaba kugemura cyangwa igaragaza serivisi igomba gutangwa. Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa iyo igihano kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirenze gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko ntaseswe.	<u>Section 2: Faults subject to a fine for delay</u> <u>Article 156: Delay in procurement contract execution</u> The successful bidder who delays in procurement contract execution commits a fault and incurs a penalty equivalent to one thousandth (1‰) of the total value of the procurement contract for each day of delay in the period planned for the execution of the procurement contract, unless it results from reasons provided for by this Law. However, such penalty does not exceed five percent (5%) of the value of the procurement contract. If the penalty reaches five percent (5%) of the total value of the procurement contract, the procurement contract may be terminated. For framework contracts, the percentage is calculated on the basis of the purchase order or terms of reference. A ministerial order determines modalities applicable when sanctions referred to under Paragraph One of this Article exceed five per cent (5%) of the total value of the terminated procurement contract.	<u>Section 2 : Fautes sanctionnées d'une amende liée au retard</u> <u>Article 156 : Retard dans l'exécution du contrat de marché</u> L'attributaire du marché qui tarde à achever l'exécution du contrat de marché commet une faute et encourt une pénalité d'un millième (1‰) de la valeur totale du marché, pour chaque jour de retard au délai d'exécution du contrat de marché, sauf dans les cas prévus par la présente loi. Toutefois, cette pénalité ne dépasse pas cinq pourcent (5%) de la valeur du contrat de marché. Lorsque la pénalité atteint cinq pourcent (5%) de la valeur totale du contrat de marché, le contrat de marché peut être résilié. Pour les accords-cadres, ce pourcentage est calculé sur base du bon de commande ou termes de référence. Un arrêté ministériel détermine les modalités applicables lorsque les sanctions visées à l'alinéa premier du présent article dépassent cinq pour cent (5 %) de la valeur totale du contrat de marché résilié.
---	--	--

<u>Ingingo ya 157:</u> Gutinda gukosora ibyakozwe nabi Iyo bigaragaye ko imirimo yakozwe nabi ku buryo hari ibikosheje cyangwa ibidahuje n'uko igikorwa cyangwa ibintu byagombaga kuba biteye, nk'uko igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganya, uwatsindiye isoko akosora icyo gikorwa cyangwa agasimbura ibyo yakoze cyangwa yagemuye bidahuje n'ibyo yasabwe gukora cyangwa gutanga mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku munsu yabisabiweho, iyo atabikoze ategukwa kwishyura amafaranga y'ubukererwe abarwa kuri buri munsu w'ubukererwe. Ku minsi irindwi (7) ya mbere, uwatsindiye isoko ategukwa kwishyura kimwe cy'igihumbi (1%) cy'agaciro k'igikorwa cyangwa ikintu kinengwa ko kidahuje n'ibisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Iyo icyo gihe kirangiye, ayo mafaranga uwatsindiye isoko ategukwa gutanga yongerwaho kimwe cy'igihumbi (1%) kuri buri munsu w'ubukererwe kugeza ubwo hakosowe cyangwa hasimbuwe ibyanenzwe ko bidahuje n'ibyasabwaga gukorwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.	<u>Article 157:</u> Delaying in correcting failures If it is found out that procurement contract works were poorly executed such that some of them are defective or are not in conformity with the requirements of the tender document, the successful bidder corrects such mistakes or replaces the supplies he or she delivered that did not conform to what was required within a period not exceeding fifteen (15) days from the date of reception of the request, or otherwise incurs delay penalties for each day of delay. For the first seven (7) days of delay, the successful bidder incurs a penalty of one thousandth (1‰) of the value of the item that has been reported to be defective or does not conform to the requirement of the tender document. If that period expires, the successful bidder in addition incurs one thousandth (1‰) of the value of the item for each day of delay up to the time when he or she corrects or replaces the defective item in accordance with the requirements of the tender document.	<u>Article 157:</u> Retard dans la correction des défauts En cas de constat de mauvaise exécution des travaux consistant en malfaçon ou non-conformité qualitative du produit aux stipulations du dossier d'appel d'offres, l'attributaire du marché est sommé de corriger ces défauts ou de remplacer le produit non conforme dans un délai de quinze (15) jours à partir du jour de réception de sommation, faute de quoi, une pénalité lui sera appliquée par chaque jour de retard. Pour les sept (7) premiers jours, la pénalité applicable à l'attributaire du marché est d'un millième (1‰) de la valeur du produit dont la conformité est remise en cause et est contraire aux stipulations du dossier d'appel d'offres. À l'expiration de ce délai, cette pénalité est majorée d'un millième (1‰) pour chaque jour de retard jusqu'à ce que la correction ou le remplacement requis soit effectué conformément aux stipulations du dossier d'appel d'offres.
---	--	--

Amafaranga akatwa nk'ibihano by'ubukererwe cyangwa kudakora neza imirimo akurwa ku mubare w'amafaranga y'inyemezabuguzi zigomba kwishyurwa cyangwa ku ngwate yo kurangiza isoko neza. <u>Ingingo ya 158:</u> Gusesa amasezerano y'isoko bishingiye ku kudakora neza imirimo cyangwa ku bukererwe Iyo igihano cyo kudakora neza imirimo cyangwa icy'ubukererwe, cyangwa byombi biteranyije bigeze ku mubare w'ingwate yatanze kugira ngo isoko rikorwe neza, isoko riseswa nta mpaka, uwatsindiye isoko akaba ariwe ubarwaho ikosa. <u>Ingingo ya 159:</u> Kwishyura amafaranga yo gutegura no gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko mashya Iyo amasezerano y'isoko asheshwe biturutse ku kutuzura inshingano k'uwatsindiye isoko, ni we wishyura amafaranga y'inyongera yo gukora imirimo itarakozwe n'ayo gukora amasezerano y'isoko mashya abarirwa ku buryo bw'imbumbe kuri rimwe ku ijana (1%) y'umubare w'igiciro cy'amasezerano y'isoko mashya. Ayo mafaranga yose akurwa ku nyemezabuguzi zitarishyurwa cyangwa akishyuzwa hakoreshejwe izindi nzira.	Money deducted as penalties for delaying to execute activities or for poorly executed activities is deducted from the amount of the approved invoices due or from the performance security. <u>Article 158:</u> Termination of contract due to poor performance or delay in execution If the value of the penalties for delaying in executing the contract or for poorly executed activities or both, exceeds the value of the performance security, the contract is automatically terminated and the successful bidder is held responsible. <u>Article 159:</u> Payment of costs for preparing and executing new procurement contract If the procurement contract is terminated due to a breach of contract by the successful bidder, he or she bears additional cost necessary for the completion of procurement contract activities as well as for preparation of the new procurement contract which is calculated as a lump sum of one percent (1%) of the new procurement contract price. This amount is deducted from the approved invoices which have not been paid or recovered using other means.	Le montant des pénalités résultant au retard ou à la mauvaise exécution des travaux est prélevé sur le montant des factures à honorer ou sur la garantie de bonne exécution. <u>Article 158 :</u> Résiliation du contrat pour mauvaise exécution ou retard d'exécution Lorsque les pénalités de retard ou de mauvaise exécution ou le cumul de deux atteignent le montant de la garantie de bonne exécution, le marché est d'office annulé aux torts de l'attributaire du marché. <u>Article 159:</u> Paiement des frais de préparation et de conclusion du nouveau contrat de marché Lorsque la résiliation du contrat de marché s'opère aux torts de l'attributaire du marché, l'attributaire du marché supporte le coût supplémentaire d'exécution des travaux non réalisés ainsi que les frais de conclusion d'un nouveau contrat de marché évalués forfaitairement à un pour cent (1%) du prix du nouveau contrat de marché. Tous ces montants sont déduits sur les factures en suspens, ou récupérés par toute autre voie.
---	---	---

Iyo hagati y'igiciro cy'amasezerano y'isoko rya mbere n'irishya hagize amafaranga asaguka, atwarwa n'urwego rutanga isoko. <u>Icyiciro cya 3: Igihano ku mukozi wa Leta cyangwa uwatsindiye isoko igihe atubahirije inshingano ze</u> <u>Ingingo ya 160: Kutubahiriza inshingano zirebana n'amasoko ya Leta ku mukozi w'urwego rutanga isoko</u> Umukozi w'urwego rutanga isoko ufite aho ahuriye n'amasoko ya Leta ukora kimwe muri ibi bikorwa bikurikira: 1° kutamenyesha nkana cyangwa kudaha upiganwa inyandiko cyangwa amakuru yemerewe n'amategeko n'amabwiriza; 2° kwanga cyangwa gutinda kwishyura ibyakozwe nk'uko biteganyijwe muri iri tegeko nta mpamvu; 3° kudasubiza ingwate mu gihe uwapiganwe yarangije kubahiriza inshingano zikubiye mu masezerano y'isoko hagati y'urwego rutanga	If there is any surplus between the initial procurement contract value and the new procurement contract value, it belongs to the procuring entity. <u>Section 3: Sanction for a public servant or successful bidder for failure to fulfil his or her duties</u> <u>Article 160: Failure by a staff member of the procuring entity to fulfil his or her duties related to public procurement</u> An employee of a procuring entity who is somewhat linked to public procurement and who commits one of the following: 1° failure to communicate or give to the bidder a document or information that he or she legally entitled to as per laws and regulations; 2° refusal or delay to pay services done in accordance with the provisions of this Law, without reasonable grounds; 3° failure to return with no reasons the security in case the bidder has fulfilled his or her duty;	En cas de différence positive entre l'ancien et le nouveau prix du contrat de marché, elle est acquise à l'entité de passation de marché. <u>Section 3 : Sanction pour un agent de l'État ou l'attributaire du marché pour manquement à ses obligations</u> <u>Article 160 : Manquement par un employé de l'entité de passation de marché à ses obligations en matière des marchés publics</u> Un employé d'une entité de passation de marché qui est de quelque manière que ce soit lié aux marchés publics et qui pose l'un des actes suivants : 1° omission de communiquer ou de donner au soumissionnaire un document ou une information qu'il a légalement le droit selon les lois et règlements ; 2° refus ou retard de payer les travaux exécutés conformément aux dispositions de la présente loi, sans motif valable ; 3° refus de restituer la garantie au cas où le soumissionnaire a rempli ses obligations, sans motif valable ;
---	--	---

isoko n'uwatsindiye isoko, nta mpamvu;		
4° kugira uruhare mu kwanga cyangwa gutinda kwakira by'agateganyo cyangwa burundu imirimo, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke zakozwe, nta mpamvu;	4° contributing to the refusal or delay of provisional or definitive reception of works, goods or supplies, executed consultancy and non-consultancy services, without reasonable grounds;	4° contribuer au refus ou au retard de la réception provisoire ou définitive des travaux, des biens ou des fournitures, des services de consultance et de non-consultance exécutés, sans motif valable;
5° kutabika neza inyangwako zijyanye n'itangwa ry'amasoko, nta mpamvu;	5° failure to keep well documents related to tenders' award, without reasonable grounds;	5° défaut de tenir les documents relatifs à la passation des marchés, sans motif valable;
6° kugira uruhare mu kutubahiriza ibikubiye mu masezerano y'isoko hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko;	6° contributing to the breach of provisions of the procurement contract between the procuring entity and the successful bidder;	6° contribuer à la violation des clauses du contrat de marché entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché ;
7° kugira uruhare mu kudafatira cyangwa kwanga gufatira amafaranga y'uwatsindiye isoko utishyura abo yakoresheje nk'uko biteganywa n'iri tegeko;	7° contributing to the non-seizure or refused to seizure the money of a successful bidder who failed to pay his or her workers as stated in this law;	7° contribuer au refus ou a refusé de saisir le paiement dû à l'attributaire du marché qui ne paie pas ses employés conformément à la présente loi ;
8° kugira uruhare mu itangwa ry'isoko ridateganijwe mu igenamigambi ry'amasoko ya Leta nk'uko biteganywa n'iri tegeko;	8° contributing in the award of an unplanned tender as stated in this law;	8° participer à l'attribution d'un marché non prévu dans la planification des marchés publics tel que prévu par la présente loi;
9° gusaba ibikoresho cyangwa ibindi bintu bikagurwa ariko bigata agaciro	9° purchasing materials or other items which expire without being used;	9° acquérir le matériel ou d'autres articles et que ceux-ci expirent sans les utiliser ;

bitarakoreshwa; 10° kugira uruhare mu gutanga isoko rya Leta bitanyuze mu ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta nk'uko biteganywa n'iri tegeko, nta mpamvu; 11° kutamenyekanisha amasoko yatanze bitanyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga ry'itangwa ry'amasoko ya Leta; 12° gutanga isoko hatubahirijwe ibiteganywa n'iri tegeko birebana no gushyira abapiganwa mu byiciro; 13° kugura ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bizwi cyangwa byashoboraga kumenyekana ko bidakenewe; aba akoze ikosa. Ahanishwa guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahembwa. Icyakora, umukozi w'urwego rutanga isoko ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira: 1° gutanga isoko nta ngengo y'imari yabiteganyirijwe;	10° being involved in the award of a public tender outside e-procurement system in accordance to the provisions of this law, without reasonable grounds; 11° not reporting tenders awarded outside e-procurement system; 12° awarding a tender without complying with the provisions of this law relating to the categorisation of bidders; 13° purchasing goods or supplies knowing or in the position to know that they are not needed; commits a fault. He or she is liable to suspension from duties for a period not exceeding three (3) months without salary. However, an employee of a procuring entity who commits one of the following acts: 1° to award a tender without the planned budget;	10° participer à l'attribution du marché public en dehors du système électronique de passation de marchés tel que prévu par la présente loi, sans motif valable ; 11° ne pas communiquer les marchés passés en dehors du système électronique de passation de marché ; 12° attribuer un marché sans respecter les dispositions de la présente loi relatives à la catégorisation des soumissionnaires ; 13° acheter des biens ou fournitures sachant ou étant dans la position de savoir que ces biens ou fournitures ne sont pas nécessaires ; commet une faute. Il est passible d'une suspension de ses fonctions pour une période qui ne dépasse pas trois (3) mois sans salaire. Toutefois, un employé de l'entité de passation de marché qui pose l'un des actes suivants : 1° octroyer un marché public sans ligne budgétaire ;
--	--	---

2° gutanga isoko ry'imirimu ritakorewe inyigo nk'uko biteganywa n'iri tegeko; 3° gutanga isoko rya Leta nta masezerano y'isoko akozwe hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko, uretse aho biteganywa ukundi n'iri tegeko; 4° kudatanga isoko ryo gukurikirana imirimu nk'uko biteganywa n'iri tegeko; aba akoze ikosa rihanishwa igihano cyo kwirukanwa ku kazi. <u>Ingingo ya 161:</u> Kudakurikiza amategeko ngengamytwarire bikoze n'uwatsindiye isoko Uwatsindiye isoko udakurikiza amategeko ngengamytwarire nk'uko biteganywa n'amabwiriza y'imytwarire mu masoko ya Leta ahanishwa gusesa amasezerano y'isoko n'ibindi bihano byo mu rwego rw'ubutegets biteganywa mu mategeko ngengamytwarire.	2° to award a tender for works without prior study as provided by this law; 3° to award a tender without a signed procurement contract between the procuring entity and the successful bidder, unless otherwise provided for by this Law; 4° not awarding a tender for the supervision of works as provided for by this Law, commits a fault punishable with dismissal. <u>Article 161:</u> Breach of rules of conduct by the successful bidder A successful tenderer who does not comply with the rules of ethics in public procurement is sanctioned by the cancellation of the procurement contract and other administrative sanctions provided for by the rules of ethics.	2° octroyer le marché des travaux sans étude préalable tel que prévu par la présente loi ; 3° attribuer un marché public sans le contrat signé entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché, sauf stipulation contraire de la présente loi ; 4° ne pas octroyer un marché de surveillance de travaux tel que prévu par la présente loi. commet une faute passible de révocation. <u>Article 161:</u> Non-observation des règles d'éthique pour l'attributaire du marché Un attributaire de marché qui ne se conforme pas aux règles d'éthique dans la passation des marchés publics est sanctionné par la résiliation du contrat de marché ainsi que d'autres sanctions administratives prévues par les règles d'éthique.
---	---	---

<u>Ingingo ya 162: Ihame rigenga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</u> Igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi cyerekeye amakosa yakozwe mu masoko ya Leta ntikibangamira cyangwa ngo kibangamirwe n'uburyozwe cyangwa uburyo bw'ikurikiranacyaha buteganywa n'amategeko ahana.	<u>Article 162: Principle concerning administrative sanctions</u> The administrative sanction concerning faults committed in public procurement does not compromise or is not compromised by the liability or prosecution procedure provided for under criminal laws.	<u>Article 162 : Principe relatif aux sanctions administratives</u> La sanction administrative pour les fautes commises dans les marchés publics ne compromet pas ou n'est pas compromise par la responsabilité ou la procédure de poursuite prévues par les lois pénales.
<u>UMUTWE WA V: IBYAHA N'IBIHANO</u>	<u>CHAPTER V: OFFENCES AND PENALTIES</u>	<u>CHAPITRE V: INFRACTIONS ET PEINES</u>
<u>Ingingo ya 163: Gutanga isoko rya Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko</u> Umuntu wese ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira: 1° guhishurira upiganwa amakuru ajyanye n'imiterere ya tekini y'isoko mbere y'igihe cy'itangazwa ryaryo; 2° kwanga gutanga nta mpamvu igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'izindi nyandiko z'inyongera zacyo cyangwa gutanga ikitari cyo cyangwa icyo yahinduye; 3° gutuma akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kabogama kagafata	<u>Article 163: Illegal awarding of public procurement</u> A person who commits one of the following acts: 1° to disclose to the bidder information on technical specifications of the tender before its publication; 2° to refuse without reasonable grounds to deliver a tender document and its supplement or deliver a different tender document or one that he or she has modified; 3° to influence the public tender committee to use evaluation criteria not	<u>Article 163 : Attribution illégale du marché public</u> Une personne qui pose l'un des actes suivants : 1° révéler au soumissionnaire les spécifications techniques du marché avant la publication du marché ; 2° refuser de rendre disponible sans raison valable le dossier d'appel d'offres ainsi que d'autres pièces additionnelles ou rendre disponible un faux dossier d'appel d'offre ou celui qu'elle a modifié; 3° entraîner le comité de passation de marchés publics à baser sa décision sur

icyemezo kinyuranyije n'ibiteganywa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;	provided for by the tender document;	des critères non prévus dans le dossier d'appel d'offres ;
4° gukoresha impamvu idateganyijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa agatanga isoko;	4° to use a criterion that is not provided for in the tender document to award a tender;	4° utiliser un critère non prévu dans le dossier d'appel d'offres pour attribuer un marché ;
5° gucamo isoko ibice hagamiywe kunyuranya n'ibitegenywa n'iri tegeko;	5° to split a tender with the aim of avoiding the application of the provisions of this law;	5° procéder à l'allotissement du marché pour esquiver les exigences prévues par la présente loi ;
6° guha cyangwa gutanga umwanzuro wo guha isoko ikigo kidafite ubuzimagatozi;	6° to award or propose to award a tender to an entity with no legal personality;	6° attribuer ou recommander une décision d'attribuer un marché à une société ou une entité n'ayant pas de personnalité juridique ;
7° guha cyangwa gutanga umwanzuro wo guha isoko uwahejwe mu masoko ya Leta;	7° to award or propose to award a tender to a bidder that has been debarred from public procurement;	7° attribuer ou recommander d'attribuer un marché au soumissionnaire exclu ;
8° kugira uruhare, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, mu itangwa ry'isoko mu gihe hari igongana ry'inyungu mu buryo buteganywa n'iri tegeko;	8° to participate directly or indirectly in the process of awarding a tender when there is conflict of interest under the provisions of this law;	8° participer d'une manière directe ou indirecte dans l'attribution d'un marché alors qu'il y a conflit d'intérêts tel que prévu par la présente loi;
9° kugira uruhare mu gushyira umukono ku masezerano y'isoko hatabanje kwakirwa ingwate yo kurangiza imirimo neza;	9° to participate in the signing of procurement award contract without prior acceptance of performance security;	9° s'impliquer dans la signature du contrat de marché avant la présentation d'une garantie de bonne exécution du contrat;

10° kudafatira ingwate ziteganywa n'iri tegeko; 11° kutubahiriza ihame ryo gukoresha umutungo neza n'iryo gukorera mu mucyo mu itangwa ry'amasoko ya Leta bigateza Leta igihombo; 12° gutanga isoko rya Leta akoresheje uburyo bunyuranye n'ubuteganywa n'amategeko agenga amasoko ya Leta bigateza Leta igihombo; 13° gutanga isoko rya Leta nta masezerano cyangwa kudakora amasezerano y'isoko y'inyongera mu gihe habaye impinduka ku masezerano y'isoko y'ibanze; 14° gucunga amasezerano y'isoko mu buryo butubahirije amategeko yerekeye imicungire y'amasezerano y'amasoko ya Leta bigateza Leta igihombo; aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsu y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu	10° to fail to seize securities provided for under this Law; 11° to fail to observe the principles of value for money and transparency in public procurement considered to cause public loss; 12° to award public tender by means of methods contrary to those provided for under Laws governing public procurement, causing a loss to the State; 13° to award a tender without a procurement contract or fail to make a procurement contract for additional works when there is a change on the initial procurement contract; 14° to manage the procurement contract contrary to legal provisions relating to public procurement contracts management, thereby causing a loss to the State. commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of	10° ne pas saisir les garanties prévues par la présente loi ; 11° ne pas mettre en pratique le principe rapports qualité-prix et de transparence dans la passation des marchés publics et que ceci conduit à la perte pour l'État; 12° attribuer un marché public suivant des méthodes non prévues par les lois régissant les marchés publics et que cela cause une perte pour l'État ; 13° attribuer un marché public sans contrat de marché avec l'attributaire du marché ou bien sans contrat de marché additionnel dans le cas où il y a une majoration de ce qui est prévu par le contrat de marché initial ; 14° gérer un contrat de marché contrairement aux dispositions légales relatives à la gestion des contrats de marchés publics, occasionnant ainsi une perte pour l'État. commet une infraction. Si elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une
---	---	---

y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW). <u>Ingingo ya 164:</u> Gukora ibikorwa by'akagambane mu masoko ya Leta Umuntu wese ukora ibikorwa by'akagambane mu masoko ya Leta, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW). Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe n'umukozi abitegetswe n'umuyobozi we, uwo muyobozi ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).	not less than two million Rwandan Francs (FRW 2,000,000) and not more than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000). <u>Article 164:</u> Collusion in the course of public procurement process Any person, who gets involved in collusive practices in public procurement, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than two million Rwandan Francs (FRW 2,000,000) and not more than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000). Where the offence referred to under Paragraph One of this Article is committed by an official acting under orders from a superior, the superior is liable to a term of imprisonment not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW). <u>Article 164:</u> Complicité dans le processus de passation de marchés publics Toute personne qui s'implique dans les pratiques collusoires au cours du processus de passation de marchés publics, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW). Lorsque l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise par un agent agissant sur ordre d'un supérieur, ce supérieur est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
--	--	---

<u>Ingingo ya 165:</u> Gutanga inyungu zidafite ishingiro mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko Umuntu ukoze kimwe muri ibi bikorwa bikurikira: 1° gukora amasezerano y'isoko y'inyongera atubahirije ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza, kongera agaciro k'isoko cyangwa kugabanya ingano y'isoko ku buryo budahuye n'igabanuka ry'agaciro karyo; 2° guhindura cyangwa kuvugurura ibiciro yitwaje kubihuza n'igihe mu buryo budateganyijwe n'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyangwa hirengagijwe ibyo giteganywa; 3° kwemeza imirimo itarakozwe, iyakozwe nabi, serivisi z'impuguke zitakozwe ku rwego rwazo, imirimo yahimbwe, kwishyura imirimo cyangwa serivisi cyangwa kwishyura amafaranga arenga agomba kwishyurwa hakurikijwe amasezerano y'isoko; aba akoze icyaha.	<u>Article 165:</u> Award of unjustified advantages during the performance of the procurement contract Any person who commits one of the following acts: 1° to make a procurement contract amendment disregarding the provisions of the law and regulations and increase the value of the tender or reduce the assignment of the tender without a corresponding decrease in the tender value; 2° to revise or update prices in a manner that is not provided for by the tender document or in violation of its requirements; 3° to approve or pay unexecuted, poorly executed works, or incomplete consultancy services or non-existent works or pay these works or services or pay an amount exceeding the contractual amount; commits an offence.	<u>Article 165:</u> Octroi des avantages indus durant l'exécution du contrat de marché Toute personne qui fait l'un des actes suivants : 1° conclure un avenant au contrat de marché sans respect des dispositions de la loi et les règlements et augmenter la valeur du marché ou réduire les prestations sans réduction équivalente de la valeur du marché; 2° effectuer une révision des prix ou une actualisation des prix de manière non prévue dans le dossier d'appel d'offres ou en violation des prescriptions dudit dossier ; 3° approuver ou payer des travaux non exécutés, des travaux mal exécutés ou des services de consultance non conformes, des prestations fictives ou payer ces travaux ou services en dépassant le montant dû ; commet une infraction.
--	--	---

Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'agaciro k'amafaranga yahombeje Leta. Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umukozi abitegetswe n'umuyobozi we, uwo muyobozi ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'agaciro k'amafaranga yahombeje Leta. <u>Ingingo ya 166: Gukoresha igitinyiro mu masoko ya Leta</u> Umuntu wese ukoresha igitinyiro ku wo akuriye bigatuma afata icyemezo kibogamye mu itangwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya Leta, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine equal to fifty percent (50%) of the value of the losses incurred by the State. Where the acts referred to under Paragraph One of this Article are committed by an official acting under orders from a superior, the superior is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine equal to fifty percent (50%) of the value of the losses incurred by the State. <u>Article 166: Use of influence peddling in public procurement</u> Any person who performs an act aimed at influencing his or her subordinates to take unfair decision in the award of and executing a public procurement tender, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000).	Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende égale à cinquante pourcent (50%) de la valeur du montant des pertes encourues par l'État. Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par un agent agissant sur ordre d'un supérieur, ce supérieur est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende égale à cinquante pourcent (50%) de la valeur du montant des pertes encourues par l'État. <u>Article 166: Trafic d'influence dans la passation des marchés publics</u> Toute personne qui fait une action visant à influencer ses subordonnés à prendre une décision injuste dans l'attribution et de l'exécution d'un marché public, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
---	---	--

<u>Ingingo ya 167:</u> Guhatira umuntu gukora isoko Umuntu wese uri mu rwego rw'ubuyobozi cyangwa umukozi w'urwego rutanga isoko, ubabaza cyangwa ukangisha undi kumubabaza mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, kuri we, ku murimo we cyangwa ku mutungo we agamije kumuhatira gupiganira isoko rya Leta cyangwa kurishyira mu bikorwa, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'inyuma itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).	<u>Article 167:</u> Coercing a person into procurement participation Any person in management or staff position of procuring entity who causes harm or threatens to cause harm, directly or indirectly, to a person, to his or her work or property to influence his or her participation in the public procurement process or affect its performance, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000).	<u>Article 167:</u> Contraindre une personne à participer au processus de passation des marchés Toute personne occupant un poste de direction ou d'employé au sein de l'entité de passation de marché qui porte préjudice ou menace de porter préjudice, directement ou indirectement, à une personne, à son travail ou à sa propriété en vue d'influencer sa participation au processus de passation des marchés ou d'en affecter l'exécution, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO, N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES, ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 168:</u> Guha agaciro ibyakozwe Amasoko yose yatanze kandi agikorwa cyangwa yarangiye ariko akiri mu gihe cy'ubwishingire ku muni iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, akomeza kugengwa n'amasezerano yashyizweho	<u>Article 168:</u> Validity of acts concluded All the tenders in progress and those that have been executed but still under security period on the date on which this Law is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda remain to be governed by the procurement contract signed by both parties.	<u>Article 168 :</u> Validité des actes conclus Tous les marchés en cours et ceux qui ont été exécutés mais toujours sous garantie au jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda restent régis par le contrat de marché signé par les deux parties.

umukono n'impane zombi. <u>Ingingo ya 169:</u> Amateka asanzwe akurikizwa Amateka ashingiye ku Itegeko N°62/2018 ryo ku wa 25/08/2018 rigenga amasoko ya Leta akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranyije n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12), uherye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. <u>Ingingo ya 170</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 171:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko Itegeko n°62/2018 ryo ku wa 25/08/2018 rigenga amasoko ya Leta n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo bivanyweho.	<u>Article 169:</u> Orders in force Orders instituted by virtue of Law n° 62/2018 of 25/08/2018 governing public procurement remain in force under Articles consistent with this Law for a period not exceeding twelve (12) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. <u>Article 170:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 171:</u> Repealing provision Law n° 62/2018 of 25/08/2018 on public procurement is repealed and all prior legal provisions inconsistent with this Law are repealed.	<u>Article 169:</u> Arrêtés en vigueur Les arrêtés mis en place en vertu de la Loi n° 62/2018 du 25/08/2018 portant réglementation des marchés publics restent en vigueur en ses articles conformes à la présente loi pendant période ne dépassant pas douze (12) mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal officiel de la République du Rwanda. <u>Article 170:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 171 :</u> Disposition abrogatoire La Loi n° 62/2018 du 25/08/2018 relative aux marchés publics est abrogée et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
--	--	--

<u>Ingingo ya 172</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 172:</u> Commencement This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 172 :</u> Entrée en vigueur La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	---	--

Kigali, 21/11/2022

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux